

INYIGISHO YA BURI MUNSI
UAMBO RYAWA RYA BURI MUNSI

IGICE CYA 2

Mata – Gic - Kame

2026

Inkuru Nziza

BURI MUNSI

NTA KIGUZI

KUGURISHWA NTIBYEMWE

IMINYIGISHO YAMAZE

KWIGITURWA

NABAFATANYE BICUWA

KUGIRA NGO TAKAZWE KU

BUNTU

Nkuko amazi afutse amerera umutima waka, ni ko n'inkuru nziza zimera
zivuye mu gihugu cya kure (*Imigani 25:25*)

Uebert & BeBe
ANGEL



INGINGO YA 2 | 2026

MATA - GICURASI - KAMENA

IMYIRONDORO YAWA

Amazina:

Aho utuye:

Telephone:

INTEGO ZAWA MURI IKI CYICIRO

UKO WAKORESHA IYI NYIGISHO NGO BIGIRE UMUMARO WISUMBUYEHO

InkuruNziza ya Buri Munsu yagenewe kugufasha gukura binyuze mu Ijambo ry'Imana buri munsu. Jya usoma iyi nyigisho witonze maze utekereze ku butumwa burimo.

Jya usenga isengesho rya buri munsu kandi waturane ukwizera Ijambo rya Gihanuzi, wizere ko Imana iri gukora mu buzima bwawe.

Jya ukurikirana umukoro wo gusoma Bibiliya buri munsu kandi usoma n'ibindi byanditswe kugira ngo ukomeze gusobanukirwa Ijambo ry'Imana maze wubake umubano uhamye na Yo.

Uko usoma iyi nyigisho ya buri munsu, wizere ko Ijambo ry'Imana rizakuyobora, rikagukomeza kandi rikakuyobora mu ntsinzi.

Ryohereza mu mwanya uri kumwe n'Imana hamwe n'InkuruNziza ya Buri Munsu, Imana iguhe umugisha.

Umuhanuzi Uebert Angel

www.goodnewsdailydevotional.com



Tinyigisho y'Inkuru Nziza ya buri muni ni igikoresho gikomeye cy'umukristo cyandikanywe ubuhanga kugira ngo gitange amasomo akomeza umuntu mu mwuka buri muni w'umwaka. Itanga ubumenyi bwimbitse, n'ihishurirwa rikomeye, ndetse n'ijambo rya gihanuzi rya buri muni bigamije kuyobora abayisoma mu buzima bugengwa na Kristo, ishingiyeye ku nyigisho zizana impiduka ndetse n'ihishurirwa ry'Umuhanuzi Uebert Angel. Isohoka kane mu mwaka, iyi nyigisho ifite itandukinyirizo ryo kuba igera ku isi hose, ikaba iboneka ku buntu mu ndimi nyinshi kugira ngo irenge inzitizi z'ururimi kugira ngo ubutumwa bwayo buhindura ubuzima bubashe kugerwaho na bese ku isi yose. Isohoka mu byiciro byihariye ari byo icy'abakuru, ingimbi ndetse n'icy'abana, iyi nyigisho y'Inkuru Nziza izana Ijambo rya Gihanuzi kuri buri wese mu kigero cye, bigatera umuryango imbaraga zo gukurira hamwe mu kwizera no mu ihishurirwa.

UEBERT NA BEVERLY ANGEL

Mu myaka myinshi bamaze mu murimo w'Imana uhoraho, Uebert na Bebe Angel ni amajwi ayoboye kandi aganje mu gutangaza Inkuru Nziza y'Ubuntu bw'Imana ndetse n'ubuhanuzi ku isi hose. Bombi ni abanditsi b'ibitabo byakunzwe na benshi aribyo Intambara y'Umwuka, Ubucuti, Banki 'Amasengesho, Imbaraga Zidasanzwe z'Uwizera, ndetse n'inyigisho y'Inkuru Nziza ya buri muni, batanze umusanzu ukomeye mu nyandiko za Gikristo. Uebert na Bebe Angel ni abigisha bavugaga mu biterane bifuzwa n'isi yose kandi nk'abayobozi ku rwego rw'isi, bubahirwa iyerekwa ryabo, udushya no gushira amanga. Nk'abashinze Itorero ry'Ubutumwa Bwiza (Spirit Embassy) bakagira n'umuhamagaru Wa gihanuzi, bahinduye ubuzima bwa miliyoni z'abantu ku isi yose biciye mu rukundo rwabo rwo kuzana ubugingo kuri Kristo binyuze mu iyerekwa ry'Ubutumwa Bwiza bw'ubuntu bw'Imana.



GUKWIRIRANYA IJAMBO

2 Timoteyo 2:15

Ujye ugira umwete wo kwishyira Imana nk'ushimwa, umukozi udakwiriye kugira ipfunwe, ukwiriranya neza ijambo ry'ukuri.

Benshi bakunda gusubiramo icyanditswe cy'uyu muni bakibanda ku ngingo imwe gusa y'ubusobanuro bwacyo. Ntabwo iki cyanditswe kerekana gusa akamaro ko kuba umunyeshuri w'umuhanga mu by'ijambo ry'Imana ahubwo cyerekana n'uburyo bwo kwigamo ibyanditswe. Nk'uko mu mibare kugabanya havamo ibice bingana, amabwiriza yo "gukwiriranya neza ijambo ry'ukuri" byerekana ko buri cyanditswe ugomba kugiharira umwanya n'imbaraga bingana.

Byaba mu bukungu, urushako, ubuzima busanzwe cyangwa ibindi, ibyanditswe byose bigirira umumaro itorerwa. Iga kugabanya umwanya wawe uwukwiriranya mu byanditswe neza. Iyo wamaze kubyakira, uba wambaye intwari zirwanya umwanzi ku buryo ubwo aribwo bwose yakoreshe akurwanya. Muri Uyu Mwaka w'Amavuta Adasanzwe, reka indyo yuzuye ukura mu byanditswe ikubyarire ubuzima bwiza bw'ubutsinzi.



IISENGESHO RY'UYU MUNSI

Mwami, mfasha kwiga ijambo ryawe mbishyizeho umwete n'umwanya ukwiriye. Mpa kumva ibyanditswe byose kugira ngo mbeho mfite ibikenewe, byuzuye ndi n'umutsinzi mu mpande zose z'ubuzima bwanjye.



IJAMBO RYA GIHANUZI

Ndi umunyeshuri ukomeye w'Ijambo ry'Imana. Uko ngabanya umwanya wanjye mu buryo bukwiriye niga ibyanditswe, ndambara intwari zose zikwiriye zo gutsinda imirimo y'umwanzi.



IBINDI BYANDITSWE
Ibyakozwe n'intumwa
17:11



UMUKORO WO GUSOMA BIBILIYA MU
MINSI 365 - UMUNSI WA 91
Yosuwa 13-15; Yohana 3:1-21

IJWI RIFITE IGISOBANURO!

1 Abakorinto14:10

Indimi zo mu isi nubwo ari nyinshi zite nta rudafite uko rusobanurwa.

Mu buvuzi, ijwi rivuze ubuzima. Uburyo bwa mbere umwana uvutse avuganamo n'isi ni mu ijwi, kandi iryo jwi ni ukurira. Abaganga rimwe na rimwe bagerageza kumubabaza kugira ngo gusa bumve ko arira, ikimenyetso nyacyo cy'ubuzima ndetse bukora neza. Kumva nabyo biri mu bintu umuntu atakaza bwa nyuma mbere yo gupfa, bishimangira akamaro kabyo kuva umuntu avutse kugeza apfuye. Uku kuri k'ubuzima gushushanya ukuri kwimbitse mu Mwuka: ijwi rifite igisobanuro mu isi y'umwuka.

Ubukristo bwawe bushingiye ku ijwi usohora iyo uri kwatura. Imbogamizi nyinshi abantu bakunze guhura nazo umuntu yazirebera mu majwi bemerera kwinjira mu buzima bwabo, indirimbo, ibiganiri, imyidagaduro, n'ibibakikije byose bifite ibisobanuro mu mwuka. Ibyanditswe birasobanutse, buri jwi ryose rifite igisobanuro, haranira ko ijwi ry'Imana ryumvikanira hejuru y'andi majwi yose agukikije.



ISENGESHO RY'UYU MUNSI

Data, tyariza amatwi yanjye kumvea ijwi ryawe rivugira hejuru y'ayandi majwi yose. Mfasha kurinda ibyo numva, nemerere ijwi ry'Ijambo ryawe guhindura ibitekerezo byanjye, amahitamo, n'ukwizera kwanjye.



IJAMBO RYA GIHANUZI

Nanze kumva buri jwi ryose. Amatwi yanjye yumva amajwi nyayo, n'Ijambo ry'Imana rifite ubutware bukomeye mu buzima bwanjye.



IBINDI BYANDITSWE
Imigani 4:20-21



UMUKORO WO GUSOMA BIBILIYA MU
MINSI 365 - UMUNSI WA 92
Yosuwa 16-18; Yohana 3:22-36

URUTOKI KU MBARUTSO

2 Abami 3:15

Ariko noneho nzanira umucuranzi n'inanga. "Nuko baramumuzanira. Agicuranga, ukuboko k'Uwiteka kujya kuri Elisa."

Buri mwana w'Imana wese yahawe ububasha bwo kunesha satani. Ariko bamwe bahora ku gitugu cye gusa kubera ko batazi gukurura imbarutso no kurekura izo mbaraga igihe babishatse. Mu byanditswe, hari imbarutso zo mu mwuka wakoresha mu kwitegura urugamba. Mu cyanditswe cy'uyu muni, Umuhanuzi Elisha yakeneye umucuranzi w'inanga. Kubera iki? Kugira ngo yitegure kwakira ubutumwa buvuye ku Mana. Kuramya byari imbarutso ye.

Muri uyu Mwaka w'Amavuta Adasanzwe, menya imbarutso yawe yo mu mwuka. Ishobora kuba indirimbo yo kuramya ikuremera ikirere Imana ikoreramo, icyanditswe kijyanye n'ibitekerezo byawe, cyangwa indimi z'umwuka zihariye zigutera imbaraga. Numara gusobanukirwa n'ubu buhanga bw'Umwuka, urutoki rwawe ruzahora ku mbarutso, rwiteguye kurekura imbaraga, umwanya uwo ariwo wose, aho ariho hose.



ISENGESHO RY'UYU MUNSI

Mwami, mpishurira imbarutso z'Umwuka zikangura umwuka wanjye kandi zikanshyira mu mwanya w'ububasha bwawe. Nyigisha gusubiza vuba kandi neza kugira ngo nshobore gukoresha imbaraga zawe igihe bikenewe.



IJAMBO RYA GIHANUZI

Namaze kumenya ikinsunika mu mwuka kikanantegurira kurekura imbaraga. Urutoki rwanjye ruri ku mbarutso, kandi iyo nyirekuye, umwanzi nta mahirwe na macye aba afite!



IBINDI BYANDITSWE
Ezekiyeli 3:22



UMUKORO WO GUSOMA BIBILIYA MU
MINSI 365 - UMUNSI WA 93
Luka 6:25-49; Zaburi 35-37

BA MASO

1 Petero 5:8

Mwirinde ibisindisha mube maso, kuko umurezi wanyu Satani azerera nk'intare yivuga ashaka uwo aconshomera.

Ingorane nyinshi abakristo bahura nazo uyu muni ni ingaruka ziva ku kunanirwa kumenya ibiri kubera mu isi y'umwuka. Tekereza ibihangange bikomeye ku isi, Uburusiya, Amerika n'Ubushinwa, bese bashora ama biliyoni mu bikorwa byo kugenzura ibiri kuba kugira ngo barinde inyungu zabo. Ibi byonyine byerekena akamaro ko guhora uri maso. Ibyanditswe byita abakristo ishyanga ryera, iryo zina rigendana n'inshingano.

Amagambo: kwirinda ibisindisha no kuba maso dusanga mu byanditswe by'uyu muni, avuga kwitondera ibintu no ku kuba maso mu mwuka, gukuraho ibirangaza no gutegeza amatwi yawe kumva icyo Imana ivuga. Ba maso cyane, umenye niba ahantu usura, abantu usabana nabo, cyangwa amakuru wumva atari amarembo y'umwanzi. Uko wiga Ijambo ushyizeho umwete, uzabona imitego ya satani kandi uyirinde. Ba umukritso uri maso!



ISENGESHO RY'UYU MUNSI

Data, mfasha kwirinda ibisindisha no kuguma ndi maso mu mwuka. Tyaza ubushishozi bwanjye kugira ngo mbashe kumenya amayeri yose y'umwanzi maze ngende ndindiwe mu kuri kwawe.



IJAMBO RYA GIHANUZI

Nk'igihangange cyo ku isi, numva neza akamaro ko guhora ndi maso. Mfite Ijambo ry'Imana nk'intwaro. Ndi umunyabwenge, ndi maso kandi simpumbya na gato!



IBINDI BYANDITSWE
1 Abatesalonike 5:6



UMUKORO WO GUSOMA BIBILIYA MU
MINSI 365 – UMUNSI WA 94
Josuwa 19-21; Yohana 4:1-38

KWITEGEREZA UMUYAGA

Umubwiriza 11:4

Uhora yitegereza umuyaga ntabiba, kandi uhora areba ibicu ntasarura.

Mu bushakashatsi mu bijyanye n'uko imvura igwa, umuyaga ufasha kumenya ibihe by'imvura n'ingano y'imvura izagwa mu bihe biri imbere. Ibi bidusobanurira byimbitse icyanditswe cy'uyu muni: uhora yitegereza umuyaga ntabiba. Abakristo benshi bigabanyiriza imigisha yabo bashyira ukwizera mubyo bashobora kubona cyangwa ibyatangiye kuba, aho kugira ngo bizere ko ibyo bashaka bizabaho nibashikama ku ijamba ry'Imana.

Aho gutekereza ngo, ni gute nakira indwara muganga yavuze ko idakira? Cyangwa ngo ni gute nahinduka umuterankunga mu bwami bw'Imana umuryango wanjye uri kuba mu bukene? Hanga amaso imvura, aho kureba ibicu, umuyaga cyangwa ikindi kintu amaso yawe ashobora kubona. Dukorera Imana itarigeze itsindwa kandi ntiteze gutsindwa!



IJISENGESHO RY'UYU MUNSI

Mwami, ukomeze kwizera kwanjye kugira ngo nte kwiringira ibyo mbona cyangwa ibyo numva. Mfasha kukwizera byuzuye, mbibe mu kwizera, nzi neza ko uzampa umusaruro.



IJAMBO RYA GIHANUZI

Imvura ije gukuraho ibihe byose by'amapfa mu buzima bwanjye. Nanze kwitegereza umuyaga cyangwa ibicu. Sinzibanda ku kumenya uko bizagenda, nizeye Imana byuzuye, kandi nzi neza ko izabikora, mu izina rya Yesu. Amen!



IBINDI BYANDITSWE
2 Abakorinto 4:18



UMUKORO WO GUSOMA BIBILIYA MU
MINSI 365 – UMUNSI WA 95
Yosuwa 22-24; Yohana 4:39-54



SHYIRA MU BIKORWA!

Matayo 17:27

Ariko kugira ngo tutababera igisitaza, jya ku nyanja ujugunyemo ururobo, ifi uri bubanze gufata uyende, uyasamure urasangamo sitateri, uyijyane uyibahe ku bwanjye no ku bwawe.

Mu byanditswe byera byose, Imana yagiye ikora ibitangaza n'ibimenyetso birenze ibitekerezo bya muntu, ariko ntiyigeze ishyigikira kudakora cyangwa ubunabwira. Iyo ubuhanuzi butanzwe, hakurikiraho ibikorwa buri gihe. Mu cyanditswe cy'uyu muni, Yesu yatumye Petero mu kanwa k'ifi kujya gushakamo amafaranga yo gutanga nk'umusoro. Iki cyari igitangaza kidasanzwe, ariko byasabye Petero gutangamo umusanzu we. Yagombaga gushyira mu bikorwa ijamba yahawe.

Abakristo benshi bamaze kumenyera kumva Ijambo ry'Imana batarishyira mu bikorwa. Ihishurirwa ridashyizwe mu bikorwa ntacyo ritanga. Kuva uyu muni, gamba mu mutima wawe kutaba uwumva gusa, ahubwo ukore ibiri mw'Ijambo ry'Imana. Shyira mu bikorwa ibyo Imana ikubwira, uzagenda mu butsinzi budasanzwe.



ISENGESHO RY'UYU MUNSI

Data, umpe ubuntu bwo gukora iby'Ijambo ryawe uko ndyumvise. Mfasha kuba ushyira mu bikorwa, aho kuba uwumva gusa, kugira ngo mbeho mu mwuzuro w'ibisubizo byawe bidasanzwe.



IJAMBO RYA GIHANUZI

Uko numvise Ijambo ry'Imana, ndishyira mu bikorwa. Mu gukora ibyo, nishyira mu mwanya mwiza wo kubaho mu butsinzi budasanzwe!



IBINDI BYANDITSWE

Yakobo 2:17



UMUKORO WO GUSOMA BIBILIYA MU

MINSI 365 – UMUNSI WA 96

Abacamanza 1-3; Yohana 5:1-24



NTA SI IDAFITE AMAGAMBO

Imigani 18:21

Ururimi ni rwo rwica kandi ni rwo rukiza, Abarukunda bazatungwa n'icyo ruzana.

Mu buvanganzo ishami ry'ubumenyi bw'indimi risuzuma inkomoko y'ururimi, abahanga mu by'amateka baracyajya impaka ku gihe ikiremwa muntu cyatangije ururimi rusange. Mu gihe isi ikomeje gushidikanya, ibyanditswe byera byo ntibishidikanya. Bibiliya yerekana ko nta gihe isi yigeze ibaho idafite amagambo. Mbere y'imfatiro z'isi, Umwami Yesu yaremye ibintu byose akoresheje imbaraga z'amagambo ye. Ubusobanuro bw'amagambo yavuzwe ni inkingi mu irema kugeza n'aho Kristo ubwe yitwa Jambo.

Nk'abana be, twahawe ububasha nk'ubwe bwo kurema. Bibiliya yerekana ko iyo duhaye agaciro amagambo tuvuga, dutera impinduka mu isi y'umwuka. Uyu ni umwaka w'Amavuta Adasanzwe. Atura ubuzima mu mpande zose zo kubaho kwawe, kuko hari imbaraga mu rurimi rwawe!



ISENGESHO RY'UYU MUNSI

Mwami, yobora ururimi rwanjye kwatura ubuzima igihe cyose. Mpa gukoresha amagambo nshyizemo ubwenge, mpuze imivugire yanjye n'ukuri kwawe mu kuzana ibisubizo by'ubumana.



IJAMBO RYA GIHANUZI

Nahawe amagambo yuzuye imbaraga Imana yakoresheje irema imfatiro z'isi. Iyo natuye kandi ngategeka, ncecekesha imigambi yose y'umwanzi ngafungura inzira nshya z'ubutsinzi.



IBINDI BYANDITSWE
Imigani 15:4



UMUKORO WO GUSOMA BIBILIYA MU
MINSI 365 – UMUNSI WA 97
Abacamanza 4-5; Yohana 5:25-47

ABO IMANA IKORESHA

Kuva 3:6

Kandi iti “Ndi Imana ya so, Imana ya Aburahamu, Imana ya Isaka, Imana ya Yakobo.” Mose yipfuka mu maso, kuko atinye kureba Imana.

Imbaraga z’Imana ntizigaragara gusa binyuze mu kuboko kwayo; unyuze mu byanditswe byera, zigaragarira no mu bagabo n’abagore yahisemo gukoresha yerekana imbaraga zayo. Mu murongo twasomye uyu munsi, Umuremyi w’isi yivuze akoresheje amazina y’abantu yakoreyemo, Aburahamu, Isaka, na Yakobo. Tekereza kuba ufite umwanya nk’uwo mu mwuka, aho Imana yivuga igashyiramo urugendo mwagendanye!

N’ubwo bari bafite inenge, Imana ntiyibanze ku ntege nke zabo, ahubwo yibanze ku bo yabaremeye kuba bo, abo ikoresha yerekana imbaraga zayo. Mu buryo bumwe, Imana ishaka kwerekanira imbaraga zayo muri wowe. Uri igikoresho cyatoranyijwe. Korera mu gushira amanga no mu butware yaguhaye, ubigenderemo uyu munsi.



ISENGESHO RY’UYU MUNSI

Data, ngushimiye ko wahisemo gukorera muri nje. Mfasha kugenda nshize amanga mu butware wampaye no kuba igikoresho imbaraga zawe zigaragariramo.



IJAMBO RYA GIHANUZI

vNdi umuyoboro w’imbaraga z’Imana! Imana yerekanira ibitangaza byayo muri nje. Uko ngendera mu kuri kwa gikristo, nta mahirwe na make satani afite, sinkorwaho!



IBINDI BYANDITSWE
Ibyakozwe n’intumwa
1:8



UMUKORO WO GUSOMA BIBILIYA MU
MINSI 365 - UMUNSI WA 98
Abacamanza 6-7; Yohana 6:1-21

INGORANE ZIHAGARARE

Yosuwa 10:13

Izuba riherako rirahagarara n'ukwezi kuguma aho kuri, bigeza aho ubwo bwoko bwamariye guhora inzigo ababisha babo. Mbese icyo nticyanditswe mu gitabo cya Yashari? Izuba riguma mu ijuru hagati ritinda kurenga, rimara nk'umunsi wose.

Kuba Yosuwa yarategetse izuba guhagarara rikaguma rirashe, biri mu bitangaza byo muri Bibiliya byagiweho impaka cyane. Bamwe bemera ko ari amagambo y'ubusizi asobanura ko amanywa yabaye maremare, mu gihe abandi babifata uko biri. Ariko uko uhitamo kubisobanura kose, harimo ukuri kudakuka: umugabo wo mu isezerano rya kera yakoze igitangaza gikomeye mu mateka ya muntu.

Nk'umukristo, ufite ububasha burenze kure cyane ubwa Yosuwa. Niba yarashoboye gutegeka izuba n'ukwezi bigahagarara, nawe ibyo unyuramo bigomba kukumvira. Kristo ntiyaguhaye ubugingo bw'iteka gusa, yaguhaye n'ububasha buhoraho bwo gutwara isi yawe uko ubishaka. Bwira buri ngorane zose uri gucamo guhagarara!



ISENGESHO RY'UYU MUNSI

Mwami, mfasha kwitoza gukoresha ububasha wanshyizemo. Unyigishe kuvugana ukwizera kugira ngo ibyo nyuramo byose byumvire ugushaka kwawe.



IJAMBO RYA GIHANUZI

Nk'uko Yosuwa yahagaritse izuba, ibyo nyuramo byose bigomba kumvira amagambo yanjye. Mfite ububasha bwo gutwara isi uko mbishaka. Ingorane zose zirahagarara uko mbitegetse!



IBINDI BYANDITSWE
Abaroma 12:2



UMUKORO WO GUSOMA BIBILIYA MU
MINSI 365 – UMUNSI WA 99
Abacamanza 8-9; Yohana 6:22-41

UMUBYAZA W'AHAZAZA

1 Samweli 23:16

Bukeye Yonatani mwene Sawuli arahaguruka asanga Dawidi mu ishyamba, amukomeza ku Mana.

Mu buvuzi, umubyaza ayobora kandi agafasha umubyeyi mu rugendo rwe rwo gutwita, kubyara na nyuma yaho. Mu buryo bumwe, ibyanditswe byerekana akamaro ko kugira umubyaza ugufasha kugera ku hazaza hawe. Iyo Imana ishaka kugukoresha, igukikiza abantu bazagukomeza bakanashyigikira umugambi wayo ku buzima bwawe.

Nk'ingingo z'umubiri wa Kristo, ntanumwe muri twe waremewe gukora ku giti cye. Ukeneye abandi bazagukomeza ku Mana, kandi nawe, uhamagariwe gukomeza abandi. Ikikize abantu bazagufasha kugera ku hazaza hawe, bagufasha mu kukubyaza icyo Imana yagushyizemo. Imana itanga abantu nk'abo; inshingano zawe ni ukubamenya, ukabemerera gusohozza intego zabo mu buzima bwawe.



ISENGESHO RY'UYU MUNSI

Data, ngushimiye kubw'abantu washyize mu buzima bwanjye ngo bankomeze bananyobore. Nshoboza kumenya abamfasha kugera ku hazaza hanjye no kuba isoko y'imbaraga ku bandi.



IJAMBO RYA GIHANUZI

Muri uyu Mwaka w'Amavuta Adasanzwe, Imana inkikije abantu bateza imbere umugambi wayo mu buzima bwanjye. Ngendera mu buntu bwayo, kandi Imana inzanira ababyaza b'ahazaza mu bihe byose!



IBINDI BYANDITSWE
Imigani 27:17



UMUKORO WO GUSOMA BIBILIYA MU
MINSI 365 – UMUNSI WA 100
Luka 7:1-25; Zaburi 38-40



TWASHYIZWE MU BWAMI BW'IMANA

Abakolosayi 1:13

Ni we wadukijije ubutware bw'umwijima, akadukuramo akatujyana mu bwami bw'Umwana we akunda.

Bibaho ko igihugu gifite imbaraga cyiyomekaho agace k'ikindi gihugu. Intara ikomeye ikāgurira ububasha bwayo, amategeko ndetse n'imikorere yayo ku butaka bushya biyometseho. Nkuko nawe uvuka ubwa kabiri, washyizwe mu Bwami bw'Imana. Mu mibereho yawe ya kera nta mbaraga, ubushobozi ndetse n'ububasha bw'Imana warufite, ariko binyuze mu gakiza, wahindutse ishyanga rishya riyoborwa n'Imana.

Gendera muri uku kuri k'ubuzima bwawe bushya muri uyu mwaka w'Amavuta Adasanzwe ubuzima bw'ubutunzi n'intsinzi by'iteka kuko utakigengwa n'amategeko y'igihugu wabagamo. Ubu noneho ugendera muni y'amategeko n'imikorere y'Imana Yera binyuze mu buzima bushya Imana yaguhaye.



ISENGESHO RY'UYU MUNSI

Data, umfashe kugendera mu kuri k'ubuzima bwanjye muri Kristo. Unyigishe kubaho nkurikiza amategeko y'Ubwami Bwawe kandi sinzongere gusubira mu mibereho ya kera.



IJAMBO RYA GIHANUZI

Nashyizwe mu Bwami bw'Imana! Sinkiyoborwa n'amategeko n'imikorere by'iyi si. Ibikoreshe umwanzi yakoreshega yangiza ubuzima bwanjye bwa kera, ubu nta bubasha bigifite kuri nje!



IBINDI BYANDITSWE
Abaroma 12:2



UMUKORO WO GUSOMA BIBILIYA MU
MINSI 365 – UMUNSI WA 101
Abacamanza 10-11; Yohana 6:41-71

MU GIHE NDETSE NO HANZE Y'IGIHE

Mariko 11:13-14

Areba kure abona umutini uriho ibibabi, arawegera ngo ahari yawubonaho imbuto. Nyamara awugezeho ntiyagira icyo abona keretse ibibabi, kuko kitari igihe cyo kwera kw'imitini. **14**Arawubwira ati "Umuntu ntakarye ku mbuto zawe iteka ryose." Abigishwa be barabyumva.

Ukibitekerezaho, ushobora kumva ko Yesu yareganyije igiti cy'umutini akakivuma, kuko yasanze kiriho ibibabi gusa, kandi bitari mu gihe cyo kwera imbuto. Yari yiteze ko igiti cyera imbuto kitagendeye ku gihe cyo kwera no kutera kubera ko yari ahibereye.

Nk'umwana w'Imana, ntukeneye ko imikorere y'isi yishyira ku murongo kugira ngo ugere ku ntsinzi. Niba isi y'ibifatika itakumvira ngo ikore ibiri mu nyungu zawe, jya uyicyaha! Ufite ububasha hejuru y'amategeko ayobora iyi si; niba hari ikintu udakunda, amagambo yawe yagihindura. Tegeka kwera kw'imbutu, amajyambere no kurushaho kwiyongera.



ISENGESHO RY'UYU MUNSI

Mwami, umfashe kwera imbuto ibihe byose. Nyongerera imbaraga mbashe gukoresha ubutware mfite mu bibazo mpura nabyo no kwatura iterambere, kwaguka ndetse n'uburumbuke mu bihe byose by'ubuzima bwanjye.



IJAMBO RYA GIHANUZI

Ubuzima bwanjye bwera imbuto mu gihe ndetse no hanze y'igihe! Uko imikorere y'isi yaba imeze kose, iterambere ryanjye rirashinganye. Iyo mpanganye n'ibibazo by'ubuzima, ndabicyaha mu izina rya Yesu!



FURTHER STUDY
Abefeso 1:19-21



UMUKORO WO GUSOMA BIBILIYA MU
MINSI 365 – UMUNSI WA 102
Abacamanza 12-13; Yohana 7:1-31

BIRENZE UKWEMERA

Abaheburayo 11:1

Kwizera ni ukumenya rwose ibyiringirwa udashidikanya ko bitazaba, kandi ni ko kuduhamiriza ibyo tutareba ko ari iby'ukuri.

Mu rurimi rw'icyongereza, amazina agaragaza abantu, ahantu, cyangwa ibintu, naho inshinga ikagaragaza igikorwa, imimerere ndetse n'ibyabaye. Mu itorero ry'uyu muni, Abakristo batekereza ko kwiringira ikintu runaka bizatuma bagera kucyo bifuza. Ariko kandi, Ijambo ry'Imana ryerekana neza ko kwizera ari ijamba rigaragaza ibikorwa, inshinga yo gushyirwa mu bikorwa.

Ubushobozi ufite bwo kwemera, ubwabwo, nta mbaraga bufite mu gutuma ukwizera kuba impamo. Ibyiringiro nibyo bituma wiha intego, ariko kwizera niko gutuma uyigeraho! Ubaka kwizera kwawe wiga Ibyanditswe mu buryo bwimbitse ku bijyanye n'ibyo wifuza. Kuvuga gusa ko wemera ntibihagije, kwizera kugira ubuzima gusa iyo uko kwemera guhuye n'ibikorwa byo kumvira. Ubaka ukwizera kwawe muri uyu mwaka w'Amavuta Adasanzwe, nibwo uzabona isi yawe irushaho kuba nziza.



ISENGESHO RY'UYU MUNSI

Data, unkure mu kwemera unshyire mu kwizera gufatika. Umfashe gukora ibihuye n'Ijambo ryawe mu kumvira kugira ngo kwizera kwanjye kubare ibisubizo bigaragara mu buzima bwanjye.



IJAMBO RYA GIHANUZI

Kwizera ni inshinga! Gusaba ibikorwa. Uko niga Ibyanditswe, niko nkomeza kwizera kwanjye kugira ngo mpaguruke kandi ntsinde imirimo yose y'umwanzi.



IBINDI BYANDITSWE
Yakobo 2:17



UMUKORO WO GUSOMA BIBILIYA MU
MINSI 365 – UMUNSI WA 103
Abacamanza 14-15; Yohana 7:32-53

KWAKA KW'UMURIRO

Abafilipi 1:6

Icyo nzi neza rwose ntashidikanya, ni uko lyatangiye umurimo mwiza muri mwe izawurungiza rwose, kugeza ku muni wa Yesu Kristo.

Iyo umuriro utangiye kwaka, igihe cyose hakiri ubushyuye, umwuka, cyangwa ibikomoka kuri peteroli umuriro ukomeza kwaka. Ntubasha kwizimya ubwawo ahubwo bisaba ko bawuzimya. Ni muri ubwo buryo, Iyo Imana itangije umurimo mwiza muri wowe, n'Iyo kwizerwa ko izawusohoz. Umugambi w'Imana wo kuza ku isi kwari ukugutandukanya n'isi. Imana icyo yifuza nuko utera imbere kandi ukabaho ubuzima bwiza nk'uko umugambi wayo uri.

Ntukazimye umuriro Imana yakongeye muri wowe mu kwitandukanya n'ubuzima yaguteguriye. Ahubwo, uje ubaho ubuzima buhuye n'ibyo Imana ishaka kandi ubuzima bugendera ku mugambi Wayo. Imana ifite umugambi utangaje kandi wihariye ku buzima bwawe, kandi izawusohoz. Kubw'ibyo rero izere udashidikanya ko icyo Imana yatangiye muri wowe udashobora kugitsindwa.



ISENGESHO RY'UYU MUNSI

Mwami, Ngushimiye umurimo mwiza watangiye muri nje. Mfasha kuguma mu murongo w'ibyo ushaka kugira ngo hatazagira ikizimya umuriro w'umugambi Wawe mu buzima bwanjye.



IJAMBO RYA GIHANUZI

Nk'igiti cyaka umuriro, Umugambi w'Imana mu buzima bwanjye uraka, uragaragara kandi uzasohora. Ngendera mu mugambi w'Imana. Namaze gutsinda!



IBINDI BYANDITSWE
Yeremiya 29:11



UMUKORO WO GUSOMA BIBILIYA MU
MINSI 365 – UMUNSI WA 104
Abacamanza 16-17; Yohana 8:1-20

KWIBANDA KU BIRI IMBERE

Abafilipi 3:13–14

Bene Data, sinibwira yuko maze kugifata, ariko kimwe cyo nibagirwa ibiri inyuma, ngasingira ibiri imbere, ndamaranira kugera aho dutanguranwa, ngo mpabwe ingororano zo guhamagara kw'Imana muri Kristo Yesu kwavuye mu ijuru.

Mu mitekerereze y'abashoferi, hari ikintu kizwi cyane nko kwibanda ku biri imbere. Iyo umushoferi akuye amaso ye ku muhanda, ndetse niyo byaba akanya gato, intoki ze ndetse n'icyerekezo cye bihita bikurikira icyerekezo cy'aho amaso ye ari kureba.

Ni muri ubwo buryo, abakristo benshi bagihanganye n'urujijo nk'urw'abatizera bitewe nuko baterekeje ibitekerezo byabo ku bintu by'Imana cyangwa ngo bahindukire bareke imibereho yabo ya kera. Aho ibitekerezo byawe biri, niho ubuzima bwawe bugana. Iyi niyo mpamvu Pawulo Intumwa adukangurira guharanira kugera aho dutanguranwa, ngo duhabwe ingororano zo guhamagara kw'Imana muri Kristo. Muri uyu mwaka w'Amavuta Adasanzwe, uje ukomeza guhanga amaso ku nzira iri imbere; ureke kwibanda ku byahise, ahubwo utegereze ibiri imbere!



ISENGESHO RY'UYU MUNSI

Data, shyira ibitekerezo byanyje ku muhamagaro wawe mu buzima bwanyje. Umfashe kwitandukanya n'ibyahise ahubwo nkomeze kujya imbere kugirango ngo ngere kubyo Wanteganyirije byose.



IJAMBO RYA GIHANUZI

Nk'umushoferi utumburiye imbere gusa, amaso yanjye ahanze ku murimo w'Imana. Nanze imibereho yanjye ya kera, ndasingira guhamagara kw'Imana muri Kristo Yesu!



IBINDI BYANDITSWE
Abakolosayi 3:1–2



UMUKORO WO GUSOMA BIBILIYA MU
MINSI 365 – UMUNSI WA 105
Abacamanza 18-19; Yohana 8:21-38

IKIMENYETSO CYO GUKURA

Kubara 20:8

Enda ya nkoni, wowe na Aroni mwene so muteranye iteraniro, mubwirire igitare mu maso yabo kivushe amazi yacyo. Ubakurire amazi muri icyo gitare, abe ari ko uha iteraniro n'amatungo yaryo amazi yo kunywa.

Gukura k'umukristo ntibigaragazwa n'ibitangaza, ibimenyetso cyangwa imirimo ikomeye imuherekeza. icyanditswe cy'uyu muni gisubiramo igihe Imana yategetse Mose kuvugisha igitare kugira ngo kivushe amazi. Aho kukivugisha, Mose yaragikubise, gusa n'ubundi amazi yaratembye. Ibi byerekana ko ibisubizo bigaragara bidasobanura buri gihe ko habayeho kumvira. Gukura nyako kugaragazwa no kumvira ijwi ry'Imana no kugendera mu murongo w'amabwiriza Yayo.

Gukura nyako k'umuntu ubwe bishingira ku gusabana n'Imana mu isengesho no mu ljambo Ryayo. Erekanwa umuhate ufiteye gukura mu Mwuka ubaho nk'uko ljambo ry'Imana rivuga ku bijyanye nawe ndetse n'umuryango wawe. Ibuka, Imana itegura imigambi idasanzwe; inzira zayo zihora ari nziza cyane bihebuje!



ISENGESHO RY'UYU MUNSI

Mwami, unkuze mu Mwuka. Unyigishe kumvira amabwiriza yawe byuzuye no guha agaciro gusabana nawe hejuru y'ibisubizo bigaragara.



JAMBO RYA GIHANUZI

Imana yampaye imbaraga zo gukura ibimenyetso n'ibitangaza, ariko gukura nyako kugaragarira mu busabane bwanjye n'Imana bwa buri muni no kumvira. Nkurikira ijwi Ryayo, nkizera umugambi Wayo kandi ubuzima bwanjye buratoshye!



IBINDI BYANDITSWE

Yesaya 1:19



UMUKORO WO GUSOMA BIBILIYA MU

MINSI 365 – UMUNSI WA 106

Abacamanza 20-21; Yohana 8:39-59

IFI IDAPEA YITWA TURRITOPSIS DOHRNII

Abaroma 8:11

Ariko niba Umwuka w'Iyazuye Yesu aba muri mwe, Iyazuye Kristo Yesu izazura n'imibiri yanyu ipfa ku bw'Umwuka wayo uba muri mwe.

Ibiremwa byinshi mu bwami bw'inyamaswa bikurikiza itegeko risanzwe ry'ubuzima n'urupfu. Ariko, ifi yitwa Turritopsis dohrnii izwi nk'ifi idapfa, ifite ubushobozi budasanzwe bwo gusubira mu buzima bwayo bwa mbere mu gihe ikomeretse cyangwa yegereje urupfu, igasubiramo ubuzima bwayo inshuro nyinshi idapfa.

Bishobora kugutangaza kumva ko buri MuKristo afite isoko y'ubushobozi burenze bwo kuvugurura ubuzima aribwo Mwuka Wera. Imbaraga za Mwuka Wera ziri muri wowe zishoboye gutsinda urubori rw'urupfu. Iyo umenye Uri muri wowe, uburwayi ndetse n'indwara bitakaza ububasha imbere yawe. Ubeshejweho n'imbaraga zo kuzuka, imbaraga zimwe zatsinze urupfu ubwarwo. Uyu Mwuka w'Amavuta Adasanzwe; ntushobora gupfa!



ISENGESHO RY'UYU MUNSI

Data, ngushimiye ku bw'imbaraga zo kuzuka ziba muri njye. Nakiriye imbaraga n'ubuzima bw'Ubumana bukorera mu mubiri wanjye binyuze mu Mwuka wawe.



IJAMBO RYA GIHANUZI

Uburwayi n'urupfu nta bubasha bifite kuri njye. Umwuka umwe wazuye Kristo mu bapfuye uba muri njye; bityo rero, sinshobora gutsindwa. Abantu nkanjye ntibapfa VUBA!



IBINDI BYANDITSWE
2 Abakorinto 4:16



UMUKORO WO GUSOMA BIBILIYA MU
MINSI 365 – UMUNSI WA 107
Luka 7:26-50; Zaburi 41-43

ICYATSI KIRATOSHYE

Abagalatiya 6:7-8

Nti muyobe: Imana ntinegurizwa izuru, kuko ibyo umuntu abiba ari byo azasarura. Ubibira umubiri we muri uwo mubiri azasaruramo kubora, ariko ubibira Umwuka muri uwo Mwuka azasaruramo ubugingo buhoraho.

Hari invugo ikunda kuvugwa ngo: “Icyatsi kiratoshye ku rundi ruhande.” Benshi bagwa mu gishuko cy’iki kinyoma. Abakristo bamwe bahura n’ingorane bagatangira gutekereza ko ubuzima mbere ya Kristo bwari bworoshye, kurusha ubuzima bari kumwe na Kristo. Ariko, ukuri ni uko icyatsi kidatoshye ku rundi ruhande, ahubwo gitoshye aho cyavomerewe.

Mu buzima bwawe bwa kera, wavomereraga ubutaka, ubaho nk’uko abantu babugenga. None ubu, kugira ngo uryohereye n’inyungu zose z’ubuzima bwawe muri Kristo, ugomba kuvomerera ubutaka bwawe ubinyujije mu Ijambo ry’Imana no gusabana na yo. Ubuzima bwawe ni ubusitani, bwiteho ukoreshye ibyanditswe Byera, kandi ubuvomerere binyuze mu gusabana n’Imana burigihe.



ISENGESHO RY’UYU MUNSI

Mwami, umfashe gushyira imbaraga mu kwita ku buzima bwanjye bwo mu Mwuka mu buryo buhoraho. Uko mvomerera ubuzima bwanjye nkoresheje Ijambo ryawe, reka ubuzima bwanjye butohe kandi bubyare imbuto ziramba.



IJAMBO RYA GIHANUZI

Ubuzima bwanjye muri Kristo ni ubusitani butoshye! Ndabuvomerera kandi nkabwitaho nkoresheje Ijambo ry’Imana. Uko nshyira imbaraga mu kwita ku buzima bwo mu Mwuka, nsarura ubugingo buhoraho!



IBINDI BYANDITSWE

Yeremiya 17:7-8



UMUKORO WO GUSOMA BIBILIYA MU

MINSI 365 – UMUNSI WA 108

Rusi 1-2; Yohana 9:1-22



UMURA W'ICYAHA

Yohana 3:3

Yesu aramusubiza ati “Ni ukuri, ni ukuri, ndakubwira yuko umuntu utabyawe ubwa kabiri, atabasha kubona ubwami bw’Imana.”

Umura uhuza uruhinja ruri munda n’umubyeyi urutwite, utanga intungamubiri, umwuka wo guhumeka n’uburinzzi kugeza umwana avutse. Iyo umwana avutse, uwo mura ntuba ugikenewe kuko umwana aba afite ubushobozi bwo kubaho hanze adafashijwe n’umura.

Mu buryo bumwe, mbere yo gukizwa, wari ubeshejweho n’umura w’icyaha, ushingiyeye rwose ku buzima budafite aho buhuriye n’Imana. Ariko igihe uvuka ubwa kabiri, umura warakaswe. Ubu ni inshingano zawe gukuraho ikintu cyose cyagusanisha n’ubuzima wari ubayeho mbere mu cyaha. Ubu noneho ubeshejweho n’ubuzima bwa Kristo uri muri wowe, ubuzima butanga uburinzzi bw’ubumana, intungamubiri ndetse no guhabwa n’ijuru bihoraho bidafite aho bihuriye n’iby’isi. Wireba inyuma ku byahise, ubuzima bwawe bushya bwamaze gutangira.



ISENGESHO RY’UYU MUNSI

Data, umfashe kugenda ntandukanye byuzuye n’ubuzima bwanjye bw’ahahise. Mpisemo kubaho mu buzima bwa Kristo uri muri njye no kutazasubira mu nzira z’icyaha.



IJAMBO RYA GIHANUZI

Sinkibeshejweho n’umura w’icyaha! Igihe mvuka ubwa kabiri, nakiriye ubuzima bwa Kristo. Umwuka w’Imana niwo soko y’ibyo mpabwa, mu izina rya Yesu!



IBINDI BYANDITSWE
Abaroma 6:6



UMUKORO WO GUSOMA BIBILIYA MU
MINSI 365 – UMUNSI WA 109
Rusi 3-4; Yohana 9:23-41

ABASHAKISHWA CYANE NA SATANI

Ibyakozwe n'Intumwa 19:14-15

Kandi hariho abahungu barindwi b'Umuyuda witwaga Sikewa, umwe mu batambyi bakuru, bagenzaga batyo. Bukeye dayimoni arabasubiza ati "Yesu ndamuzi na Pawulo ndamumenye, ariko mwebweho muri ba nde?"

Igihe mu burengerezuba bw'isi hari umutekano mucye, abagizi ba nabi barimo gushakishwa n'ubutegetsu baramenyekanye cyane ku buryo ibyapa byamanitswe ku mihanda no mu mazu bitanga n'ibihembo ku ifatwa ryabo. Bari bazwi nk'abashakishwa cyane! icyanditswe cy'uyu muni cyerekana abahungu ba Sikewa bagerageza kwirukana dayimoni kandi batazwi mu isi y'Umwuka. Dayimoni yarabasubije iti, " Yesu ndamuzi na Pawulo ndamumenye; ariko mwebweho muri ba nde?"

Umwami Yesu na Pawulo bari bafite ubutware mu Bwami ku buryo bari bazwi no mu birindiro by'umwanzi nk'abashakishwa cyane na Satani. Igitinyiro nk'iki mu mwuka kiva mu gusabana n'Imana byimbitse, kuyirama bihoraho, no kwitanga mu murimo w'Imana. Iyubake kugeza aho umwijima umenya Kristo uri muri wowe.



ISENGESHO RY'UYU MUNSI

Mwami, nyobora mu gusabana nawe mu buryo bwimbitse. Wubake igitinyiro cyanjye kugira ngo ubutware bwa Kristo uri muri njye bugaragare kandi bumenyekane mu isi y'Umwuka.



IJAMBO RYA GIHANUZI

Muri uyu Mwaka w'Amavuta Adasanzwe, ndimo kubaka igitinyiro mu Mwuka ku buryo n'umwanzi azamenya kubaho kwa Kristo muri njye!



IBINDI BYANDITSWE
Mariko 16:17



UMUKORO WO GUSOMA BIBILIYA MU
MINSI 365 – UMUNSI WA 110
1 Samweli 1-2; Yohana 10:1-18



IMISHYIKIRANO ISHUKANA

Abefeso 6:11

Mwambare intwaro zose z'Imana, kugira ngo mubashe guhagarara mudatsinzwe n'uburiganya bwa Satani.

Iyo umujura ateganya kwiba, kimwe mu bintu by'ibanze yitaho ni uburyo aza guhangana n'imbwa zirinda kuko zishobora kumenyekanisha ko yaje kwiba cyangwa zikaba zamugirira nabi. Kuzica intege ni uburyo bumwe bwiza bwo kwirinda urusaku cyangwa se kuba zamurwanya. Bumwe mu buryo bukoresheya ni ugushyira uburozi mu biryo by'imbwa. Bikagaragara nk'aho ntacyo bitwaye, ariko byica. Umwanzi nawe nibwo buryo akoresheya.

Iyo umwanzi ashaka kwinjira mu buzima bwawe, yibasira aho ufite intege nke maze akagushukisha ibintu bigukurura bisa nkaho bigushimishije ariko bifite ingaruka mbi cyane. Nk'umwana w'Imana, Nta ntwaro yacuriwe kukurwanya izagira icyo igutwara, ariko ugomba gukomereza buri gace k'ubuzima bwawe mu Ijambo ry'Imana. Umwanzi ararwana intambara itsindwa, ntumuhe aho kwinjirira.



ISENGESHO RY'UYU MUNSI

Data, umpe kumenya no kwanga buri mutego woshya. Unkomeze binyuze mu Ijambo ryawe kugira ngo kuyomywa cyangwa gushukwa kwa Satani byinjira mu buzima bwanjye.



IJAMBO RYA GIHANUZI

Nanze ibishuko byose biva ku mwanzi! buri kintu cyose mu mibereho yanjye gikomezwa na Kristo binyuze mu Ijambo Rye. Imigambi yose n'imito y'umwanzi irahishuwe nonaha, mu Izina rya Yesu!



IBINDI BYANDITSWE

Yakobo 4:7



UMUKORO WO GUSOMA BIBILIYA MU

MINSI 365 – UMUNSI WA 111

1 Samweli 3-4; Yohana 10:19-30

KUZAMUKA MU RWEGO RW'IMIGISHA Y'IMANA

Luka 16:10

Ukiranuka ku cyoroheje cyane, aba akiranutse no ku gikomeye. Kandi ukiranirwa ku cyoroheje cyane, aba akiranirwa no ku gikomeye.

Mu bigo byinshi, hari ikizwi nk'inzego z'ubuyobozi. Guhera ku rwego rwo hasi bivuze gukora amasaha menshi uhembwa macye, mu gihe iyo witwaye neza bagenda bakuzamura mu ntera. Kuzamurwa mu ntera biza nk'igihembo cyo gukora neza, uhozaho kandi bigaragaza ko uri umwizerwa.

Ni muri ubwo buryo, gukomera no kuzamurwa mu ntera n'Imana bituruka mu kuba uri umwizerwa mu byo yamaze kuguha. Iyo ukora mu kigo cy'Imana, imikorere myiza iba ikenewe kuri buri rwego rw'umugisha ugezeho. Ba umunyamwete kandi uhozaho mu butunzi bwose, inshingano, n'amahirwe uhawe n'Imana, maze urebe uburyo ikuzamura.



ISENGESHO RY'UYU MUNSI

Mwami, mfasha kuba umwizerwa muri buri nshingano umpa. Nyigisha kugira umwete no gukora neza kugira ngo nzashobore kwaguka no gutera imbere mu byo wanteganyirije.



IJAMBO RYA GIHANUZI

Ndi umurinzi wizewe mu mitungo yose Imana yampaye. Ntabwo nsuzugura intangiriro zoroheje, kuko Imana ifite ibirenze yanteganyirije. Uko nkorana umwete, ninako nkomeza kuzamuka mu rwego rw'imigisha y'Imana!



IBINDI BYANDITSWE
Zakariya 4:10



UMUKORO WO GUSOMA BIBILIYA MU
MINSI 365 – UMUNSI WA 112
1 Samweli 5-7; Yohana 10:31-42



IKIRURA CYAMBAYE URUHU RW'INTAMA

2 Abakorinto 2:11

kugira ngo Satani atagira icyo adutsindisha kuko tutayobewe imigambi ye.

Mu bwami bw'inyamaswa, hari uburyo inyamaswa zimwe zihinduranya muburyo butangaje nkaho ntacyo zitwaye kugira ngo zikurure inyamaswa zishaka kurya. Izi nyamaswa akenshi ziba zigira imbaraga nke kurusha izo zishaka kwica, bityo rero ikinyoma niyo ntwaro yazo ikomeye. Uku niko satani akora.

Iyo uri umuKristo, ingabo z'umwanzi ntacyo ziba zivuze; aho yinjirira honyine ni mu buriganya. Ibintu byose bikwangiza siko biba bifite ikimenyetso cy'uko byangiza. Adamu icyamugushije cyaje gihishe mu rubuto, naho icyagerageje Mose cyari mu binezeza by'akanya gato byo muri Egipta. Akazi kawe nk'Umwana w'Imana ntabwo ari ukuyobywa n'amayeri y'umwanzi. Komereza ubuzima bwawe mu ijambo ry'Imana kugira ngo uburyo ubwo aribwo bwose yakoreshe kugira ngo aguhungabanye, azasange ufite imbaraga zo kumurwanya.



ISENGESHO RY'UMUNSI

Data, umpe kugira ubushishozi kugira ngo mbe nzi intwari z'umwanzi. Ukomereze ubuzima bwanjye mu ijambo ryawe kandi umpe gutsinda uburiganya ubwo aribwo bwose.



IJAMBO RYA GIHANUZI

Sinyobewe imigambi y'umwanzi. Ubuzima bwanjye bukomejwe n'ijambo ry'Imana. Intwari izo arizo zose cyangwa amayeri umwanzi yakoreshe, ndamurwanya kandi nkamutsinda mu nzira ze zose. Nta buriganya bugeraho mu izina rya Yesu!



IBINDI BYANDITSWE
Abefeso 6:11



UMUKORO WO GUSOMA BIBILIYA MU
MINSI 365- UMUNSI WA 113
1 Samweli 8-9; Yohana 11:1-16



GUTURISHA UMUYAGA

Abefeso 4:26–27

Nimurakara ntimugakore icyaha, izuba ntirikarengye mukirakaye—kandi ntimubererekere Satani.

Umuyaga w'ishuheri wa mbere ku isi wamaze igihe kirekire wamaze iminsi mirongo itatu n'umwe. Ariko abantu benshi mu buzima bwabo bamaze igihe kirekire bari mu gihe cy'imiyaga, atari ukubera ikirere ariko kimeze, ahubwo kubera ko bakomeza kugundira inzika n'uburakari. Icyanditswe cyerekana ko kubika inzika n'inzangano mu mutima wawe biha satani umwanya munini wo kuguteza ingorane uhura nazo.

Kubabarira ni urufunguzo rwo guturisha ishuheri mu buzima bwawe. Uburakari no gusharira ni intwari ubwawe wishyiraho zo kukuhoba. Muri uyu Mwaka w'Amavuta Adasanzwe, rekura inzika zose ubitse urebe ubuzima bwawe ngo burahinduka ubw'umudendeko Kristo yatangiye ku musaraba. Rekura iminyururu y'ibyakubabaje ahahise, ubabarire maze uturitse umuyaga!



ISENGESHO RY'UYU MUNSI

Mwami, ndagusaba ubuntu bwo kubabarira vuba kandi byuzuye. Ndekuye ibyambabaje byose kandi nanze guha satani umwanya uwo ariwo wose anyuze mu burakari, gusharira cyangwa inzika.



IJAMBO RYA GIHANUZI

Ntabwo mbika inzangano cyangwa inzika. Mu guhitamo kubabarira, nturisha imiyaga yose iri mu buzima bwanjye. Nta mwanya mpa satani!



IBINDI BYANDITSWE
Mariko 11:25



UMUKORO WO GUSOMA BIBILIYA MU
MINSI 365 – UMUNSI WA 114
Luka 8:1-25; Zaburi 44-45

Encourage Bless Love Hope

IMVUGO Y'UBUMANA

Yakobo 1:26

Umuntu niyibwira ko ari umunyadini, ntagenge ururimi rwe ahubwo akishuka mu mutima, idini ry'uwo muntu riba ari ubusa.

Nk'umwana w'Imana, ni ingenzi ko wiga guhitamo amagambo akwiriye. Mu gihe amadini menshi yayobotswe n'abantu benshi, imiryango ishingiyeye ku bitekerezo bya bamwe, cyangwa amatsinda y'abantu ashobora kumenyekanishwa n'ibimenyetso bigaragarira amaso nk'amakanzu cyangwa ingofero, Kristo yahisemo urukundo nk'ikimenyetso kiranga abamukurikiye. Usakaza urwo rukundo bitanyuze gusa mu kuntu witwara, ahubwo binyuze no mu biganiro byawe.

Ese amagambo yawe yubaka abandi cyangwa abaca intege? Ese agaraza urukundo rwa Kristo? Nimba ari oya, bigire intego yawe uyu muni kuzamura urwego rw'amagambo yawe. Ijambo ry'Imana ryigisha ko ukwizera nyako kugeragezwa kandi gushingira ku bushobozi bwawe mu kugenga ururimi rwawe. Buri jambo ryose uvuga rifite imbaraga zo kubaka abandi cyangwa kubashyiriraho imbibi. Uyu muni, hitamo imvugo y'ubumana.



ISENGESHO RY'UYU MUNSI

Data, mfasha kurinda ururimi rwanjye. Reka amagambo yanjye yerekane urukundo rwawe, ubuhanga n'ubuntu bwawe, reka imvugo yanjye buri gihe yubake abandi kandi iguheshe icyubahiro.



IJAMBO RYA GIHANUZI

Nzi akamaro ko kugenga ururimi rwanjye! Imvugo yanjye igaragaza ubumana, kandi ibyo mvuga byose byerekana Kristo uba muri nje!



IBINDI BYANDITSWE
Abefeso 4:29



UMUKORO WO GUSOMA BIBILIYA MU
MINSI 365 – UMUNSI WA 115
1 Samweli 10-12; Yohana 11:17-29

UMUNTU UTUNZE KANDI UTUNGANIWE

Intangiriro 39:2-3

Uwiteka aba kumwe na Yosefu, agira ukuboko kwiza, aba mu nzu ya shebujja Umunyegiputa. Shebujja abona yuko Uwiteka ari kumwe na we, kandi ko Uwiteka yamuhaye kugira ukuboko kwiza ku cyo akoze cyose.

Muri iki gihe cy'inkuru ya Yozefu, yari imbata mu nzu ya shebujja, kandi yakomeje kwitwira umutunzi utunganiwe mu maso y'Imana! Abakristo benshi bapimira ubutunzi bwabo kubyo bari kunyuramo ako kanya, ariko kugira Imana nicyo kintu cya mbere cyerekana ubutunzi n'intsinzi.

N'ubwo Yozefu yari imbata muri iki gihe cy'inkuru, nyuma yaje kuba umuntu ukomeye cyane muri Egiyuta. Imana igushyira mu mwanya wo kwakira ubutunzi yamaze kuguha mu isi y'Umwuka. N'ubwo ibyo uri gucamo ubu bitagaragaza icyo Imana ikuvugaho, tangira kubaho nk'aho uri umutunzi utunganiwe, kuko uri we!



ISENGESHO RY'UYU MUNSI

Mwami, mfasha kugenda buri munsu nzi ko uri kumwe nanjye. Ntitaye kubyo ndimo kunyuramo, mpisemo kubaho nk'uwamaze kuba umutunzi muri wowe.



IJAMBO RYA GIHANUZI

Ntera imbere mu byo nkora byose. Ntitaye kubyo mbona, ngendera mu buntu n'ubutsinzi. Yesu Kristo, Umwami w'isi n'ijuru, aba muri nje kandi arantsindishiriza!



IBINDI BYANDITSWE

Yosuwa 1:8



UMUKORO WO GUSOMA BIBILIYA MU

MINSI 365 - UMUNSI WA 116

1 Samweli 13-14; Yohana 11:30-45



IKIRAHURE GISHASHAGIRANA

1 Abakorinto 13:4-5

Urukundo rurihangana rukagira neza, urukundo ntirugira ishyari, urukundo ntirwirarira, ntirwihimbaza, ntirukora ibiteye isoni, ntirushaka ibyarwo, ntiruhutiraho, ntirutekereza ikibi ku bantu.

Kurebera umuntu mu kirahure gishashagirana bivuze kwirengagiza amakosa ye ukamubonamo ibyiza gusa. icyanditswe cy'uyu muni nibwo busobanuro n'uburyo nyabwo bwo kugendera mu rukundo rw'Imana. Bumwe muri ubwo buryo ni ukutabika inzika z'ibyo bagukoreye.

Kurebera mu birahure bishashagirana mu Mwuka ntibivuze guhakana amakosa y'umuntu; ahubwo bivuze ko uhitamo kurenza imboni ayo makosa ugakunda abandi nk'uko Kristo agukunda. Nta burakari, nta gusuzugura, nta nzika z'ibibi bagukoreye. Reka uburyo ubonamo abandi bibe byuzuye urukundo, uyu mwaka uzakubera mwiza cyane!



ISENGESHO RY'UYU MUNSI

Data, nyigisha gukunda nk'uko Kristo akunda. Mfasha kurekura ibyambabaje mu hahise, nange uburakari, kandi ndebere abandi mu mboni z'urukundo rwawe rudafite icyo rugenderaho.



IJAMBO RYA GIHANUZI

Nkunda abandi urukundo rumwe nk'urwo Kristo ankunda, nta shyari, kwifuza cyangwa uburakari. Mpisemo kubona ibyiza mu bandi, ntitaye ku makosa bakoze cyangwa intege nke bagize.



IBINDI BYANDITSWE
Abefeso 5:2



UMUKORO WO GUSOMA BIBILIYA MU
MINSI 365 – UMUNSI WA 117
1 Samweli 15-16; Yohana 11:46-57

HANGA AMASO INZIRA YAWWE

2 Abakorinto 10:12

Kuko tudatinyuka kwibarana cyangwa kwigereranya na bamwe biyogeza ubwo abo biringaniza ubwabo, kandi bigereranya ubwabo nta bwenge bagira.

Ubuzima bwuzuyemo guhangana, mu kazi, imibanire n'abandi, ndetse no mu miryango, ariko lbyanditswe byigisha ko mu kwigereranya nta bwenge bubamo. Abakristo benshi baremererwa n'imitwaro itari ngombwa aho urugendo rwabo n'Imana barugereranya n'iz'abandi. lbyanditswe byerekana ko guhangana konyine k'ukuri ari igihe umukristo yigereranya na we ubwe.

Ntabwo ari bibi kumenya urugendo rw'abandi, ariko ishyaka ryawe rigomba kuba rishingiye ku gukura ukarenza aho wari uri mu bihe byahise, ntiribe mu gushaka kurushanwa n'abandi. Wirangara ngo uteshuke inzira Imana yaguhitiyemo wibanda ku rugendo rw'abandi. Ba maso, ukure, kandi buri muni uharanire kuba uwo Imana yaguhamagariye kuba we.



ISENGESHO RY'UYU MUNSI

Mwami, mfasha gukomeza guhanga amaso inzira wanshyize imbere. Nkiza kwigereranya, umfashe gukura buri muni mu bijyanye n'umugambi ufitiye ubuzima bwanjye.



IJAMBO RYA GIHANUZI

Ndikurushanwa na nje ubwanjye. Mpanze amaso inzira Imana yanshyize imbere. Uko ngendera mu mugambi wayo unoze, ubuntu bwayo buntera kwaguka n'igikundiro cyayo kikagendana nanjye aho ngenda hose!



IBINDI BYANDITSWE
Abagalatiya 6:4



UMUKORO WO GUSOMA BIBILIYA MU
MINSI 365 – UMUNSI WA 118
1 Samweli 17-18; Yohana 12:1-16

UMUGISHA TWARAZWE

1 Petero 3:9

Ntimukiture umuntu inabi yabagiriye cyangwa igitutsi yabatutse, ahubwo mumwiture kumusabira umugisha kuko ari byo mwahamagariwe, kugira ngo namwe muragwe umugisha.

Ese waba ugabanya agaciro k'ibyo Kristo yagukoreye ku musaraba utabigambiriye, ukaba utekereza ko ari ubuzima bw'iteka gusa? Kristo atuye muri wowe kugira ngo umuvumo ujya kubatamufite mu buzima bwabo utakujyaho. Ukuri wahamagariwe kugenderaho ni ukw'umuntu uzi uwo ariwe muri Kristo wahinduriwe kutagibwaho n'umuvumo.

Ufite ikimenyetso cya Kristo kandi wambaye ubutware bwe. Nta muvumo cyangwa imbaraga mbi byabasha kurenga urukuta rw'uburizi Imana yagushyizeho. Ubuzima bwawe muri Kristo bwuzuye imigisha. Ku bw'ibyo rero, buri muni ujye ubaho utegereje ko Imana ikomeza kukuzanira ibyiza n'igikundiro aho gutinya ibyo umwanzi watsinzwe ashobora kugerageza kuzana.

Wibuke kandi ko, umurage wawe muri Kristo atari ubuzima bw'iteka gusa, ahubwo harimo n'intsinzi, amahoro, n'ineza y'Imana itangaje mu rugendo rwawe rw'ubu ugendana nawe.



ISENGESHO RY'UYU MUNSI

Data, ngushimiye ku bw'imigisha nahawe muri Kristo. Umfashe kugendera mu buzima buzira umuvumo, niteze ineza yawe n'igikundiro cyawe buri muni.



IJAMBO RYA GIHANUZI

Imigisha irankurikira aho ngiye hose. Mbayeho ubuzima butarimo umuvumo! Nta mbaraga cyangwa intwari by'umwanzi bishobora kungirira nabi cyangwa kugirira nabi umuryango wanjye, mu izina rya Yesu!



IBINDI BYANDITSWE
Kubara 23:20



UMUKORO WO GUSOMA BIBILIYA MU
MINSI 365 – UMUNSI WA 119
1 Samweli 19-20; Yohana 12:17-36

UMUNTU WO MU IMBERE

2 Abakorinto 4:16

Ni cyo gituma tudacogora, kandi nubwo umuntu wacu w'inyuma asāza, umuntu wacu w'imbere ahora ahinduka mushya uko bukeye.

Urenze uwo ubona iyo wirebye mu ndorerwamo. Umubiri wawe ufatika uragaragara, ariko ni inzu ya wowe wa nyawe. Ijambo ry'Imana rivuga ko umuntu w'imbere: umwuka wawe ariwe wowe wa nyawe. Mu gihe uwo tubona inyuma ashobora kunanirwa, agasaza cyangwa agacika intege, umuntu w'imbere ahora aba mushya umunsi ku wundi.

Igihe wavutse ubwa kabiri wakiriye Mwuka Wera. Wahise utandukana n'ibicantegye byo mu isi y'umubiri uhita winjira mu buzima bwo hejuru bw'Imana. Ibi bisobanuye ko ingorane zigaragaza abari mu isi, indwara, gukena, ubwoba, no gutsindwa atari byo byerekana uwo uri we. Muri uyu Mwaka w'Amavuta Adasanzwe tangira ubeho ubuzima buri munsu utekereza ko uri icyaremwe cy' umwuka, wahawe imbaraga zo kuba hejuru y'ibikurwanya byose.



ISENGESHO RY'UYU MUNSI

Mwami, mfasha kubaho nzi uwo ndi we mu mwuka. Komeza umuntu wanjye w'imbere kandi umpe imbaraga zo kuzamuka hejuru y'imbibi zose zo mu isi y'ibifatika.



IJAMBO RYA GIHANUZI

Umubiri wanjye niwo ubamo njyewe wa nyawe! Nta ndwara, uburwayi, cyangwa kubura bishobora kuntoteza, kuko nazamuwe mu buzima bwo hejuru. Umwuka w'Imana nzima utuye muri njye.



IBINDI BYANDITSWE
Abaroma 8:9



UMUKORO WO GUSOMA BIBILIYA MU
MINSI 365 – UMUNSI WA 120
1 Samweli 21-23; Yohana 12:37-50

WAVUKIYE GUTSINDA

1 Yohana 5:4

Kuko icyabyawe n'Imana cyose kinesha iby'isi, kandi uku ni ko kunesha kwanesheje iby'isi, ni ukwizera kwacu.

Ufite kamere karemano yo gutsinda wahawe no kuba muri Kristo. Kugira isoni n'ubwoba si ibyawe na gato. Umuco wacu no kwizera kwacu ni iby'intsinzi n'amahirwe abogamiye kuri twe, haba mu bigaragara no mu by'umwuka.

Icyanditswe kirahamya ko twabyawe n'Imana, kandi Intumwa Yohana igaragaza ikintu gikomeye. Avuga ko niba warabyawe n'Imana, uzanesha isi. Bivuze ko wifitemo intsinzi kuri buri kintu cyose kiri mu isi. Iyo uri muri Kristo, uba hejuru y'ubukene, ibiguca intege ndetse n'imivumo. Guta agaciro kw'ifaranga n'igabanuka ry'ubukungu ni ibintu by'ahahise. Muri uyu mwaka w'Amavuta Adasanzwe, gendera mu butsinzi, kuko wanesheje isi mu Izina rya Yesu.



ISENGESHO RY'UYU MUNSI

Data, Urakoze kuko nabyawe nawe kandi nkaba naratorewe intsinzi. Nkomereza ukwizera no gushira amanga kugirango ngendere hejuru y'ubwoba, ibinzitira, ndetse na buri kintu cyose kiri mu isi, kandi mbeho buri muni mu ntsinzi ya Kristo.



IJAMBO RYA GIHANUZI

Ngendera mu ntsinzi no mu rumuri rw'Umwami wacu Yesu Kristo. Ibibi byose byo muri iyi si ntibiba hafi yanyje. Intsinzi n'ubutunzi ni ibyanjye.



IBINDI BYANDITSWE
Zaburi 60:12



UMUKORO WO GUSOMA BIBILIYA MU
MINSI 365 - UMUNSI WA 121
Luka 8:26-56; Zaburi 46-48

BIRENZE SIYANSI

Abafilipi 3:8

Ndetse n'ibintu byose mbitekereza ko ari igihombo ku bw'ubutunzi butagira akagero, ari bwo kumenya Kristo Yesu. Ku bw'uwo nahombye ibyanjye byose, ndetse mbitekereza ko ari amase kugira ngo ndonke Kristo.

Iyo wize ku buhanga bwa siyansi, ntushobora gutekereza ko hari ikindi kintu cyaburengaho. Ubugenge, ubutabire, ibinyabuzima - ndetse n'ibyo duhura nabyo buri muni, nko kohereza ibyogajuru mu kirere, kubaga abarwayi, cyangwa se gukora pizza ukunda - byose bikoreshwa n'amahame ya siyansi.

Mu cyanditswe cy'uyu muni, Intumwa Pawulo yagaragaje ikintu gihambaye: muri Kristo, tugira ubumenyi busumbye ubundi bwenge bwose. Ijambo kumenya hano ni gnosia mu kigiriki, bisobanuye "siyansi." Ibi bivuze ko ubumenyi ufite muri Kristo busumba cyane siyansi ndetse n'ibindi bice by'ubwenge bwa muntu. Ntuzatsindwa muri ubu buzima, kuko ubuhanga bwawe buhabwa imbaraga n'ubwenge bw'Imana - ubwenge busumba ubundi bwose bwo mu isi.



ISENGESHO RY'UYU MUNSI

Mwami, ushimwe k'ubw'ubumenyi buhambaye mfite muri Kristo. Wongere ubuhanga bwanjye hamwe n'Umwuka wawe kandi uyobore amahitamo yanjye ukoresheje ubwenge bwo mu ijuru kugira ngo nyje hejuru y'inizizi zose z'imitekerereze ya muntu.



IJAMBO RYA GIHANUZI

Mfite ubumenyi buhambaye n'ubuhanga. Ubuzima bwanjye bwuzuye ubwenge bw'ubumana buva mu ijuru. Ineza n'ubuntu ni umugabane wanjye, mu Izina rya Yesu.



IBINDI BYANDITSWE
Abakolosayi 1:26



UMUKORO WO GUSOMA BIBILIYA MU
MINSI 365 - UMUNSI WA 122
1 Samweli 22-24; Yohana 13:1-20

NTA KONGERA GUHIGA IBY'AGACIRO

2 Abakorinto 4:7

Ariko dufite ubwo butunzi mu nzabya z'ibumba, kugira ngo imbaraga zisumba byose zibe iz'Imana zidaturutse kuri twe.

Isi iri gusiganywa ishaka kuvumbura amabuye y'agaciro mashya, kandi iyo bagize icyo babona babitangaza hose, bakishima kandi bakandika icyo bita intsinzi. Ariko muri wowe harimo iby'agaciro biruta cyane iby'agaciro isi yabasha gucukura. Bibiliya ivuga ko dufite iby'agaciro mu nzabya z'ibumba. Muri wowe harimo ubutunzi bw'ubumana buhishwe kandi butegereje kujya ahagaragara.

Bavandimwe, uruta ikirombe cya zahabu. Ufite ubutunzi bwose buri mu isi. Ubuzima, amafaranga, amahoro, na buri kimwe cyose cyiza kiri muri wowe. Nta bindi by'agaciro ugishakisha mu isi, kuko Kristo, uw'agaciro uruta abandi, ari kumwe nawe. Fungura akanwa kawe maze wature ibyo wifuza ko biba mu Izina rya Yesu.



ISENGESHO RY'UYU MUNSI

Data, umpe kumenya neza iby'agaciro washyize muri nje. Mfasha kwatura mu kwizera no kuzana ubuzima, ubutunzi, amahoro na buri cyiza cyose washyize mu buzima bwanjye binyuze muri Kristo.



IJAMBO RYA GIHANUZI

Mfite ubutunzi bwinshi muri nje. Amafaranga, amagara meza, ndetse no gutunganirwa kose biva muri nje. Uyu muni, ndahanura gutera imbere muri byose byerekeye ubuzima bwanjye. Amen.



IBINDI BYANDITSWE
Abakolosayi 1:27



UMUKORO WO GUSOMA BIBILIYA MU
MINSI 365 - UMUNSI WA 123
1 Samweli 25-26; Yohana 13:21-38



UBWIZA BUHAMBAYE

Hagayi 2:9

Ubwiza bw'iyi nzu bwo hanyuma buzaruta ubwa mbere, ni ko Uwiteka Nyiringabo avuga, kandi aha hantu nzahatangira amahoro." Ni ko Uwiteka Nyiringabo avuga.

Mose yambutse inyanja itukura maze akora ibitangaza bidasanzwe imbere ya Farawo n'Abisirayeli. Ibyo byari ubwiza bw'Imana bwagaragaye. Umuhanuzi Eliya yahamagaye umuriro ngo uve mu ijuru, ibyo nabyo byari ubwiza bw'Imana bwagaragaye. Ariko nyuma y'ibi byose, Bibiliya ivuga ko ubwiza bw'inzu ya nyuma buzaruta ubw'inzu ya mbere.

Twebwe, turi ibiremwa by'Isezerano Rishya, twakiriye impano y'agakiza; dufite ubwiza buhambaye. Ubuzima bwacu bugomba kurabagirana kurusha ubwo Eliya na Mose. Nitwe turi kubaho ibyo n'abamarayika bifuza kubonaho gato.

Uko utangira umunsi wawe uyu munsi, ubwiza bw'Imana buragara. Muri buri nzira y'ubuzima bwawe, genda maze ubone ubwiza bw'Imana bwigaragaza mu Izina rya Yesu!



ISENGESHO RY'UYU MUNSI

Mwami, reka ubwiza buhambaye bw'Isezerano Rishya burabagirane mu buzima bwanjye uyu munsi. Garagaza amahoro yawe n'umwuzuro wawe muri buri gice cy'inzira yanjye, kandi ntihagire na kimwe kibura mu buzima bwanjye.



IJAMBO RYA GIHANUZI

Ubuzima bwanjye ni ubwiza buhambaye. Ndategeka umunsi wanjye kugaragaza urukundo rw'Imana byuzuye. Ntanakimwe kizabura cyangwa se ngo gishire mu buzima bwanjye kugeza Yesu agarutse gutwara itorero rye. Amen.



IBINDI BYANDITSWE

Yobu 8:7



UMUKORO WO GUSOMA BIBILIYA MU

MINSI 365 - UMUNSI WA 124

1 Samweli 27-29; Yohana 14



UHIGA ABANDI MU KWIRUKA

Matayo 24:14

Kandi ubu butumwa bwiza bw'ubwami buzigishwa mu isi yose, ngo bube ubuhamya bwo guhamiriza amahanga yose, ni bwo imperuka izaherako ize.

Najyaga ndeba abakinnyi b'imikino itandukanye, ndetse no ku ishuri, twajyaga tugira amasiganwa y'abahungu. Mu isiganwa, abakinnyi bagashyirwa ku murungo wo gutangiraho no kjuza gusorezaho irushwanwa. Mu busanzwe, lap ya nyuma igahabwa umukinnyi uhiga aband.

Iyo wize ibyanditswe, ubona ko ubu turi ku mpera y'impera. Ibyagombaga kuba mbere yuko Kristo agaruka byamaze kuba. Ibi bivuze ko muri urubwano rwatoranijwe ngo rusiganwe agace kanyuma. Kubera iki? Kuko mufite ubuntu n'ubushobozi bw'ubumana bwo gusoma isiganwa. Niyo mpamvu uriho muri iyi saha ya gihanuzi.

Jya hanze maze uzane ubugingo kuri Kristo. Hindura ubuzima bw'umuntu. Ba umukozi wa Kristo wita ku murimo we kugeza Yesu agarutse kujyana itorero. Uko uzana ubugingo kuri Kristo uyu muni, konti yawe yo mu ijuru iriyongera. Wite kuri ubu butumwa-ntubupfusha ubusa.



ISENGESHO RY'UYU MUNSI

Data, kangura umwuka wanjye ukorane umwete kandi ugirire impuhwe ubugingo. Mpa imbaraga zo kubwiriza ubutumwa nshize amanga mu magambo yanjye no mu bikorwa, reka benshi babone agakiza binyuze mu buzima bwanjye.



IJAMBO RYA GIHANUZI

Nshimiye Imana kubw'ubuntu n'ubushobozi bwo gusoma isiganwa. Mfite umuhamagaru uhambaye wo kugirira umumaro umuryango wanjye ndetse n'abankikije bese. Binyuze muri nje, benshi bazakira agakiza mu izina rya Yesu.



IBINDI BYANDITSWE
Ibyahishuwe 10:6



UMUKORO WO GUSOMA BIBILIYA MU
MINSI 365 - UMUNSI WA 125
1 Samweli 30-31; Yohana 15

BWIRA UBUTAKA

Yeremiya 22:29

Yewe wa si we, wa si we, wa si we, umva ijambo ry'Uwiteka.

Umuhanuzi Yeremiya yahishuye urwego rw'umurimo w'Imana benshi mu bana mu bwami bw'Imana bagorwa no gusobanukirwa - kuvugisha isi. Ibuka ko, umubiri wawe ugaragara ari imbuto y'ubutaka, kandi ibintu byose bigendanye n'akazi kawe n'umukoro wawe bibera ku butaka. Ugendeye ku byanditswe, ubutaka bufite ububasha bwo kumva no kwera imbuto bugendeye ku mbaraga z'ibyo wategetse.

Uyu muni, bwira ubutaka buri imbere yawe uko ubukandagiraho; hanura kugiraneza n'imbabazi z'Imana. Aho ujya hose, ubutaka buzumvira ijwi ryawe. Imigambi yawe yose izagenda neza mu gihe ukiri ku isi. Fungura akanwa kawe maze utegeke ubutaka bwere imbuto z'ibyo ushaka, kandi nk'umuhanuzi w'Imana, ndatura ko bizajya mu bikorwa mu Izina rya Yesu.



ISENGESHO RY'UYU MUNSI

Mwami, shyira Ijambo ryawe mu kanwa kanjye rifite imbaraga. Uko natura, reka ubutaka bwere ibiri mu nyungu zanjye, bwere ibyiza, byinshi kandi bitange ibisubizo n'ingaruka nziza aho nyuze hose.



IJAMBO RYA GIHANUZI

Imbaraga z'Ijambo ry'Imana riri muri nje, kandi buri muvumo, uburetwa ndetse n'umugambi w'umwanzi wo kundwanya urasenywe. Ubutaka buhamya ubwiza bw'Imana mu buzima bwanjye. Kandi ni ko bizahora, mu Izina rya Yesu!



IBINDI BYANDITSWE
Mariko 11:23



UMUKORO WO GUSOMA BIBILIYA MU
MINSI 365 - UMUNSI WA 126
Luka 9:1-17 Zaburi 49-50

AMAFARANGA YO GUKORA UMURIMO

Imigani 11:11

Umugisha w'abakiranutsi ushyira umudugudu hejuru, Ariko usenywa n'akanwa k'umunyabyaha.

Ubutumwa bwiza ni ubuntu, ariko uburyo bwo kubukwirakwiza mu bantu buzana n'ikiguzi. Abavugabutumwa benshi bararwanywa kubera ko bakusanyije amafaranga cyangwa se bakoze ikintu cyose kirimo gukoresha amafaranga kuko isi yirengagiza ukuri ko ubutumwa bwiza butasakara nta mafaranga ahari. Ibyanditswe bigaragaza ko binyuze mu butunzi, Ubwami bw'Imana buzakwirakwira. Imbusane y'ibi nayo ni ukuri - nta butunzi buhari, Ijambo ry'Imana ntirakwirakwira.

Uri gusoma iki gitabo kirimo ubutumwa bw'uyu muni ku buntu, ariko kugicapa ntibyaribonye ubuntu. Niyo waba uri kugisoma ku buryo bw'ikoranabuhanga, mudasobwa yakoreshejwe icyandika yaraguzwe. Iyi niyo mpamvu ugomba kugira amafaranga, kandi ni amafaranga yo gukora umurimo wo gushyigikira ibiterane by'Ubutumwa bwiza no gukwirakwiza ubu butumwa mu mfuruka zose z'isi. Genda hanze uyu muni ukorere amafaranga afite intego!



ISENGESHO RY'UYU MUNSI

Data, mpa ubutunzi bufite intego kandi ungire umurinzi mwiza w'ubutunzi bw'Ubwami bw'Imana. Fungura imiryango y'ubutunzi kugira ngo mbashe gushyigikira Ubutumwa Bwiza no guteza imbere umurimo wawe nkoresha buri mahirwe yose umpaye.



IJAMBO RYA GIHANUZI

Amafanga araje kuri nje muri uyu mwaka w'Amavuta Adasanzwe. Ni amafanga yo gukora umurimo, kandi imiryango yose izamfungukira mu Izina rya Yesu.



IBINDI BYANDITSWE
Zaburi 112:4



UMUKORO WO GUSOMA BIBILIYA MU
MINSI 365 - UMUNSI 127
2 Samweli 1-2; Yohana 16

VA MU BYO UMENYEREYE

Gutegeka kwa Kabiri 1:6

Uwiteka Imana yacu yatubwiriye i Horebu iti “Igihe mumaze kuri uyu musozi kirahagije.

Imana yabwiye Abisirayeli ko igihe bari bamaze ku musozi w'i Horehu cyari gihagije. Ni yo yahabayoboye, ariko igihe cyarageze aho Imana ubwayo itari yishimiye kubabona mu mwanya umwe. Igihe yabategekaga kwimuka, ntibari bagiye kwicara ahantu hamwe mu bitababangamiye cyangwa mubyo bari bamenyereye - bari bagiye guhangara Abanyakanani n'ibihanda byari biri mu gihugu cy'isezerano.

Bagombaga kuva mubyo bari bamaze kumenyera bidafite icyo bibatwaye kugira ngo bafate ibyo Imana yari yaramaze kubaha. Kuguma ku musozi ntibyari kubafasha; byari kuborohereza gutekereza kuri Egipta, ariko ntibabone imbuto y'igihugu cy'isezerano. Wamaze kwakira Ijambo igihe naturaga ko uyu Umwaka ari Umwaka w'Amavuta Adasanzwe. Ubu rero genda maze ufate ubutaka bushya. Hangara ibyo utinya kurusha ibindi, ukoreshe ubuhanuzi bwawe mu Izina rya Yesu.



ISENGESHO RY'UYU MUNSI

Mwami, mpa imbaraga zo kuva mu mubyo menyereye binguye neza ariko bingumisha hamwe kugira ngo mfate ibihugu wanteganyirije. Mpa imbaraga zo guhangara ubwoba, gukora ibyo Ijambo ryawe rivuga, no gusohozwa umukoro wanjye wa gihanuzi.



IJAMBO RYA GIHANUZI

Imana yampaye amahanga menshi yo gutegeka. Ku bw'ubuntu bwayo, mpagurutse uyu muni ngo nyategeke mu Izina rya Yesu.



IBINDI BYANDITSWE

Umubwiriza 3:1



UMUKORO WO GUSOMA BIBILIYA MU

MINSI 365 - UMUNSI WA 121

2 Samweli 3-5; Yohana 17

UBARUTA INKUBWE ICUMI

Daniyeli 1:20

Mu ijambo ryose ry'ubwenge no kumenya, icyo umwami yababazaga, yabonaga barusha abakonikoni n'abapfumu bose bari mu gihugu cye cyose inkubwe cumi.

Abo mu isi baribeshya iyo batekereza ko hari ibyo bafite bisumbye iby'abo mu Bwami rw'umucyo. Umucyo ugaragaza kandi wirukana umwijima. Umwami yagerageje Daniyeli aha bagenzi be ibyo kurya byiza, mu gihe Daniyeli yaryaga imboga gusa. Ugendeye ku mahame isi yashyizeho, Daniyeli yagombaga kugaragara afite intege nke, ananutse kandi yihebye, ariko, yasanze aruta abandi inshuro icumi. Haleluya!

Ushobora kuba warize mu bigo byiza cyangwa se waragize amahirwe atangana n'ay'abandi mu bihe byahise, ariko ubu ubwo uri muri Kristo, wateganyirijwe ibyiza byikubye inshuro icumi. Inkomoko yawe, izina, cyangwa se amateka yawe nta bubasha bifite ku hazaza hawe uri kugana. Kristo uri muri wowe ni ibyiringiro by'ubwiza. Uruta inkubwe icumi abagendera mu mwijima! Haleluya, Amen!



ISENGESHO RY'UYU MUNSI

Data, ku bw'ubuntu bwawe, ngira inshuro icumi mu bwenge, mu buhanga no mu musaruro ntanga. Reka Kristo uri muri nje ambere itandukaniro muri buri gice cy'ubuzima bwanjye, kandi utume umurimo wanjye uvuga iby'igikundiho n'ubutoni ku Mana bitavuguruzwa biri kuri nje.



IJAMBO RYA GIHANUZI

Isi ntishobora kwigereranya nanjye. Nyiruta inshuro icumi. Mfite ubwenge buhambaye, kandi ubuntu bw'Imana burakora muri nje, mu Izina rya Yesu. Amen.



IBINDI BYANDITSWE
Imigani 22:29



UMUKORO WO GUSOMA BIBILIYA MU
MINSI 365 - UMUNSI WA 129
2 Samweli 6-8; Yohana 18:1-18

NTA CYONDO CYO MURI EGIPUTA

Kuva 14:22

Abisirayeli baja mu nyanja hagati baca nko ku butaka, amazi ababera nk'inkike iburyo n'ibumoso.

Igihe Imana yakuraga Abisirayeli muri Egipta, Bibiliya itubwira ko bambutse inyanja Itukura ku butaka bwumye. Ntiyashakaga ko bajyana icyondo na kimwe cyo muri Egipta mu gihugu cy'isezerano. Ni muri ubwo buryo, Imana idashakaga ko ujyane icyondo cy'ahahise hawe mu hazaza hawe. Uri muri Kristo; uri icyaremwe gishya, ibyakera byarahise.

Warimutse uva mu mwijima ujya mu rumuri. Ntukemerere umwanzu kukubaza amahoro akwibutsa ibyaha cyangwa se amakosa y'ahahise. Ibyo byarangiye. Reka gushira amanga kwawe kugaruke maze ugende wemye mu migisha y'Umwami wacu Yesu Kristo.



ISENGESHO RY'UYU MUNSI

Mwami, urakoze kuko ahahise hanjye harangiye nkaba narahinduwe mushya muri Kristo. Ngarurira gushira amang kwanjye, cecekesha buri kirego cy'umwanzu, maze umfashe kugenda nemye mu migisha wanteguriye.



IJAMBO RYA GIHANUZI

Ku bw'ubuntu bw'Umwami wacu Yesu Kristo, narakijijwe. Ahahise hanjye harangiye, kandi ahazaza hanjye harimo intsinzi yizewe mu Izina rya Yesu.



IBINDI BYANDITSWE
Yesaya 43:18



UMUKORO WO GUSOMA BIBILIYA MU
MINSI 365 - UMUNSI WA 130
2 Samweli 9-11; Yohana 18:19-40



AHANTU H'INTSINZI

Abacamanza 6:16

Uwiteka aramubwira ati “Ni ukuri nzabana nawe, kandi uzanesha Abamidiyani nk’unesha umuntu umwe.

Bavandimwe, buri kibazo cyose wahura nacyo uyu muni, menya ko; utari kurwanira intsinsi ahubwo uri kurwanira mu mwanya w’intsinsi. Imana yabwiye Gidiyoni iti, namaze kukugabiza Abamidiyani mu biganza byawe, mbere yuko urugamba runatangira.

Imana iragukunda cyane kurusha Gidiyoni byikubye inshuro igihumbi. Ufite Umwuka Wera muri wowe! Ibyo bikugira umunyambaraga ukomeye mu mwuka; ntuneshwa, ntunyeganyezwa kandi ntiwapfa!

Ayo masezerano, uwo mushoramari, cyangwa se ibibazo byashyizwe mu biganza byawe kugira ngo UTSINDE! Akira uku kuri maze UKUBEMO!



ISENGESHO RY’UYU MUNSI

Data, urakoze kuko ndwanira mu mwanya w’intsinsi. Komeza ukwizera kwanjye muri Wowe kandi umfashe guhangara buri kibazo cyose nzi neza ko intsinsi yanjye yizewe muri Kristo.



IJAMBO RYA GIHANUZI

Ndwanira mu mwanya w’intsinsi. Intsinsi yanjye ishinganywe na Kristo. Gutsindwa no kuneshwa si umugabane wanjye mu Izina rya Yesu.



IBINDI BYANDITSWE
Kuva 14:13-14



UMUKORO WO GUSOMA BIBILIYA MU
MINSI 365 - UMUNSI WA 131
2 Samweli 12-13; Yohana 19:1-22

AMAGARA Y'UBUMANA

Abaroma 8:11

Ariko niba Umwuka w'Iyazuye Yesu aba muri mwe, Iyazuye Kristo Yesu izazura n'imibiri yanyu ipfa ku bw'Umwuka wayo uba muri mwe.

Ikintu cya ngombwa kurusha ibindi mu isi ya none ni amagara mazima. Niyo mpamvu umwami ahora ashaka buri kintu cyarwanya kumera neza kwawe. Uhereye ku biribwa, ukajya ku bidukikije ndetse n'ubuhinzi, aba ashaka guhumanya no guca intege umubiri wawe kugira ngo ubuzima bwawe buhungabane. Ariko Imana ishimwe ko Umwuka w'Imana utuye muri wowe - Umwuka umwe wazuye Kristo mu bapfuye. Ibyanditswe bivuga ko azazura umubiri wawe upfa.

Ijambo kuzura risobanuye gukomeza cyangwa se gusubizamo imbaraga. Uyu muni, uwo Umwuka urakongerera imbaraga. Imbaraga zirimo kwinjira muri buri rugingo rw'umubiri wawe. Ubuzima buzima buri gutemba muri wowe mu Izina rya Yesu. Ntuzakenyuka; uzabaho igihe kinini kandi mu buzima bwagutse kugira ngo uhamye ineza y'Imana.



ISENGESHO RY'UYU MUNSI

Mwami, ushimwe kuko Umwuka utanga ubuzima utuye muri nje. Reka amagara y'ubumana atembe mu mubiri wanjye uyu muni, ukomeze buri rugingo rwanjye kandi wirukane buri ndwara yose, gucika intege no gukenyuka.



IJAMBO RYA GIHANUZI

Ubuzima bwa Kristo butemba muri nje. Nkize mu magara no mu butunzi bufatika. Mpawe umugisha utagira umupaka mu Izina rya Yesu!



IBINDI BYANDITSWE
Imigani 4:20



UMUKORO WO GUSOMA BIBILIYA MU
MINSI 365 - UMUNSI WA 131
2 Samweli 14-15; Yohana 19:23-42



UMUKRISTO WO MU CYICIRO CYA MBERE

Mariko 16:15

Arababwira ati “Mujye mu bihugu byose, mwigishe abaremwe bose ubutumwa bwiza.”

Iyo ugenze mu ndege, indege mugendamo ndetse n'icyerekezo cyaho mujya aba ari bimwe, ariko uko mugenda biratandukana bitewe n'icyiciro mwicayemo. Ikigero cyo kwicara neza, amafunguro ufata, ndetse na serivisi uhabwa mu gihe uri mu rugendo biratandukana muri buri cyiciro yaba icya economy, business ndetse n'icyiciro cya first class. Iyo igihe kigeze cyo gusozza urugendo, inkuru y'urugendo rwanyu ziba zitandukanye cyane. Ibyo ni kimwe no mu Bukristo. Bamwe bizera ko Umukristo agomba gukena kandi aciriritse, ariko hari abandi bameze nkatwe bizera mu Nkuru Nziza y'Umwami wacu Yesu Kristo.

Inkuru Nziza ni inkuru “wumva ukagira ngo ni amakabya nkuru.” Wowe ngwino uko uri maze uryohere n'ibyiza byose biri mu gakiza. Amagara yawe, ubutunzi, intsinzi, ndetse n'ibindi byose biri mu gakiza. Yesu yaravuze ati, “Mubwirize Ubutumwa Bwiza” - ubutumwa bwiza wumva ukagira ngo ni amakabyankuru, budafite ikintu na kimwe kibuzemo. Ubu ni Ubutumwa Bwiza bwo mu cyiciro cya mbere!



ISENGESHO RY'UYU MUNSI

Data, mfasha kwemera no kugendera byuzuye mu Nkuru Nziza ya Kristo. Reka ndyohere n'umwuzuro w'agakiza, ntakintu na kimwe mbuze, maze namamaze Ubutumwa Bwiza ku bandi nshize amanga.



IJAMBO RYA GIHANUZI

Nizerera mu Nkuru Nziza y'Umwami wacu Yesu Kristo. Nzaryohere na kuba mu cyiciro cya mbere cy'ubuzima kugeza Yesu agarutse gutwara itorero, mu Izina rya Yesu.



IBINDI BYANDITSWE
Luka 4:18-19



UMUKORO WO GUSOMA BIBILIYA MU
MINSI 365 - UMUNSI WA 133
Luka 9:18-36; Zaburi 51-52



NAVUKIYE MU GUKIRANUKA

Abaroma 5:17

kuko ubwo igicumuro cy'umwe cyateye ko urupfu rwimikwa n'umwe, ni na ko abahawe ubuntu busesekaye n'impano yo gukiranuka bazarushaho kwimikanwa ubugingo n'umwe ari we Yesu Kristo.

Impano ni ikintu utakoreye. Nta mbaraga bigusaba ngo uyibone, ugomba gusa kuba ufite ubushake bwo kwakira icyo mpano. Bibiliya ivuga ko twakiriye impano yo gukiranuka. Ntitwayihawe kubw'imbaraga zacu ahubwo twayiheshejwe n'ubuntu bw'Imana kubera urupfu rwa Yesu ku musaraba.

Urera mu maso y'Imana, utitaye ku byabaye ejo hashize. Iyo Imana ikurebye, ntibona ahahise hawe; ibona Kristo, wapfiriye abantu bose. Ni ugukiranuka kwa Kristo kukuvugira, si imirimo yawe. Ibi bivuze ko ugomba kubaho uko wiboneye? Oya. Ibyanditswe bivuga ko ari Imana idutera gukora no gukunda ibyo yishimira. Uyu muni, wakire ukuri ko wera mu maso y'Imana kandi ukomeze kurabagirana mu bwiza bwayo.



ISENGESHO RY'UYU MUNSI

Mwami, urakoze kubw'impano yo gukiranuka. Mfasha kubaho buri muni mfite kwizera uwo ndi we muri Kristo, mbe umutware mu buzima kandi nerekanwe ubwiza bwawe muri buri gice cyose cy'urugendo rwanjye.



IJAMBO RYA GIHANUZI

Ndatura kandi ndatega ko gukiranuka kuganje mu mutima wanjye, mu rugo rwanjye, mu butunzi bwanjye, mu mubano wanjye n'abandi no mu hazaza hanjye. Urakoze, Mwami, kubw'impano yo gukiranuka!



IBINDI BYANDITSWE
Abafilipi 3:9



UMUKORO WO GUSOMA BIBILIYA BIBILIYA
MU MINSI 365 - UMUNSI WA 134
2 Samweli 16-18; Yohana 20



BIHARANIRE

Matayo 11:12

Uherye ku gihe cya Yohana Umubatiza ukageza none, ubwami bwo mu ijuru buratwaranirwa, intwarane zibugishamo imbaraga.

Niba utaravukiye mu muryango ukize, reka umuryango ukize uzave muri wowe. Abakubanjirije bashobora kuba barakoze amakosa, ariko ufite inshingano zo kurema ahazaza hawe wifuza. Ubuzima ntibuguha ibyo ukwiye, buguha ibyo uharaniye.

Kuva mu gihe cya Yohana kugeza none, intwarane nizo zitwara ibyo zagenewe. Kuba intwarane mu Bwami bw'Imana si ugusakuza cyane; ni uguhozaho mu masengesho, mu kwiga Ijambo ry'Imana no gukora ibyo wigishwa buri muni.

Uyu muni wakiriye Ijambo rya gihanuzi; nturipfushye ubusa - genda maze urikoreshe. Tangira ubwo bucuruzi, kurikira intumbero yawe, kandi ugambirire kugira ubutunzi kugeza Yesu agarutse gutwara itorero.



ISENGESHO RY'UYU MUNSI

Data, mpa imbaraga z'umwuka no guhozaho mu gushaka ibyo wansezeranije byose. Mfasha gukoresha Ijambo ryawe mfite intego no gufata buri mugisha wose wangeneye ubuzima bwanjye. Amen.



IBINDI BYANDITSWE

Nakiriye buri mugisha wose uriho izina ryanjye. Nanze gutsindwa aho abandi batsinzwe. Uri muri nje arakomeye kuruta uri mu isi. Amen.



IBINDI BYANDITSWE
Abefeso 6:10-12



UMUKORO WO GUSOMA BIBILIYA MU
MINSI 365 - UMUNSI WA 135
2 Samweli 19-20; Yohana 21



UMUTI WA NYAWO

Imigani 16:24

Amagambo anezeza ni nk'ubuki, Aryohera ubugingo bw'umuntu agakomeza ingingo ze.

Abantu bagenda amahanga bashaka ubuvuzi, kandi uruganda rw'imiti rukomeje gutera imbere kuko isi ishishikajwe no gushaka ibisubizo byihuse. Ariko Bibiliya igaragaza igikomeye kurusha ibinini ari cyo - akanwa kawe. Ururimi rwawe si inyama gusa ahubwo ni intwari irema, igaca inzira kandi ikarinda ubuzima bwawe.

Atura amagambo meza ku buzima bwawe no ku muryango wawe. Atura ubuzima, ntiwature urupfu. Ntuzapfa, Imana yaguhaye ubuntu bwo kubaho igihe kirekire. Aka kanya, buri rugingo ry'umubiri wawe ruri kwakira ubuzima ku bw'Umwuka w'Imana, mu Izina rya Yesu!



ISENGESHO RY'UYU MUNSI

Mwami, shyira amagambo meza kandi atanga ubugingo mu kanwa kanjye. Uko mvuga, reka gukira indwara, imbaraga no kubohorwa bitembe mu mubiri wanjye no muri buri wese unnikije.



IJAMBO RYA GIHANUZI

Ndatura kandi ndatega ko muri uyu Mwaka w'Amavuta Adasanzwe, nzarama kugira ngo nature ineze y'Imana. Umubiri wanjye usubijwemo imbaraga n'Umwuka Wera. Mfite ubuzima bwa Kristo muri nje, kandi indwara si umugabane wanjye.



IBINDI BYANDITSWE
Abefeso 4:29



UMUKORO WO GUSOMA BIBILIYA MU
MINSI 365 - UMUNSI WA 136
2 Samweli 21-22; Ibyakozwe n'intumwa 1



BYEREKANA

1 Timoteyo 4:15

Ibyo uje ubizirikana kandi abe ari byo uhugukiramo, kugira ngo kujya mbere kwawe kugaragarire bose.

Kwerekana ibintu kugira ngo abandi babibone gusa si byiza. Imana ntiguha umugisha kugira ngo ubyerekana gusa, ahubwo ni ukugira ngo Ubwiza bwayo bugaragarire mu buhamya bwawe. Igihe Pawulo yavugaga ngo, “reka kujya mbere kwawe kugaragarire bose,” yashakaga kuvuga ko ubuzima bwawe bugomba kugaragaza hose ibyo Imana yakozwe. Ni Imana iba iri kwiyerekana mu buzima bwawe, kuko uri urwandiko ruzima rusomwa nabo mu isi. Iyo ukize indwara cyangwa se uzamuwe mu ntera, ni ubudahangarwa bwayo buba bugaragaye.

Uyu muni, hari ubuntu bwo kugira ngo Imana igaragare kandi yigaragaze muri wowe. Ibitangaza bidasanzwe bije aho uri kuko uri urugero rw’ubwiza bwayo. Ibyari bikomeye biroroha, kuko Imana iri kumwe nawe kandi yiteguye kwiyerekana ku bwawe.



ISENGESHO RY’UYU MUNSI

Data, reka ubuzima bwanjye bugaragaze byeruye ineza yawe. Reka gutera imbere kwanjye, ubuhamya, ndetse n’intsinzi bigaragare, biheshe icyubahiro n’ikuzo Izina ryawe.



IJAMBO RYA GIHANUZI

Gutera imbere kwanjye mu Mwuka bizagaragarira buri wese; imbuto z’umurimo wanjye, ubuhamya bwanjye, kuzamurwa mu ntera kwanjye ndetse n’itsinzi yanjye birabagirana, bikazanira Imana icyubahiro.



IBINDI BYANDITSWE
Matayo 5:16



UMUKORO WO GUSOMA BIBILIYA MU
MINSI 365 - UMUNSI WA 137

2 Samweli 23-24; Ibyakozwe n’intumwa
1:1-21

TSINDISHA UBUHANUZI

1 Timoteyo 1:18

Mwana wanjye Timoteyo, ndakwihanangiriza nkurikije ubuhanuzi bwa kera bwahanuye ibyawe, kugira ngo buduheshe kurwana intambara nziza.

Ubuhanuzi ni intwari ikoresheye mu kurwana kugeza igihe utunze ibyawe. Ibyo Imana yakuvuzeho byose nibyo bigize amahame y'ibanze yo kwizera, kandi hamwe n'uko kwizera, nta kidashoboka. Abisirayeli babwiwe ko igihugu gitemba amata n'ubuki ari icyabo. Nubwo bamwe batinyaga ibihanda, Yosua na Kalebu bahagaze kuri ubwo buhanuzi. Bari biteguye kurwana bakagera kubyo Imana yavuze.

Uyu mwaka wiswe Umwaka w'Amavuta Adasanzwe; ni Imana yavuze iryo jambo. Ugendeye kuri ubwo buhanuzi, genda utegeke ibihugu bishya mu Izina rya Yesu. Ibyavuzwe kuri uyu mwaka ni ubuhanuzi bwawe. Bikomereho maze ukomeze utsinde mu Izina rya Yesu!



ISENGESHO RY'UYU MUNSI

Mwami, mfasha guhagarara nemye mu buhanuzi bwose wavuze ku buzima bwanyje. Unkomeze kugira ngo ndwanishe Ijambo Ryawe kugeza ntunze byuzuye ibyo wamvuzeho.



IJAMBO RYA GIHANUZI

Umwuka w'Imana umpa imbaraga zo guhagarara, kwatura no gukora iby'Ijambo ryavuzwe kuri uyu mwaka. Intsinzi iragaragara muri buri rwego rw'ubuzima bwanyje. Ndwana intambara nziza, kandi intsinzi yanjye izanira Imana icyubahiro.



IBINDI BYANDITSWE
Yosua 1:8



UMUKORO WO GUSOMA BIBILIYA MU
MINSI 365 - UMUNSI WA 138
1 Abami 1-2; Ibyakozwe n'intumwa 2:22-47



IGIPIMO KU BYO WUMVA

1 Abakorinto 14:10

Indimi zo mu isi nubwo ari nyinshi zite nta rudafite uko rusobanurwa.

Bibiliya ivuga ko ukwizera kuzanwa no kumva, kandi ubushobozi bwo kumva bufungurwa n'Ijambo ry'Imana. Ibi bivuze ko ibyo wumva birema ubuzima bwawe bugaragara ndetse n'ubw'umwuka. icyanditswe cyacu cy'uyu muni kitubwira ko buri jwi rifite igisobanuro. Ibintu byose wumva bikugiraho ingaruka - nziza cyangwa se mbi. Iyi niyo mpamvu ugomba gushyira igipimo ku byo wumva.

Ntukumve amajwi avuga ubukene, igabanuka ry'ubukungu cyangwa se urupfu. Ujye wumva amagambo atanga ukwizera, urukundo n'ibyiringiro. Funga amatwi yawe igihe wumva urusaku rwo mu isi kandi ugume ku byo Ijambo rivuga. Guma mu Ijambo, kandi uzagarukana ubuhamya nta gushidikanya.



ISENGESHO RY'UYU MUNSI

Data, mfasha kurinda amatwi yanjye uko bikwiye. Reka numve gusa ibyubaka ukwizera, ibyiringiro n'ubuzima kandi reka buri jwi ryose nakiriye ribyare ubuhamya mu buzima bwanjye.



IJAMBO RYA GIHANUZI

Imigambi yanjye yose irasohoye. Numva Inkuru Nziza zerekeye konti zanjye, ubuzima bwanjye, umurimo w'Imana nkora na buri kimwe cyose cyerekeye ubuzima bwanjye, mu Izina rya Yesu.



IBINDI BYANDITSWE
Yesaya 30:12



UMUKORO WO GUSOMA BIBILIYA MU
MINSI 365 - UMUNSI 139
1 Abami 3-5; Ibyakozwe n'intumwa 3



IGIHEMBO KIRAJE

Abagaliya 6:9

Twe gucogorera gukora neza, kuko igihe nigisohora tuzasarura nitutagwa isari.

Urugendo rwacu rwo kwizera si isiganwa rigufi ahubwo ni Marato (isiganwa ryo kwiruka ahantu harehare). Abavandimwe benshi barambiwe kubaho, abandi baracogoye mu gukorera Imana kubera impamvu zitandukanye, ariko umva icyanditswe cy'uyu muni: ntugacogore cyangwa se ngo urambirwe gukora ibyiza, kuko igihembo cyawe kije mu gihe nyacyo.

Twese dukorera Imana mu kirere kimwe kiganjemo gutotezwa, kubuzwa amahoro no kumvwa nabi, ariko ikidusunikira kujya mbere ni ubumenyi dufite ko hari igihembo cyacu cyiza. Subira mu murongo uyu muni kandi ukomeze gukora neza. Ongera ukorere Imana mu rusengero, mu muryango wawe n'aho ukora kugeza uhindutse urumuri mu isi yawe.



ISENGESHO RY'UYU MUNSI

Mwami, nsubizamo imbaraga sincogore mu gukora ibyiza. Mfasha kuba umwizerwa kandi nkomeze umurimo, nzi neza ko igihembo cyanjye kiri hafi kugaragara mu gihe gikwiye.



IJAMBO RYA GIHANUZI

Ubuntu n'imbabazi binshoboza gushaka no gukora ibyiza. Nzakomeza kwaka sinzazima kugeza ntwaye ibyanjye, mu Izina rya Yesu.



IBINDI BYANDITSWE
2 Abatesalonike 3:13



UMUKORO WO GUSOMA BIBILIYA MU
MINSI 365 - UMUNSI WA 140
Luka 9:37-62; Zaburi 54-56

KUTAYOBORWA NA KRISTO

Abagalatiya 2:20

Nabambanywe na Kristo ariko ndiho, nyamara si jye uriho, ahubwo ni Kristo uriho muri jye. Ibyo nkora byose nkiriho mu mubiri, mbikoreshwa no kwizera Umwana w'Imana wankunze akanyitangira.

Isezerano rya Kera rivuga ku kumva ijwi ry'Imana rituruka inyuma yawe, nkaho rishobora kukunyuraho rikagenda utumvise Imana. Ariko mu Isezerano Rishya ukuri kuratandukanye rwose. Pawulo aravuga ati: "si njye uriho, ahubwo ni Kristo uriho muri njye". Ibi bivuze ko ubuzima bwawe bwafashwe n'Imana; nti bukiri ubwawe, ahubwo ni ubwayo.

Ubuzima bwawe busanzwe bushobora kugira imbogamizi n'intege nke, ariko ubuzima bwa Kristo buri muri wowe nta nzitizi bufite. Uko ugenda uyu muni, ni Kristo ugenda muri wowe. Umuntu wese uhagurukiye kurwanya ibisubizo byawe - ni Kristo aba arwanya ubwe kandi ntawarwanya Imana ngo atsinde. Tangira umunsi wawe ufite uku gusobanukirwa, kandi uzagarukana ubuhamya.



ISENGESHO RY'UYU MUNSI

Data, ndagushimiye ku Kristo atuye muri njye. Mfasha kugenda buri muni mfite gusobanukirwa ko ubuzima bwanjye butakiri ubwanjye, nemerere` intsinzi ya Kristo, imbaraga ze ndetse no gutsinda kwe byuzuzwe bigaragazwe binyuze muri njye.



IJAMBO RYA GIHANUZI

Ubuzima mbaho ni ubuzima bw'intsinzi, umwuzuro ndetse no kunesha. Aho ngeze hose, ndategeka, mu Izina rya Yesu.



IBINDI BYANDITSWE
Abakolosayi 3:3-4



UMUKORO WO GUSOMA BIBILIYA MU
MINSI 365 - UMUNSI WA 141

1 Abami 6-7; Ibyakozwe n'intumwa 4:1-22

UWIMANA

1 Yohana 4:4

Bana bato, muri ab'Imana kandi ba bandi mwarabanesheje, kuko uri muri mwe aruta uri mu b'isi.

Iyo mfashe impeta nkavuga ko ari iya zahabu, bivuze ko ikozwe muri zahabu; mu yandi magambo, ni igihangano cy'izahabu. Iyo Bibiliya ivuze ko uri uw'Imana, bivuze ko ukozwe mu miterere y'Imana. Waremwe mu mwuka. Iby'Imana ntibita agaciro cyangwa ngo byangirike bitewe n'ibigeragezo; ahubwo biva mu bwiza bijya mu bundi bwiza.

Uyu muni menya neza ko utari ikiremwa gisanze kigendera ku isi, ahubwo waremwe nk'Imana. Imivumo n'amagambo mabi ntibyakwifatanya niyo miterere. Waremwe mu miterere y'ubumana. Genda utsinde mu Izina rya Yesu.



ISENGESHO RY'UYU MUNSI

Mana, Ndagushimira ko ndi uw'Imana kandi naremwe mu miterere y'ubumana. Mfasha kubaho nshize amanga nzi neza ko nta kintu cy'umwijima cyantera cyangwa ngo kirwanye ubuzima bw'ubumana buri muri nyje.



IJAMBO RYA GIHANUZI

Naremwe mu miterere y'Imana. Sinzapfa ahubwo nzakomeza kwaka no kwenyegeza umuriro kugeza igihe nzabonera ibisubizo byanjye. Ubwiza buruta ubundi buri kuza kuri nyje mu Izina rya Yesu.



IBINDI BYANDITSWE
Zaburi 118:6



UMUKORO WO GUSOMA BIBILIYA MU
MINSI 365 – UMUNSI WA 142

1 Abami 8-9; Ibyakozwe n'intumwa 4:23-37

INTUMWA

Abeneburayo 1:14

Mbese abamarayika bese si imyuka iyikorera, itumwa gukora umurimo wo gufasha abazaragwa agakiza?

Abafite imyanya y'ubuyobozi ntibashobora gukora buri murimo wose bonyine. Bafite ababafasha b'intumwa bakora imirimo itandukanye. Bibiliya ivuga ko twohererejwe abamalayika, bivuze ko ari abafasha bacu. Baradukorera, bakadufasha imirimo. Bishobora kuba byumvikana nk'ibidashoboka, ariko niko kuri.

Bumbura Umunwa wawe uyu muni maze utegeke abamalayika bagukikije kuja gutunganya buri hantu hose ukeneye gukora kw'Imana. Yaba ari umukiriya watinze kwishyura cyangwa se ibiro byakwimye igisubizo, ohereza abamalayika. Biteguye amategeko yawe kandi barayasohozza neza uko ari.

Gendera mu gikundi cy'Imana, utekanye, kandi ufite ububasha bw'Imana, uzi neza ko intumwa zo mu ijuru zirimo kugukorera, zikurinze, kandi ziri gutunganya inzira.



ISENGESHO RY'UYU MUNSI

Data, urakoze kubw'abamalayika bawe bankorera. Uko natura mu kwizera, ubufasha buva ku Mana, igikundi, kurindwa n'ibisubizo birekurwe muri buri bice by'ubuzima bwanjye.



IJAMBO RYA GIHANUZI

Ndategeka abamalayika kuja mu mpande zose bakananira ibisubizo. Inzira zanjye ndetse n'imiryango mishya irafungutse mu izina rya Yesu. Ndagushimiye, Mwami, kubw'abamalayika bawe bankorera mu budahemuka, bakazana icyubahiro cyawe ndetse n'uburinzi muri buri gice cy'ubuzima bwanjye.



IBINDI BYANDITSWE

Kuva 23:20



UMUKORO WO GUSOMA BIBILIYA MU MINSI 365 – UMUNSI WA 143

1 Abami 10-11; Ibyakozwe n'intumwa 5:1-20



SI UMURYANGO UFASHA ABATISHOBOYE

Gutegeka kwa kabiri 28:12

Uwiteka azagukingurira ijuru, ububiko bwe bwiza ngo aje akuvubira imvura mu bihe byayo, ahe umugisha imirimo ikuva mu maboko yose. Uzaguriza amahanga menshi, maze ntuzayaguzaho.

Itorero si umuryango ufasha abatishoboye, nubwo benshi bagerageza kudushyira muri icyo cyiciro. Isi ihora ishaka gushyira Itorero mu cyiciro kitari icy'umwuka. Bibiliya ivuga ko twebwe, Itorero, tuzaguriza amahanga. Nitwe twagenewe gufata ibyemezo bigenga amahanga - ibyo barya cyangwa ibyo bateganya bigenzurwa natwe. Twatowe guha amahanga, aho kwishingikiriza kuri Banki y'isi.

Nk'umuhanuzi w'Imana, ndabona amafaranga yinjira abyiganira muri konti yawe. Ntabwo uri umukene, uri umukire. Amahoro azaza mu bavandimwe bawe kubera wowe. Ntegetse buri mwenda wose ugukurikirana ngo ntuzagukoreho muri uyu mwaka w'Amavuta Adasanzwe. Wahamagariwe igihe nk'iki kugira ngo uhindure amahanga n'imiryango.



ISENGESHO RY'UYU MUNSI

Mwami, ngira umuyoboro w'imigisha ku bandi. Kingura ijuru hejuru y'akazi kanjye, mu butunzi bwanjye kandi kwaguka kugwire muri nje kugira ngo guhindure umuryango wanjye n'amahanga.



IJAMBO RYA GUHANUZI

Amafaranga ari kuza kuri nje, kandi ibyo ngambirira byose bizasohora, mu Izina rya Yesu.



IBINDI BYANDITSWE
Zaburi 112:3



UMUKORO WO GUSOMA BIBILIYA MU
MINSI 365 - UMUNSI WA 144

1 Abami 12-13; Ibyakozwe n'intumwa
5:21-42



URI HEJURU Y'IBYO UNYURAMO

Yobu 22:29

Nibakugusha uzavuga uti 'Hariho ikimbyutsa.' Kandi uwicisha bugufi izamukiza.

Iyo ubajije abantu benshi uko ubuzima bumeze, bakunda gusubiza bati “bugarijwe n'ibibazo”. Ikibazo mfite niki, niki uri gukora muri ibyo bibazo? Wavukiye mu ijuru, ntabwo uri uwo mu isi, kandi ibikwerekeyeho byose ni ibyo hejuru. Bibiliya ivugako mu gihe ab'isi bavuze ko hari ukugabanuka kw'ubukungu cyangwa se gutakaza agaciro kw'ifaranga, njye nawe twatura ko, hari ukuzamurwa.

Muri uyu mwaka w'Amavuta Adasanzwe, uzaba hejuru y'ibyo unyuramo. Uri umwambasaderi wa Kristo. Ntacyo uzakena kuko isoko yawe iva mu ijuru. Genda ubone gusohora kw'imigisha y'Imana mu izina rya Yesu.



ISENGESHO RY'UYU MUNSI

Data, mfasha kubaho hejuru y'ibyo nyuramo simbe muni yabyo. Reka amagambo yanjye ahure n'ukuri kwawe uko natura kuzamurwa, gutunganirwa n'intsinzi muri byose.



IJAMBO RYA GIHANUZI

Ndi hejuru y'ibyo nyuramo; isoko yanjye ni iyo mu ijuru. Uyu mwaka, sinzabura icyiza na kimwe. Ubuzima bwanjye bwuzuye ubuhamya. Amen.



IBINDI BYANDITSWE
Luka 1:52



UMUKORO WO GUSOMA BIBILIYA MU
MINSI 365 – UMUNSI WA 145
1 Abami 14-15; Ibyakozwe n'intumwa 6

IBINYABUTABIRE BIGIZE IGITANGAZA

Yohana 9:25

Na we arabasubiza ati “Niba ari umunyabyaha simbizi, icyo nzi ni kimwe, ni uko nari impumyi none nkaba ndeba.

Buri kintu cyose gikozwe mu binyabutabire kigira forimire (inyandiko y'ibikigize). Ukoresha iyo nyandiko(forimire), ushobora gusobanukirwa uko icyo kintu cyakozwe n'uko cyabayeho. Abafarisayo n'abasadukayo batangajwe n'igitangaza cy'impumyi yakize amaso yayo agafunguka. Bashakaga igisobanuro, ariko we yari azi ikintu kimwe, ko yari ahumye, ubu akaba abona.

Nta busobanuro buba buhari ku bigize igitangaza. Ntushobora gusobanura igitangaza. Uyu muni ni umuni wawe wo kwakira ibyo Imana yonyine yakora. Birenze ibyo wasengeye n'ibyatumye wiyiriza. Akira igitangaza cyawe uyu muni mu Izina rya Yesu.



ISENGESHO RY'UYU MUNSI

Mwami, nakiriye imbaraga z'igitangaza cyawe uyu muni. Reka ibyo wowe gusa wakora bigaragare mu buzima bwanjye, ibirenze ibisobanuro, ibirenze imbaraga zanjye ndetse n'ibirenze umupaka.



IJAMBO RYA GIHANUZI

Uyu muni ni umuni w'igitangaza cyanjye. Nakiriye buri mugisha wose Imana imfiteye mu bubiko bwayo, mu Izina rya Yesu.



IBINDI BYANDITSWE
Matayo 19:26



UMUKORO WO GUSOMA BIBILIYA MU
MINSI 365 – UMUNSI WA 146
1 Abami 16-18; Ibyakozwe n'intumwa 7:1-22

IMBARAGA ZIGENA IBIBA

2 Abatesalonike 2:6-7

“Kandi none muzi yuko ikimubuza ari ukugira ngo azahishurwe mu gihe cyeye, kuko amayoberane y’ubugome n’ubu atangiye gukora, ariko ntazahishurwa keretse uyubuza ubu akweweho.

Imirango myinshi ku isi iharanira kugenzura ubumuntu. Hari abaharanira kurimbura abana b’Imana, abandi bagashyira imbere imigambi igamije kubakenesha. Ariko dore ukuri: Anti-Kristo ntashobora gusohozza neza umugambi we igihe cyose tukiri hano. Turamubuza. Turi imbaraga zigena uko ibintu bigenda kuri iyi si.

Atura Ijambo ry’Imana ku bihugu, ku butegetsi no ku mirango ubwo utangira umunsi wawe. Ibyo watura byose bizasohora mu Izina rya Yesu. Mu murango wawe, ba imbaraga z’umwuka zigena uko ibintu bigenda. Intsinzi cyangwa se ubukene— byose biri mu biganza byawe kugirango ugene icyo ushaka ko kiba mu buzima bwawe.



ISENGESHO RY’UYU MUNSI

Data, mfasha guhagarara nshikamye nk’imbaraga z’umwuka mu murango wanjye no mu gisekuru cyanjye. Uko natura Ijambo ryawe, reka gukiranuka, amahoro n’itsinzi biganze binyuze muri nyje.



IJAMBO RYA GIHANUZI

Ndatura kandi ndatega nshize amanga ubuzima bwuzuye, kuzamurwa n’amahoro mu murango wanjye. Iminsi yanjye yuzuye umunezero w’Umwami, mu Izina rya Yesu. Amen.



IBINDI BYANDITSWE
Yeremiya 1:10



UMUKORO WO GUSOMA BIBILIYA -
MU MINSI WA 365

Luka 10:1-24; Zaburi 57-59

UBUHANUZI BWawe, INTWARO Zawe

1 Timoteyo 1:18

Mwana wanjye Timoteyo, ndakwihanangiriza nkurikije ubuhanuzi bwa kera bwahanuye ibyawe, kugira ngo buduheshe kurwana intambara nziza.

Ibihugu bigira ibigega by'intwaro n'ibisasu byo kurinda cyangwa kwagura impaka yabyo. Igihe kirekire, abantu batekerezaga ko gutsinda intambara bisaba intwaro zigaragara; ariko ibyanditswe bitwereka ko n'ubuhanuzi ari intwaro ushobora gukoresha urwana. Iyo Bibiliya ivuze ko utari umukene ahubwo uri umukire, cyangwa iyo wakiriye Ijambo ry'Imana binyuze muri iyi nkuru nziza ya buri muni, uba ufite ubuhanuzi. Ubu ni bwo buhanuzi Pawulo yavugaga igihe yabwiraga Timoteyo kurwana intambara nziza.

Uko ugenda cyangwa usenga uyu muni, atura buri jambo ryiza ry'ubuhanuzi wigeze kwakira. Intsinzi ni iyawe, kuko Ijambo ryavuzwe ku buzima bwawe — ubuhanuzi bwawe — ntirizagwa hasi mu Izina rya Yesu.



ISENGESHO RY'UYU MUNSI

Mwami, mfasha kurwana neza nkoresha buri buhanuzi bwavuzwe ku buzima bwanjye. Uko natura Ijambo ryawe, reka intsinzi, kwaguka no gusohora kw'ibyo wazemuranye bibe byihuse.



IJAMBO RYA GIHANUZI

LNtegetse ko buri jambo nakiye rivuye ku Mana risohora. Ibigega byanjye byuzure urukundo, umunezero, amahoro n'ubukire, mu Izina rya Yesu.



IBINDI BYANDITSWE
Zaburi 144:1



UMUKORO WO GUSOMA BIBILIYA - MU MINSI 365

1 Abami 19-20; Ibyakozwe n'Intumwa 7:23-43

IBISUBIZO BIRAHARI

Abafilipi 4:6

Ntimukagire icyo mwiganyira, ahubwo ibyo mushaka byose bimenywe n'Imana mubisabiye, mubyingiye, mushima.

Iyo wavukiye mu muryango ukize, uba wizeye ko ibyo ukeneye byose biri hafi yawe. Kubera uwo mubyeyi ukize, ntugorwa no kubona ibyo kurya cyangwa imyambaro. Tekereza noneho ko So afite inka zuzuye imisozi igihumbi kandi ari we Muremyi utararemwe w'ijuru n'isi. Ni We ubwe ukubwira kumumenyesha ibyo ukeneye.

Nta mipaka iri ku byo wasaba Imana, kuko ishoboye kuguha ibyo ukeneye byose ikurikije ubutunzi bwayo mu cyubahiro cyayo. Fata umwanya usenge, ushyire ibyo ukeneye byose imbere y'Imana, maze uzagarukana ubuhamya. Ibisubizo by'ibibazo byawe byose birahari – wowe gusa bwira Imana ibyo ukeneye.



ISENGESHO RY'UYU MUNSI

Lord, help me to study Your Word diligently and with balance. Give me understanding across all scripture so I may live equipped, approved, and victorious in every area of my life.



IJAMBO RYA GIHANUZI

Nshyize ibyo nkeneye byose imbere y'Imana. Ibyo nasabiye mu isengesho bihindutse ishimwe. Ubuhamya bwanjye buzaruta ibibazo byanjye. Amen.



IBINDI BYANDITSWE
2 Petero 1:3



**3UMUKORO WO GUSOMA BIBILIYA -
MU MINSI 365**

1 Abami 21-22; Ibyakozwe n'Intumwa
7:44-60



AMBADE Y'IMANA

2 Abakorinto 5:20

Ni cyo gituma tuba intumwa mu cyimbo cya Kristo, ndetse bisa n'aho Imana ibingiringira muri twe. Nuko rero, turabahendahenda mu cyimbo cya Kristo kugira ngo mwiye n'Imana.

Abantu benshi ntibasobanukirwa neza icyo ambasade ari cyo. Batekereza ko ambasade ari inyubako cyangwa ibiro by'ambasaderi. Ariko ambasade iba ambasade iyo ambasaderi ayirimo. Iyo adahari, yitwa chancellery (ibiro by'ubuhagarariye igihugu mu kindi). Igituma inyubako iba ambasade ni ukubaho kwa ambasaderi. Mu buryo bumwe, iyo Perezida wa Amerika yinjye muri kajugujugu, ihita yitwa Air Force One — si ukubera imiterere yayo, ahubwo ni ukubera uyirimo.

Bibiliya ivuga ko uri umw'ambasaderi wa Kristo; bityo aho ukandagije ibirenge byawe hose hahinduka ambasade. Hahinduka ahantu harinzwe kandi hari ibihagije. Ntabwo uri umuntu usanzwe. Uko usohoka uyu muni, Imana yakugize igikoreshe cyayo cyo kuzana benshi kuri Yo.



ISENGESHO RY'UYU MUNSI

Mwami, mfasha kubaho nzi neza ko ndi umwambasaderi wawe. Uko ninjira ahantu hose uyu muni, reka ububasha bwawe, igikundiro cyawe n'ibyo utanga bigaragare mu buzima bwanjye.



IJAMBO RYA GIHANUZI

Ndi ambasade y'Umwuka wera. Ibyo nkoraho byose bizatera imbere. Mfite ubuntu n'igikundiro mu Izina rya Yesu.



IBINDI BYANDITSWE
Yohana 20:21



UMUKORO WO GUSOMA BIBILIYA -
MU MUNSI 365
2 Abami 1-3; Ibyakozwe n'Intumwa 8:1-25

IMBIBI ZAWA ZAHAWA UMUGISHA

Yosuwa 1:3

Aho muzakandagira hose ndahabahaye nk'uko nabwiye Mose.

Imana ntiyahaye Yosuwa amabwiriza rusange — yamuhaye igihugu cyagenwe kandi imubwira kwinjira ashize amanga mu byari byamaze kuba ibye. Muri ubwo buryo, hari ahantu hihariye, amahirwe n'inshingano byihariye Imana yakugeneye. Iyo usobanukiwe imipaka y'umugisha wawe, ureka gutakaza imbaraga zawe hose, ahubwo ugatangira gutera intambwe zihamye aho ubuntu bugutegereje.

Abakristo benshi bava ku gitekerezo bajya ku kindi batamenyeko akenshi intsinzi izanwa n'aho uri. Iyo Imana yamaze kwaturira ahantu umugisha cyangwa ku gikorwa runaka, ibisubizo biza byoroshye, igikundiro no kwihuta nabyo bikaza. Aho gukuka, saba Uwiteka aguhishurire aho yamaze gutegeka kwaguka kwawe.

Uyu munsu, injira mu byo yaguhaye kandi wange kuyoba uva mu nzira yaguteguriye.



ISENGESHO RY'UYU MUNSI

LData, nyereka inzira n'ahantu wamaze gushyira umugisha wanjye. Yobora intambwe zanjye ngendere mu mipaka wanteganyirije, mbone ubuntu, igikundiro no kwihuta kw'ibisubizo byanjye.



IJAMBO RYA GIHANUZI

Muri uyu Mwaka w'Amavuta Adasanzwe, ngenda nshize amanga mu nkengero Imana yangeneye. Ninjiye mu buntu, igikundiro no mu bisubizo nyabyo, mu Izina rya Yesu!



IBINDI BYANDITSWE

Zaburi 37:23; Abefeso

1:3



UMUKORO WO GUSOMA BIBILIYA - MU MINSI 365

2 Abami 4-6; Ibyakozwe n'Intumwa 8:26-40



RABAGIRANA

Abefeso 5:8

Kuko kera mwari umwijima none mukaba muri umucyo mu Mwami wacu. Nuko mugende nk'abana b'umucyo.

Turi mu minsi yanyuma aho umwijima wiyongereye mu isi. Ubugome nibwo busigaye bugenga umunsi. Amatereviziyo y'itangazamakuru atangaza buri muni imbogamizi z'imibereho y'abantu, iz'ubukungu, iz'ibidukikije, iza politiki, iz'ubuvuzi n'iza rohoisi iri guhangana na zo. Bashushanya ishusho yijimye cyane y'imiterere y'isi n'abayituye.

Ntugahagarike umutima igihe ubonye ibi biri kuba; jya unezerwa rwose. Ntiduhungabanywa cyangwa ngo tugirweho ingaruka n'amakuru mabi akwirakwira ku miyoboro y'itangazamakuru. Ab'isi bavuga ko "hari umucyo ku mpera y'umwobo," ariko twe turi umucyo ugenda mu mwobo. Ntitwanduzwa n'imikorere mibi cyangwa 'indangagaciro mbi z'iyisi.



ISENGESHO RY'UYU MUNSI

Data, ngushimiye ko ndi umucyo w'isi muri Yesu. Nkomeza ngende nk'umwana w'umucyo, ntatinye mu bihe by'umwijima kandi ubuzima bwanjye burabagirane mu isi yanjye mu cyubahiro cyawe.



IJAMBO RYA GIHANUZI

Ndarabagirana—ndi urumuri rw'ubwiza bw'Imana. Ndarabagirana cyane, nkamurikirana isi yanjye ubwiza n'ingeso nziza. Nzana umucyo kandi ndi igisubizo ku isi iri gushyamba ipfa.



IBINDI BYANDITSWE
Yesaya 60:2



UMUKORO WO GUSOMA BIBILIYA MU
MINSI 365- UMUNSI W'152
2 Abami 7-9; Ibyakozwe n'intumwa 9:1



SAKARA

1 Timoteyo 4:15

Ibyo ujye ubizirikana kandi abe ari byo uhugukiramo, kugira ngo kujya mbere kwawe kugaragarire bose.

Icyifuzo cy'Imana si uko iterambere ryawe mu buzima riba mu ibanga, ahubwo yifuza ko iterambere ryawe rimenyekana hose. Nk'uko umugore utwite adashobora guhisha inda, ni na ko n'iterambere ryawe mu buzima rigomba kugaragarira bose. Ijambo ryakoreshejwe mu isomo twahereyeho risobanura kwigaragaza, gukwira hose, guturika ugasakara.

Intumwa Pawulo yibukije Timoteyo ko impano yahawe binyuze mu buhanuzi no kurambikwaho ibiganza itari ihagije. Timoteyo yagombaga kwibira mu Ijambo ry'Imana abinyujije mu kuritekerezaho. Gutekerezaho ku Ijambo nibwo buryo bwagombaga gutuma iterambere rye rigaragarira bose.

Ese ni ubucuruzi bwawe cyangwa itorero ryawe ukeneye ko rikwira hose? Ese ni umuhamagaru wawe, cyangwa impano yawe ukeneye kugaragaza? Tekereza ku Ijambo ry'Imana, uzaherako usakare!



ISENGESHO RY'UYU MUNSI

Mwami, vumbura umutima wanjye kugira ngo ntekereze ku Ijambo ryawe kenshi kandi bihoraho. Reka iterambere ryanjye ritumbagire rigaragarire bose, kandi ureke buri mpano, buri muhamagaru, n'inshingano ziri mu buzima bwanjye bisakare hose.



IJAMBO RYA GIHANUZI

Uko ntekereza ku Ijambo ry'Imana amanywa n'nijoro, mbona ubwenge bw'inshi ku biriho. Iterambere ryanjye mu buzima birizewe kandi birashinganye mu izina rya Yesu. Amen.



IBINDI BYANDITSWE
Abaroma 12:2



UMUKORO WO GUSOMA BIBILIYA MU
MINSI 365 – UMUNSI W'153

2 Abami 10-12; Ibyakozwe n'intumwa
9:23-43



UMUNYABWENGE

Umubwiriza 10:7

Nabonye abaretwa bagendera ku mafarashi, na byo ibikomangoma bigendesha amaguru nk'abaretwa.

Bamwe mu Bakristu bashobora kwisanisha n'ijambo ryanditse hejuru. Kubera iki? Ni uko batari kubaho mu buryo Imana yabateganyirije. Ibikomangoma bigomba kuba ari byo biri ku amafarashi, ntibigendeshe ibirenge. Yesu yaravuze ati, "... kuko abana b'iyi si ari abanyabwenge mu byo ku ngoma yabo kuruta abana b'umucyo. (Luka 16:8). Gukura mu Mana bitanga icyizere cyo gukoresha umugisha w'Imana n'umugabane wayo muri ubu buzima.

Muri uyu mwaka w'amavuta adasanze, fata icyemezo cyo gukura vuba binyuze mu kwiye gurira kwiga Ijambo ry'Imana kugira ngo uhinduke Umukristu ukuze. Ijambo ry'Imana riguhindura umuhanga, ukuzura ubumenyi bwo guhanga budasanze. Wibaho ubuzima buri aho gusa. Ntiwaremewe guherekeza abandi gusamu gihe bari kuryohereza n'ubuzima buri muni. Hagarara mu mwanya wawe nk'umuraganywa na Kristo.



ISENGESHO RY'UYU MUNSI

Data, nkuza vuba mu by'umwuka. Reka Ijambo ryawe ryongere ubwenge bwanjye, ubushobozi bwo guhanga, n'ubushishozi, kandi umpagarike mu mwanya wa nyawo nk'umuraganywa na Kristo.



IJAMBO RYA GIHANUZI

Ijambo ry'Imana riri kongera ubwenge n'ubukure bwanjye. Ubushobozi bwe bwo kurema buri gukorera muri njye. Ntanga ibisubizo kuri buri ngorane impangaye. Halleluyah!



IBINDI BYANDITSWE
Luka 18:1-9



UMUKORO WO GUSOMA BIBILIYA MU
MINSI 365 – UMUNSI W'154
Luka 10:25-42; Zaburi 60-62



INYANJA NTOYA

Zaburi 34:19

Amakuba n'ibyo by'umukiranutsi ni byinshi, Ariko Uwituka amukiza muri byose.

Umuyaga ukabije wamaze igihe kirekire wamaze iminsi mirongo itatu n'itandatu. Pawulo yahuye n'inkubi y'umuyaga yitwa yurokridoni, aho yisanze n'abandi barohamye mu nyanja.

Rimwe na rimwe, mu buzima imiyaga ndetse ikomeye kandi bigaragara ko bigoye gukomeza urugendo. Ibintu bisanzwe byabaga byoroshye kugenzurwa mu bihe bisanzwe bitangira kunanirana. Ikiriho ni uko: inkubi y'umuyaga ntikanganye kandi ntacyo ivuze ugereranyije n'ibyo Imana iguteganyiriza.

Igihe ni iki cyo gutangaza, "Ibintu byose bigaragara n'ibiyighe gito (by'akanya gato kandi bishiraho) kandi bishobora guhinduka!" Iyegurire Imana binyuze mu isengesho no mu Ijambo ryayo, maze ikwigaragarize nk'uko yigaragariye kuri Pawulo (Ibyakozwe 27:22-25). Buri kibazo gifite igihe cyacyo cyo kurangira. Ntibyaremwe kugira ngo urangirane na byo, ahubwo bigamije kugaragaza icyubahiro bw'Imana.



ISENGESHO RY'UYU MUNSI

Mwami, mfasha guhagarara ntahungabanywa n'imiyaga ndetse n'ibihe bigoye. Nkomereza mu ijamba ryawe kandi umpe imbaraga igihe nsenga, menye neza ko uzankiza mu makuba yose kandi ukagaragaza icyubahiro cyawe.



IJAMBO RYA GIHANUZI

Simpungabanywa n'ibyo mbona; Ngengwa n'Ijambo ry'Imana gusa. Ibihe bigoye ni nk'inyanya nto cyane kuri nge ngereranyije n'ibihe byiza n'ibyishimo Imana yanteguriye uyu mwaka. Halleluya!



IBINDI BYANDITSWE
2 Abakorinto 4:16-18



UMUKORO WO GUSOMA BIBILIYA MU MUNSI 365 – UMUNSI W'155

2 Abami 13-14; Ibyakozwe n'intumwa 10:1-23



UMUGAMBI W'IMANA W'UBUTABAZI

Itangiriro 18:3

Aravuga ati "Databuja, niba nkugiriyeho umugisha, ndakwinginze we kunyura ku mugaragu wawe.

Igihe cyose Imana ishaka guhindura icyerekezo cy'ubuzima bw'umuntu, yohereza undi muntu. Imana ihora itegura abafasha badasanze ikabashyira mu buzima bw'umuntu. Bibiliya ivuga ko bamwe bakiriyeho abamarayika batabizi (Abaheburayo 13:2), mu gihe abandi birengagije abamarayika batabizi. Aburahamu yabonye ubuntu mu maso y'Imana kubera ko yayakiriyeho neza. Itoze kumenya ubuntu igihe buje bugusanga, maze uzahure n'abagufasha mu rugendo wawe.

Igisubizo urimo gushyiraho kishyiraho mu muntu. Ububabazwa bw'Imana bubababazwa mu muntu, Umufasha. Byasabye ko ari Mose ukura abantu babababazwa muri za miriyoni mu bucuza, bisaba Esiteri kugira ngo arokoreshye ishyamba ryose rye kurimbuka, yewe byasabye Yesu Kristo kugira ngo arokoreshye isi yose gucirwaho iteka. icyifuzo icyo ari cyo cyose ufite muri uyu mwaka kizashyiraho. Uko uzajya wakira neza abo mutaziranye, ninako umugisha wawe utazakunywaho.



ISENGESHO RY'UYU MUNSI

Data, Humura amaso yanjye kugira ngo mbase kumenya abafasha badasanze ndetse mbase kumenya igihe ubuntu bungirwaho. Uko ngendera mu kwishyiraho bugufi no kwakirana abantu urugwiro, emera ububabazwa bwawe bungereho bwuzuye ibyifuzo by'umutima wanjye.



IJAMBO RYA GIHANUZI

Urakoze mwami ku bw'ububabazwa bwawe ku buzima bwanjye. Ndutse ko uko nakirana abandi urugwiro, nzagera ku bafasha banjye mu buryo mworoshye ntacyibababazwa.



IBINDI BYANDITSWE
Yobu 31:32



UMUKORO WO GUSOMA BIBILIYA MU MUNSI 365 – UMUNSI W'156
2 Abami 15-16; Ibyakozwe n'intumwa 10:24-48



UBUHANGA N'UBUSHISHOZI

Imigani 11:30

... Kandi umunyabwenge agarura imitima.

Yesu Kristo yabwiye abigishwa be ko bazaba abahamya be i Yerusalemu, i Yudaya n'i Samariya (Ibyakozwe n'intumwa 1:8). Izi ni ngamba Yesu yari ari kubaha z'uburyo bazakwirakwiza ubukristo.

Ijambo "Umunyabwenge" ryakoreshejwe mu murongo uvugwa haruguru ni ijambo "chakam" mu Giheburayo, risobanura kuba umunyabwenge kandi w'umushishozi, uzi gukoresha ubwenge mu buryo bw'ubuhanga. Ntabwo uhinduka umunyabwenge nyuma yo gutsindira ubugingo kuri Kristo; Urabanza kugira ubwenge kugira ngo ubashe kubutsindira.

Kugira Ubwenge ni ukumenya ko aho uri hari ubutaka butoshye, kandi ko nta butaka bugoye kuba wabutsindiraho ubugingo. Gira ingamba zisobanutse kandi zigaraga mbere yo gutangira igikorwa cyo gutsindira ubugingo, kugira ngo ubone umusaruro. Uko ubitegura neza, ni ko urushaho gukora neza kandi ugatanga umusaruro.

Ni ngombwa kumenya neza ko udakwiye guhagarikira mu gutsindira ubugingo kuri Kristo gusa ukibagirwa kubukurikirana. Ujye ubakurikirana kugira ngo Kristo aremwe muri bo byuzuye.



ISENGESHO RY'UYU MUNSI

Mwami, mpa ubwenge n'ingamba ziboneye zo gutsindira ubugingo kuri Kristo. Mpindura umuhanga uhozaho. Unshoboze gukurikirana neza abo nabwirije ubutumwa bwiza kugeza igihe Kristo azaremwa byuzuye muri bo.



IJAMBO RYA GIHANUZI

Uko nkura mu bwenge uyu mwaka, imbaraga nshyira mu gutsindira ubugingo zigira umumaro kandi zitanga umusaruro mu izina rya Yesu. Amen.



IBINDI BYANDITSWE

Yohana 4:35



UMUKORO WO GUSOMA BIBILIYA MU

MINSI 365 – UMUNSI W'157

2 Abami 17-18; Ibyakozwe n'intumwa 11

INSHUTI CYANGWA UMWANZI

Itangirio 18:17

Uwiteka aribaza ati "Aburahamu namuhisha icyo ngiye gukora?"

Kugirana ubusabane bwimbitse n'Imana bikugira inshuti yayo. Uko urushaho gusabana na yo, ni ko urushaho kwiwunga na yo. Kuba inshuti y'iby'isi biguhindura umwanzi w'Imana, mu gihe kwizera Imana bituma uba inshuti yayo.

Yakobo 2:23 haravugaga hafi, "...Aburahamu yizeye Imana bimuhwanirizwa no gukiranuka, yitwa incuti y'Imana." Byari bigoye kugira ngo Imana igire ikintu ihisha Aburahamu kuko yari inshuti yayo. Gukiranuka, yaguhawe n'Imana kugira ngo ajye abasha guhagarara mu bwiza bw'Imana imutegeke.

Imana ibifata nk'iby'agaciro guhisha ibintu, Nyamara kuri Aburahamu yamuhishuriye amabanga akomeye ahishwe. Amakuru ntiyari agifitwe n'Imana gusa ahubwo na Aburahamu yari yayamenye. Kugirana Ubusabane n'Imana biguha ubutsinzi ku mwanzi Satani, kuko Imana ihishura kugira ngo icungure.



ISENGESHO RY'UYU MUNSI

Data, nyiyegereza ngirane ubusabane bwimbitse hamwe nawe. Mpindura inshuti yawe, umpushurire ubujyanama bwawe n'ubwenge bwawe kugira ngo ubuzima bwanjye, umuryango wanjye n'igihugu cyanjye bibyungukiremo.



IJAMBO RYA GIHANUZI

Uko nsabana n'Imana muri uyu mwaka w'amavuta adasanze, niko ngenda mpishurirwa umugambi wayo unozwe; inama n'ubuyobozi bwayo ku muryango wanjye n'amahanga ndushaho kubisobanukirwa.



IBINDI BYANDITSWE
Gutegeka kwa Kabiri
29:29



UMUKORO WO GUSOMA BIBILIYA MU MUNSI 365 - UMUNSI W'158
2 Abami 19-21; Ibyakozwe n'Intumwa 12

GUKORONIZWA N'IJURU

Abakolosayi 1:13

Ni we wadukijije ubutware bw'umwijima, akadukuramo akatujiyana mu bwami bw'Umwana we akunda.

Ikintu cya mbere abazungu bakoze igihe bakoronizaga Afurika ni guhindura ururimi n'umuco by'abakoronijwe bakabigira iby'abari ku butegetsi. Imana nayo ikora muri ubwo buryo. Igihe mwuka Wera yazaga, abigishwa ba Yesu bose buzuye Mwuka maze batangira kuvuga mu ndimi nshya. icyifuzo cy'Imana ari na cyo icya satani ni ukugenzura ubuzima bw'umuntu.

Umunsi umuntu yakiriraho agakiza ni wo munsi avanwa mu bwami bw'umwijima akinjizwa mu bwami bw'umucyo bw'Imana, akurwa mu byaha, indwara, kwiheba n'ubukene.

Dufite ubushobozi bwo gukora ku Isi nk'uko Imana ikora; uko ari, ni ko natwe turi muri iyi si. Turateguka kandi dutegekana na Kristo.



ISENGESHO RY'UYU MUNSI

Mwami Yesu, Ngushimiye ko wankuye mu bwami bw'umwijima ukanshyira mu bwami bwawe. Reka umuco n'imbaraga zo mu ijuru bigenge ubuzima bwanjye, bitume ntegekana na Kristo muri buri gice cy'ubuzima bwanjye.



IJAMBO RYA GIHANUZI

Satani n'abambari be nta bubasha bafite ku buzima bwanjye. Nshinze muri sistemu z'Imana; Sinshobora kurwara cyangwa ngo ntsindwe muri ubu buzima.



IBINDI BYANDITSWE
Yohana 10:34



UMUKORO WO GUSOMA BIBILIYA MU
MINSI 365 - UMUNSI W'159

2 Abami 22-23; Ibyakozwe n'Intumwa
13:1-25



UBUNYERERE!

Imigani 21:18

Umunyabyaha azaba incungu y'umukirantsi, N'umugambanyi azagwa mu kigwi cy'intungane.

Satani aheza abana b'Imana mu nguni, agerageza kubemeza ko bageze ku iherezo ryabo. Imana mu bwenge bwayo butagira ingano ihora itegura inzira yo kubicika. Yesu yajyanywe ku mpanga y'umusozi kugira ngo ajugunywe apfe, ni uko anyura hagati y'abantu arigendera ntibamenyaaho aciye (Luka 4:29-30).

Uwo ari we wese uri kukurwanya ntacyo avuze; icy'ingenzi kurusha ibindi ni kumenya uri mu ruhande rwawe. Hamani yashatse kurimbura abayahudi, nyamara ni we wamanitswe ku giti yari yarateguriye abandi. Abanyabyaha bazaba incungu y'abakirantsi! Byaba ari impanuka, kumanurwa mu rwego, urupfu, gutandukana kw'abashakanye, ibyago cyangwa gufungwa bishaka kuza mu buzima bwawe muri iki gihe, Imana iri kubihindura ibyiza. Uyu ni umwaka w'amavuta adasanzwe, uzagendera mu nzira yawe umwanzi atamenye aho unyuze.



ISENGESHO RY'UYU MUNSI

Data, ngushimiye ubutabazi n'uburinzi bw'ubumana wampaye. Hindura buri mugambi w'umwanzi kugira ngo wirwanye wo ubwawo ubundi unshoboze guca muri buri mutego ntakozweho n'umwanzi ndinzwe n'uruta bose uri muri nyje.



IJAMBO RYA GIHANUZI

Ndanyerera nkuko Yesu yanyereraga ubwo yagenderaga mu isi. Nta kibi cyanesha ubuzima bwanjye kuko Uruta bose aba muri nyje. Amen.



IBINDI BYANDITSWE
1 Yohana 3:8



UMUKORO WO GUSOMA BIBILIYA MU
MINSI 365 – UMUNSI W'160

2 Abami 24-25; Ibyakozwe n'intumwa
13:26-52



GUHEREREKANYA UBUTUNZI

Imigani 13:22

Imyaka myinshi iva mu mirima y'abakene, Ariko hari ikeneshejwe n'akarengane.

Icyifuzo cy'Imana ku bana bayo ni uko bakira. Yesu yabaye umukene kugira ngo, binyuze mu bukene bwe, twe duhinduke abakire (2 Abakorinto 8:9). Iminsi Abakristu batotezwaga n'abandi Bakristu bagenzi babo bazira gutunga igare, yari iminsi abana b'Imana bagenderaga mu kwibeshya.

Umwami Imana yavuze abinyujije ku muhanuzi Zekariya 1:17 ati, 'Muzabona imidugudu yanjye yongeye kuzura ibyiza biyisaguke' Ubutumwa bwiza bushobora gukwirakwira neza kandi byoroshye abana b'Imana babaye abakire. Imana iri gukora ihererekanya ry'ubutunzi mu minsi ya nyuma, atari ukugira ngo wigwizeho ubutunzi gusa, ahubwo kugira ngo utere inkunga Ubwami bw'Imana.

Ubukene ntibugaragaza ubwiza bw'Imana, bityo ntibukwiye kwishimirwa. Muri uyu mwaka w'amavuta adasanzwe, anga kuba umukene, ube nka Yakobo (Itangiriro 31:1) wavuzweho ngo, "Ibyari ibya data Yakobo yabimwatse byose, kandi ku byari ibya data ni ho yakuye ubutunzi afite bwose."



ISENGESHO RY'UYU MUNSI

Mwami, nteza imbere kugira ngo nkorere ubwami bwawe. Unkure mu bukene umpagarike mu mwanya mwiza wo gutera imbere maze wemerere ubutunzi butembe mu ntoki zanjye kugira ngo nsakaze ubutumwa bwiza maze nkwirakwize ubwiza bwawe biciye mu buzima bwanjye.



PROPHETIC DECLARATION

Nanze kuba umukene! Imana iri kunkura mu mukungugu kandi iri kunzamuka inkuye mu mpanga ikanyica hamwe n'ibikomangoma. Mfite umurage wuzuye ubwiza n'icyubahiro muri Kristo. Halleluya!



IBINDI BYANDITSWE
Imigani 10:22



UMUKORO WO GUSOMA BIBILIYA MU
MINSI 365 – UMUNSI W'161
Luka 11:1-28; Zaburi 63-65

IBINTU BISHYA

Abakolosayi 3:2

Mujye muhoza umutima ku biri hejuru atari ku biri mu si.

Ijambo guhoza umutima ryakoreshejwe mu murongo wavuzwe haruguru ni ijamba ry'ikigiriki "phronéō". Risobanura guhoza umutima wawe n'ibitekerezo byawe ku kintu runaka. Rikomoka ku gitekerezo cyo gushyira imbibi, bisobanuye kuzana ibitekerezo byawe mu maboko yawe ukabigenga ndetse rikagira n'igisobanuro cyo kurinda ubwenge bwawe kugira ngo bugume mu mbibi Imana yashyizeho.

Intumwa Pawulo iduhamagarira kugenzura no gutegeka ibitekerezo byacu. Nubwo umwuka wawe wavutse ubwa kabiri kandi uri muzima ku Mana, ubwenge bwawe bushobora kuba bugifite imiterere yawe ya kera. Ni yo mpamvu Abakristu bamwe bagorwa n'ibiyobyabwenge, ubwoba, kwiheba ndetse n'ibindi.

Ijambo ry'Imana ni iry'ukuri kuruta ibyo tubonesha amaso. Emerera ijamba ry'Imana rigenge ibitekerezo byawe, kandi uzabyara ibintu bishya bihura n'ibitekerezo by'Imana. Reka Ijambo rya Kristo ritwe muri wowe mu buryo bwuzuye!



ISENGESHO RY'UYU MUNSI

Data, nshoboza gushyira ibitekerezo byanjye muni y'ubuyobozi bw'ijamba ryawe. Hindura ubwenge bwanjye kuba bushya buri muni kandi ubyaze ibintu bishya mu buzima bwanjye bihura neza n'umugambi wawe unozwe.



PROPHETIC DECLARATION

Uko niha wese iby'umwuka, ubwenge bwanjye butangira gukorera kuri furekanse imwe n'iy'Imana. Nkorera umwami Imana n'umwuka wanjye, mba mu ijamba ryayo, hejuru y'icyaha n'ibindi bintu byose binsenya. Halleluyah!



IBINDI BYANDITSWE
2 Abakorinto 10:5



UMUKORO WO GUSOMA BIBILIYA MU
MINSI 365 – UMUNSI W'162

1 Ingoma 1-3; Ibyakozwe n'intumwa 14

UBUZIMA BURENZE IBITEKEREZO BYA MUNTU

1 Petero 1:23

Kuko mwabyawe ubwa kabiri, mutabyawe n'imbuto ibora ahubwo mwabyawe n'imbuto itabora, mubiheshejwe n'ijambo ry'Imana rizima rihoraho.

Abakristu bamwe batekereza ko bazahabwa ubugingo buhoraho gusa nyuma yo gupfa cyangwa igihe tuzaba twatwawe mu ijuru (rapture). Nyamara Bibiliya itwizeza ko tutazarimbuka ahubwo dufite ubugingo buhoraho ubu, ndetse no mu buzima buzaza. Ubugingo buhoraho ni ukuri kwa none.

Mu buryo busanzwe, imibiri yacu ni ingenzi kugira ngo tugire ibyo dukora; tutayifite ntutugira uburenganzira bwo gukorera ku isi. Ariko tubaho ubuzima burenze ubusanzwe. Kubera iyo mpamvu, nta ndwara cyangwa ubumuga bifite uburenganzira bwo kwiyegeze imibiri yacu. Umubiri wa Yesu Kristo ari ryo jambo ryahindutse umubiri—ntiwiyeze ubora igihe yapfaga. Nk'uko Yesu ari, natwe turi Imana; bityo tubaho mu buzima bw'ubumana kandi imibiri yacu ntizabora.



ISENGESHO RY'UYU MUNSI

Mwami, Ngushimiye ko mfite ubuzima budahungabanywa nakiriye binyuze mu ijambo ryawe. Ngendera mu buzima bw'ubumana, mu mbaraga, mu butsinzi kure y'indwara ndetse n'uburyo ubwo ari bwo bwose bwo kubora.



IJAMBO RYA GIHANUZI

Ubuzima bwanjye bwubatswe bwuma kandi bushinze mu ijambo ry'Imana. Ni uko rero, ngendera mu buzima bw'ubumana, mu mbaraga ndetse no mu butsinzi mu izina rya Yesu. Amen.



IBINDI BYANDITSWE
Imigani 4:20-22



UMUKORO WO GUSOMA BIBILIYA MU
MINSI 365 – UMUNSI W'163

1 Ingoma 4-6; Ibyakozwe n'intumwa 15:1-21



ITEKA RY'IMANA

Yeremiya 1:6

Nuko ndavuga nti “Nyamuneka Nyagasani Yehova, dore sinzi kuvuga ndi umwana!”

Igihe Ijambo ry’Uwiteka ryahamagaraga umuhanuzi Yeremiya gukora murimo w’Imana yasubije agira ati, “Sinshobora kuvuga, kuko ndi umwana.” Icyo gihe Yeremiya yari afite imyaka iri hagati ya 17 na 20. Ni yo myaka abigishwa ba Yesu bari bafite igihe Umwami yabahamagariraga ku murimo. Yesu na Petero ni bo bonyine bari bakuze bihagije ku buryo bishyuraga imisoro; bari bakuru mu myaka kurusha abandi bigishwa.

Imana yari ifite inyungu yihariye kuri Yeremiya. Uko ni ko ifite inyungu yihariye no kuri wowe! Ntugasuzugure ubusore bwawe—cyangwa imyaka iyo ari yo yose ufite. Imyaka yawe ntigushyira mu murimo w’Imana kandi ntiwugukuramo. Bamwe baravuga bati, “Nonese ko nshaje; Ubu Imana yankoresha umurimo wayo ngo nyiheshe icyubahiro? ” Mose yari afite imyaka 80 igihe Imana yamwiyerekaga mu gihuru cyaka umuriro. Kwigisha ubutumwa bwiza bwo kunga Imana n’abantu ni iby’abantu bose!



ISENGESHO RY’UYU MUNSI

Data, Ndakwihaye wese ngo unkoreshe icyo ushaka. Ntiwite ku myaka yanjye cyangwa se aho nturuka, nkoresha kugira ngo nkurure benshi kuri Kristo ndetse unuzuze umugambi wawe ku buzima bwanjye.



IJAMBO RYA GIHANUZI

Ndi urwabya rwiye kuri umukoresha wanyu ngo arukoreshe icyo ashaka. Benshi bazaza kuri Kristo ndetse no mu murage w’icyubahiro cye binuzemo. Halleluyah!



IBINDI BYANDITSWE
Abaroma 8:29-30



UMUKORO WO GUSOMA BIBILIYA MU MUNSI 365 – UMUNSI W’164

1 Ingoma 7-9; Ibyakozwe n’Intumwa 15:22-41



UBUNTU BUTSINDA

Yosuwa 1:5

Nta muntu n'umwe warinda kuguhagarara imbere iminsi yose yo kubaho kwawe. Nk'uko nabanaga na Mose ni ko nzabana nawe, sinzagusiga kandi sinzaguhāna.

Kuba Imana yarabanje kubwira Yosuwa iti, “Nta muntu n'umwe uzaguhangara,” byasobanuraga ko yari guhura n'imbogamizi n'ibimurwanya mu nshingano nshya yari ahawe. Ariko Imana yamwijeje intsinzi kugeza ku iherezo igihe cyose azaguma atekereza ku Ijambo ry'Imana ari ryo banze ry'intsinzi (Yosuwa 1:8). Yosuwa yagombaga kugumana Ijambo ry'Imana mu kanwa ke nyuma yo kuritekerezaho amanywa n'ijoro. Ijambo ry'Imana ryamugiraga umunyembaraga kandi agatinyuka mu bihe by'amagorane.

Utitaye ku buryo intambara n'ibitero biri mu buzima bwawe bikomeye, ukomeze wature Ijambo ry'Imana uranguruye. Urigumeho kugeza igihe riguhereye igisubizo. Ni byo koko uzagarukana ubuhamya.



ISENGESHO RY'UYU MUNSI

Mwami, nkomereza gutsinda buri kimwe kindwanya. Uko mpora natura Ijambo ryawe, reka ubutwari bwawe bwiyoungere muri nje kandi intsinzi iganze muri buri ntambara mpura nazo.



IJAMBO RYA GIHANUZI

Uwiteka ari kumwe nanjye; sinzatinya. Abantu basanzwe bantwara iki? Nubwo ingabo zateranira kundwanya, umutima wanjye ntuzagira ubwoba, kuko uri muri jye aruta uri mu b'isi. Halleluya!



IBINDI BYANDITSWE
1 Abakorinto 16:9



UMUKORO WO GUSOMA BIBILIYA MU
MINSI 365 – UMUNSI W'165

1 Ingoma 10-12; Ibyakozwe n'intumwa
16:1-21

UBUZIMA BUDASANZWE

Abaroma 1:17

...nk'uko byanditswe ngo “Ukiranuka azabeshwaho no kwizera!”

Imana yaduhamagariye kubaho ubuzima budasanzwe, burenga ku mikorere n'imigenzereze by'isi. Bibiliya ntiyigeze ivuga ko abakiranutsi bazabeshwaho n'amafaranga, ahubwo yavuze ko bazabeshwaho no kwizera. Mu Bwami bw'Imana, kwizera ni yo mafaranga yacu. Ese amafaranga ni ingenzi? Yego! Ariko wibuke ko ayo mafaranga yananiwe kugira icyo akora muri Egiputa (Itangiro 47:15).

Ijambo ry'Imana ntirigira inenge kandi ntirinanirwa. Igihe Yesu yagaburiraga abantu ibihumbi bitanu, ntiyigeze avuga ati, “Reka dutange amaturo.” Igihe yahinduraga amazi divayi, ntiyigeze avuga ati, “Reka njye kuri banki mbikuze amafaranga tugure indi.”

Agaciro kawe karenze amafaranga ari kuri konti yawe ya banki. Reka bibe ukuri kuri wowe! Imana igusanganira aho uyikeneye. kandi izaguha byinshi bihagije birenze ibyo amafaranga yagura.



ISENGESHO RY'UYU MUNSI

Data, nyigisha kubaho mu kwizera aho kubeshwaho n'imikorere y'iyi si. Ni wowe soko yanjye, kandi nizeye ko uzampa buri cyo nkeneye cyose mu buryo budasanzwe kandi bikampaza.



IJAMBO RYA GIHANUZI

Amafanga ni umucakara wanjye—arankorera. Imana yanjye ni yo soko y'ikirenga iruta izindi, bityo sinzakena ikintu na kimwe. Uhereye none icyo nifuzwa cyose ngihabwa mu buryo budasanzwe. Amen!



IBINDI BYANDITSWE
Itangiro 47:15



UMUKORO WO GUSOMA BIBILIYA MU
MINSI 365 – UMUNSI W'166

1 Ingoma 13-15; Ibyakozwe n'intumwa
16:22-40

UBUNTU BUTUMBAGIZA

2 Abakorinto 10:12

Kuko tudatinyuka kwibarana cyangwa kwigereranya na bamwe biyogeza ubwo abo biringaniza ubwabo, kandi bigereranya ubwabo nta bwenge bagira.

Ijambo ry'Imana rigomba kuba urufatiro n'igipimo cy'ubuzima bwawe. Iterambere ryawe mu buzima ntirizigera riza binyuze mu kwigereranya n'aho abandi bageze. Irushanwa ntiriyegukanwa n'abihuta, kandi intambara ntitsindwa n'abakomeye gusa, ahubwo igihe n'amahirwe bigera kuri bese.

Iyo Intumwa Pawulo aza kwigereranya n'abandi bagaragu b'Imana bo mu gihe cye biyumvaga nk'abamukuriye, ntiyari kuzana impinduka yazanye mu Bukristo.

Pawulo ntiyari akwiriye kwigisha ubutumwa bwiza mu banyamahanga ugereranyije n'abandi bera bese, nyamara yagiriwe ubuntu. Iyo ugize Ijambo ry'Imana igipimo cy'ubuzima bwawe, rigushyira mu mwanya wagenewe, rikagutumbagiza rikakugeza ku iterambere mu buzima.



ISENGESHO RY'UYU MUNSI

Mwami, Hoza ibitekerezo byanyje mu Ijambo ryawe ribe igipimo cy'ubuzima bwanjye. Ntumbagiza ku bw'ubuntu bwawe ungeze mu nzego zo hejuru z'ubukure, nzane impinduka ndetse nuzuze umugambi wawe.



IJAMBO RYA GIHANUZI

Amaso yanjye ari ku Ijambo ry'Imana aho kuba ku bandi. Mpora nzamurwa mva ku rwego rumwe rw'ubwiza nyanwa ku rundi. Amen.



IBINDI BYANDITSWE
Abefeso 3:8



UMUKORO WO GUSOMA BIBILIYA MU
MINSI 365 – UMUNSI W'167

1 Ingoma 16-18; Ibyakozwe n'Intumwa
17:1-15

UBUNTU BUTANDUKANYE

1 Yohana 2:27

Kuko gusigwa mwasizwe na we kuguma muri mwe...

Abakristu bamwe batekereza ko habaho gusigwa kwinshi, nyamara lbyanditswe byera byavuzwe haruguru bivuga isiga mu bumwe. Twahawe gusigwa kumwe—gusigwa kwa Mwuka Wera—kandi atuye muri twe iteka ryose.

Ntidufite gusigwa kwihariye kw'imari, urushako, gukira indwara, n'ibindi. Nyamara dufite ubuntu butandukanye, kandi ubuntu bushobora kwiyongera binyuze mu kumenya Imana na Yesu Kristo Umwami wacu.

Bibiliya ivuga ubwoko bwose bw'ubuntu. Hari ubuntu bw'umurimo w'Imana, ubw'ubutunzi, ubwo gukiza indwara, n'ubw'ibindi bice byose by'ubuzima bwawe. icyo ukeneye cyose, hari ubuntu bwacyo. Bityo rero, Ntusenye ngo amavuta yiyongere mu buzima bwawe. Warasizwe byarangiye, ntabwo amavuta aziyongera. Ahubwo, iga kandi ukoreshe Ijambo ry'Imana mu gice ukeneyemo ubuntu bwinshi, nuko amavuta azayoborwa kuri icyo gice ahazane impinduka.



ISENGESHO RY'UYU MUNSI

Data, uko nkoresha Ijambo ryawe buri muni, reka ubuntu bwiyoungere mu bice byose by'ubuzima bwanjye. Ntanga umusaruro ubudahwema binyuze mu mbaraga z'umwuka wawe ukorera muri jye.



IJAMBO RYA GIHANUZI

LNkora icyo Ijambo ry'Imana rivuga, bityo nizeye ntashidikanya ko nzatanga umusaruro mu bice byose, kuko ubuntu bwiyoungere buri muni mu buzima bwanjye.



IBINDI BYANDITSWE
2 Abakorinto 9:8



UMUKORO WO GUSOMA BIBILIYA MU
MINSI 365 – UMUNSI W'168
Luka 11:29-54; Zaburi 66-67



AMAHORO Y'ITERAMBERE

Abafilipi 4:7

Nuko amahoro y'Imana ahebuje rwose ayo umuntu yamenya, azarindire imitima yanyu n'ibyo mwibwira muri Kristo Yesu.

Icyifuzo cy'Imana ni uko abana bayo bagira amahoro arenze ubwenge bwose. Mu isi yuzuyemo urujijo n'ikibi, Ijambo ry'Imana ritwibutsa ko aho ahari urujijo haba hakorera umwanzi, kuko Imana ari yo soko n'Umwanditsi w'amahoro.

Amahoro avugwa muri iri jambo asobanura imiterere yo kubaho neza itanga ituze n'iterambere. Ijambo ry'Ikigiriki ryahakoreshejwe ni "eirēnē", risobanura "gusubirana". Rihuje n'ijambo ry'Igiheburayo shalom, risobanura umwuzuro, umutuzo, n'iterambere.

Kuba Abakristu bamwe bahora bahangana n'ibibazo bakagorwa no kubona ibibatunga, ni ikimenyetso nta mahoro ari mur'icyo gice cy'ubuzima bwabo. Amahoro nyakuri aboneka mu kongera kumenya Ijambo ry'Imana, kandi avamo iterambere.



ISENGESHO RY'UYU MUNSI

Mwami, reka amahoro yawe aganze umutima wanjye n'ubwenge bwanjye. Ndushaho kumera neza, nkashikama, ndetse nkanatera imbere uko nkura mu kumenya Ijambo ryawe.



IJAMBO RYA GIHANUZI

Simpungabanywa! Nta kintu kintera ubwoba cyangwa kimpangara. Amahoro y'Imana arinda umutima wanjye, kandi ibintu byose biri gukorera ku bw'ineza yanjye. Ndayoboye. Amen!



IBINDI BYANDITSWE
Yohana 14:27



UMUKORO WO GUSOMA BIBILIYA MU
MINSI 365 – UMUNSI W'169
1 Ingoma 19-21; Ibyakozwe n'intumwa
17:16-34

GUMA WUZUYE

Abefeso 5:18

Kandi ntimugasinde inzoga zirimo ubukubaganyi, ahubwo mwuzure Umwuka. Mubwirane zaburi n'indirimbo n'ibihimbano by'Umwuka...

Mu buzima busanzwe, umuntu ashobora gufatwa nk'uwasinze cyangwa nk'utasinze. No mu by'umwuka ni uko: umuntu ashobora kudasinda cyangwa agasinda yuzuye Umwuka Wera. Mu by'umubiri, ni byiza kuba utekereza neza kandi utasinze; ariko mu by'umwuka, ni byiza ko uhora wuzuye Umwuka w'Imana.

Kuzura Umwuka Wera ndetse ukishimira gusabana na We biba bigomba kukubera ubuzima bwa buri muni, nk'uko unywa amazi buri muni. Imana yaduhaye uburyo bwo kubigeraho: "kwiaturiraho". Ibi bivuze ko niyaturiraho nawe ukiaturiraho.

Muri uyu mwaka w'amavuta adasanzwe, komeza kwiaturiraho Zaburi, indirimbo zo guhimbaza Imana, n'indirimbo z'umwuka, ari na bwo buryo buri bwo kukubwira gukomeza kwiaturiraho Ijambo ry'Imana. Igihe ubikora, uzahora wuzuye kandi uhabwa imbaraga n'Umwuka Wera.



ISENGESHO RY'UYU MUNSI

Mwuka Wera, mpisemo guhora nuzuye kubaho bwawe. Uko mvuga Ijambo ryawe buri muni, ndaruhurwa, nkagira imbaraga, kandi nkaguma nitondera ku byo unyoboraho.



IJAMBO RYA GIHANUZI

Umwuka Wera ni Inshuti yanjye, kandi mpora mwuzuye. Mu kubaho kwe ni ho nibera buri muni. Ibihangayikishije ab'isi ntibinfiteho ububasha. Amen!



IBINDI BYANDITSWE
1 Abatesalonike 5:19



UMUKORO WO GUSOMA BIBILIYA MU
MINSI 365 - W'170

1 Ingoma 22-24, Ibyakozwe n'Intumwa 18

IGITANGAZA HAMWE NO GUCUNGA NEZA IMARI

Itangiriro 2:15

Uwiteka Imana ijyana wa muntu, imushyira muri icyo ngobyi yo muri Edeni, ngo ahingire ibirimo, ayirinde.

Isomo rya mbere ku bijyanye n'umucungire y'imari ryanditswe muri Bibiliya, ni inshingano Adam yananiwe gusohozwa. Adam yagaragaje ko yari umucungamutungo mubi, kandi imiyoborere mibi yafunguye umuryango w'urupfu rwinjira mu bantu.

Bishobora kugutangaza kumenya ko ibitangaza akenshi biva ku icungamutungo ribi. Nuba umucungamutungo wizewe mu rushako rwawe, mu muryango, mu bucuruzi, mu murimo w'Imana, mu mubiri wawe, n'ahandi hose, ntuzakenera guhora ku mirongo yo gusengerwa. Ahubwo, uhinduka utanga ubugingo aho gutanga urupfu.

Ibitangaza bigomba kwishimirwa nk'ibigaragaza imbaraga z'Imana zo gusana no kugarura ibyari byarazambye. Ariko ntibyigeze bigenewe gusimbura umugisha uva ku icungamutungo ryiza. Intego y'Imana ya mbere si uko wabaho uva ku gitangaza ujya ku kindi, ahubwo ni uko ucunga neza ibyo yaguhaye kugira ngo ugendere mu mugisha wayo ubudahwema.



ISENGESHO RY'UYU MUNSI

Data, mfasha gucunga neza buri gice cy'ubuzima bwanjye mu bwenge no mu bushishozi. Reka Umwuka wawe utanga ubugingo unyure mu byo nshinzwe, byose byere imbuto n'umugisha urambye.



IJAMBO RYA GIHANUZI

Umwuka w'Imana utanga ubugingo uri gukorera muri jye no mu byo ncunga byose. Ntabwo ndi uwahawe umugisha gusa, ahubwo ndi umugisha ku byo nshinzwe byose, mu izina rya Yesu. Amen!



BINDI BYANDITSWE
Abaroma 5:17



**UMUKORO WO GUSOMA BIBILIYA MU
MINSI 365 – UMUNSI W'171**

1 Ingoma 25-27; Ibyakozwe n'Intumwa
19:1-22

AKAZI KANJYE GAHORAHO

Abefeso 5:15-16

Nuko mwirinde cyane uko mugenda mutagenda nk'abatagira ubwenge, ahubwo mugende nk'abanyabwenge.

Ese ukoresha neza igihe Imana yaguhaye cyo kuba ku isi? Ibyakozwe n'Intumwa 17:30 bitubwira ko habaye igihe Imana yirengagije ubujiji bw'abantu, ariko noneho irahamagarira abantu bose kwinjira mu Bwami bwiza bw'Umwana wayo ikunda. Igihe gikoreshwa neza ni igishorwa mu murimo w'Imana. Ibaze iki kibazo: Nitanga bingana iki mu gutsindira ubugingo kuri Kristo ndetse no gukorera Imana? Reka ibi bikubere akazi gahoraho.

Mu isi yuzuyemo ibirangaza n'ibintu bituma uta igihe, wowe ho, koresha neza igihe cyawe. Wirangara. N'isi ubwayo yemera akamaro k'igihe binyuze mu mvugo igira iti "turi kubaho ku gihe cy'inguzanyo." Umunsi umwe, buri wese azagororerwa ukurikije uko yakoresheje igihe yahawe—Yaba uwagikoresheje neza cyangwa nabi.



ISENGESHO RY'UYU MUNSI

Data, mfasha gukoresha igihe cyanjye neza. Niyeguriye umurimo wawe byuzuye, ngendera mu murongo w'Umwuka wawe kandi nsobozanya umugambi wawe umwete n'ubwitonzi.



IJAMBO RYA GIHANUZI

Ubuzima mfite si ubwanjye, niyeguriye kandi nibumbira mu murimo w'Uwitwaga. Ngenda mu murongo n'Umwuka, nsoboreza umugambi wanjye n'ikerekezo byanjye muri Kristo. Amen!



IBINDI BYANDITSWE
Zaburi 90:12



UMUKORO WO GUSOMA BIBILIYA MU
MINSI 365 – UMUNSI W'172

1 Ingoma 28-29; Ibyakozwe n'intumwa
19:23-41



UMWAMBI WO GUTABARA KW'IMANA

2 Abami 13:18

...Abwira umwami w'Abisirayeli ati "Yikubite hasi." Ayikubita hasi gatatu arekera aho.

Nta kuba hagati kubaho mu bwami bw'Imana—ni ukuba uri gutera imbere cyangwa uri gusubira inyuma. Ugomba kuguma uri ku rugamba, kandi umwanya mwiza wo gutereramo ni ku mavi yawe.

Isengesho ni umwambi w'Uwiteka udutabara ukadukura mu maboko y'umwanzi. Ni yo mpamvu tugomba gusenga ubudasiba, kuko kwihangana mu isengesho gusenya ibirindiro byose umwanzi agerageza kubaka mu buzima bwacu.

Umwami wa Isirayeli yategetswe n'Umuhanzu Elisa gukubita hasi imyambi. Akubita inshuro eshatu gusa ararekera, Elisa aramugaya amubwira ko kuko yakubise inshuro eshatu gusa, bizatuma atsinda umwanzi inshuro eshatu zonyine. Igikorwa cye gito cyatumye abona intsinzi nke.

Iri hame ni naryo rikoresheya mu isengesho: Ushobora gusenga buri muni uko ukwiriye kuba usenga, gusa ntibishoboka ko umuntu asenga birengeje urugero. Ihangane; komeza urekure imyambi yo gutabarwa kwawe binyuze mu isengesho kugeza intsinzi yuzuye ibonetse.



ISENGESHO RY'UYU MUNSI

Mwami, atsa ikibatsi cy'umwuka wo kwihangana mu isengesho muri nyje. Uko nkomeza kurekura imyambi yo gutabarwa, reka ibirindiro byose bisenywe kugeza intsinzi yuzuye ishyizweho.



IJAMBO RYA GIHANUZI

Umuriro wo ku gicaniro cyanjye uzahora waka. Imigambi n'ibyo umwanzi ategereje ko biba byose biracika, uko niyegurira isengesho.



IBINDI BYANDITSWE
Abalewi 6:12



UMUKORO WO GUSOMA BIBILIYA MU
MINSI 365 – UMUNSI W'173
2 Ingoma 1-3; Ibyakozwe n'intumwa 20:1-16

URUZITIRO RW'IMBARAGA

Umubwiriza 10:8

...Kandi umena urugo inzoka izamurya.

Buri mwana w'Imana wese agendana uruzitiro rw'imbaraga z'umwuka zo kumurinda. Ibitero by'umwanzi bisubizwa inyuma n'uruzitiro Imana ishyira ku bana bayo. Nyamara, Ibyanditswe bitwereka ko uru ruzitiro rushobora gucogora cyangwa rugasenye bitewe n'ibyo umuntu we ubwe akora.

Urugero ni Yobu, wangiye uruzitiro rwe binyuze mu kwatura amagambo mabi. Yatuye ko nta mutekano afite, kandi ibyo yatinyaga cyane nibyo byamugezeho. Ku rundi ruhande, Elisa we yagumye ari maso mu by'umwuka kandi azi neza uburinzi bw'Imana. Igihe yahanganye n'umwami w'i Aramu, yahagaze afite icyizere maze ahumisha ingabo zose. yagendeye mu kwizera aho kugendera mu bwoba.

Komeza gushyiraho no kubungabunga imbibi z'uburinzi bw'Imana watura Ijambo ryayo ku buzima bwawe kandi usengeshe umwuka wivuye inyuma. Uko ubikora, ni nako uruzitiro rwawe rurushaho gukomera, kandi inzoka zose umwanzi agutumaho zitakaza ububasha bwazo.



ISENGESHO RY'UYU MUNSI

Data, nkomeje kubungabunga uruzitiro rw'uburinzi bwawe ku buzima bwanjye. Uko natura Ijambo ryawe kandi ngasengera mu Mwuka, reka imigambi yose y'umwanzi isubizwe inyuma kandi iteshwe agaciro.



IJAMBO RYA GIHANUZI

Uko nkomeza gukomeza uruzitiro rw'Imana rurinda ubuzima bwanjye, urwego Uwiteka arwanyirizaho abanzi be rurahagurukira kurwanya buri gitero cy'umwanzi. Ibyago bitunguranye n'amakuba biri kure yanjye. Ndarinzwe mu bice byose by'ubuzima bwanjye mu Izina rya Yesu!



IBINDI BYANDITSWE
2 Abami 6:16



UMUKORO WO GUSOMA BIBILIYA MU
MINSI 365- UMUNSI W'174

2 Ingoma 4-6; Ibyakozwe n'intumwa
20:17-38

KURAMBA!

Kuva 1:16

...Nihavuka umuhungu muje mumuhotora, ariko naba umukobwa abeho.

Igihe Mose yavukaga, hatanzwe itegeko ryo kwica abana bose b'abahungu. Ni na bwo buryo bwakoreshejwe igihe Yesu yavukaga. Umwanzi Satani ahora agaba ibitero ku bagendana umugambi w'ubwami bw'Imana, kuko kamere ye ari ugushyiraho umwuka w'urupfu ugamije guhagarika gahunda z'Imana. Ariko no hagati muri ayo magorane, Imana ihora irinda kandi ikabungabunga ibintu byose bifitanye isano n'umugambi wayo.

Imana yaragukunze ikurinda uherye ukivuka, ikagutwara kuva ku muni winjiye mu Isi. Muri Yesaya 46:4, idusezeranya ko izatwitaho no mu busaza, n'igihe umusatsi uzaba ubaye imvi gusa.

Ijambo ry'Imana ridusezeranya ko izaduhaza uburame. Nta ndwara, nta mpanuka, nta makuba bifite ububasha bwo kugabanya iminsi yawe yo kubaho. Imyaka ugomba kubaho irarinze kandi ikomeza kongerwa mu buryo bw'umwuka kugira ngo Imana ihabwe icyubahiro.



ISENGESHO RY'UYU MUNSI

Mwami, ngushimiye ko urinda ubugingo bwanjye ku bw'umugambi wawe. Nakiriye imbaraga, uburame n'uburinzi bwawe, kandi nzaramira kuvuga imirimo yawe.



IJAMBO RYA GIHANUZI

Nanze gupfa nkiri umwana. Gusurwa n'Imana ku buzima bwanjye birandinda. Nzaramba kandi mbeho neza mu isi y'abazima, mvuga imirimo y'Uwiteka!



IBINDI BYANDITSWE
Yesaya 65:20



3UMUKORO WO GUSOMA BIBILIYA
MU MUNSI 365 - UMUNSI W'175
Luka 12:1-31; Zaburi 68-69



UWATANDUKANYIJE

1 Petero 1:16

Kuko byanditswe ngo “Muzabe abera kuko ndi uwera.

Abantu benshi batekereza ko ikinyuranyo cyo kwera ari icyaha, nyamara si ko biri – ahubwo ikinyuranyo cyo kwera ni ukuba umuntu uraho usanzwe. Uwera bisobanura uwatandukanyijwe, kuba udasanzwe ugereranyije n’isi n’indangagaciro zayo. Iyo ubyawe ubwa kabiri, uhita utandukanywa n’isi. Icyaha kitandukanya n’Imana, nyamara kumvira Ijambo ryayo bidutandukanya n’isi.

Abana b’Imana ntibagomba gutandukanywa n’isi gusa, ahubwo bakwiye gutandukanywa n’isi baja ku Mana. Kuvuka ubwa kabiri biguha uburenganzira busesuye bwo kuba umwana w’Imana, ariko kwitandukanya n’isi ku bw’Imana biguhindura igikoreshe gikwiriye gukoreshwa n’Umwami. Ibi biguha uburenganzira bwo kugendera mu butware n’imbaraga z’Imana biruta iby’umwanzi Satani.

Shyira imbere kumarana igihe n’Umwami Imana binyuze mu Ijambo rye, maze uzazamuke ugera ku mwuzuro w’umuntu Imana yaguhamagariye kuba we – ari we uwatandukanyijwe ku bw’Imana kandi ngo abe uw’Imana.



ISENGESHO RY’UYU MUNSI

Data, ntandukanyiriza kuba uwawe byuzuye. Uko ngendera mu kumvira no mu gukiranuka, umpindure igikoreshe gikwiriye gukoreshwa nawe, nitwaje ubutware kandi ngira umumaro mu isi mbamo.



IJAMBO RYA GIHANUZI

Imana yarantandukanyije kandi yarantoranyije. Mfite ubushobozi bwo guhindura ibintu, si mu buzima bwanjye gusa, ahubwo n’ahandi hose ngira ijambo. Amen!



IBINDI BYANDITSWE
2 Timoteyo 2:20-21



UMUKORO WO GUSOMA BIBILIYA MU
MINSI 365 – UMUNSI W’176

2 Ingoma 7-9; Ibyakozwe n’intumwa 21:1-17



URWEGO RWO HEJURU RWO KUGIRA IMPINDUKA

Abaroma 5:17

Kuko ubwo igicumuro cy'umwe cyateye ko urupfu rwimikwa n'umwe, ni na ko abahawe ubuntu busesekaye n'impano yo gukiranuka bazarushaho kwimikanwa ubugingo n'umwe ari we Yesu Kristo.

Impano y'Imana yo gukiranuka ituma abana bayo baganza muri ubu buzima. Gukiranuka bidushyira mu mwanya mwiza wo kubana n'Imana Data. Uko umuntu yaba atekereza ko yatannye uko ari ko kose, iyo yakiriye iyi mpano yo gukiranuka, araganza mu buzima.

Mu bwami ubwo ari bwo bwose, umwami ni we uba afite ububasha n'ijambo biruta iby'abandi bese. Imana yagize abana bayo abami. Ijambo kuganza rifitanye isano rya hafi n'ubwami, kuko abami ari bo bazana impinduka zikomeye mu buzima. Ijambo ry'ikigiriki ryo 'Kuganza' ni "basileuō" risobanura kugira ubutware bwo rwo ku rwego rwo hejuru cyangwa ububasha bwo gutegeka. Uyu ni umwaka wo kurushaho kumenya neza gukiranuka waherewe muri Kristo Yesu no gutangira gukoresha ubutware bwo hejuru mu buzima.



ISENGESHO RY'UYU MUNSI

Mwami, ngushimiye impano wampaye yo gukiranuka. Ndaganza muri ubu buzima ku bwa Kristo Yesu, nkagaragaza impinduka z'Imana kandi mfite ubutware ku bibazo byose mpura nabyo.



PROPHETIC DECLARATION

Nakiriye ubuntu bwinshi n'impano yo gukiranuka; bityo ndaganza muri ubu buzima! Ntabwo nyoborwa n'ibibazo, ahubwo ni jye ubigenga. Nkora nk'umwami, nkagaragaza ubutware mu bice byose by'ubuzima bwanjye. Amen!



IBINDI BYANDITSWE
Ibyahishuwe 1:6



UMUKORO WO GUSOMA BIBILIYA MU
MINSI 365 – UMUNSI W'177

2 Ingoma 10-12; Ibyakozwe n'intumwa
21:18-40



UMUTI W'AMAKUBA

esaya 48:10

Dore ndagutunganyije ariko si nk'ifeza, nkugeragereje mu ruganda rwo kubabazwa.

Nuhagarara ku Ijambo ry'Imana, uzasobanukirwa ko amakuba atazanywa no gusenya umwana w'Imana— ahubwo aza kumutunganya. Ijambo "gutunganya" rikoresheya muri uyu murongo ni Ijambo ry'Igiheburayo "tsaraph", risobanura gushyira ibyuma mu muriro kugira ngo bitandukanywe n'imyanda.

Nk'uko ifeza itunganywa incuro zirindwi (Zaburi 12:6), amakuba ahabwa uruhushya rwo gutwika ibitagomba kuba muri twe, akadutunganya tukaba abana b'Imana bakuze kandi batunganye. Umubare karindwi ugaragaza umwuzuro no gutungana, werekana ko ibyo wihanganira atari impanuka; ni umugambi w'Imana uri kubyara ikintu cy'igaciro gakomeye muri wowe.

Intumwa Pawulo, igihe yahuye n'amakuba, yavuze ko byamuteye gufukama agasenga. Ibyanditswe biravugaga bita: "Mbese hari ubabaye muri mwe? Nasenge" (Yakobo 5:13). Isengesho ni umuti w'amakuba uzatuma ushira icyubahiriro kidasanzwe.



ISENGESHO RY'UYU MUNSI

Data, uko mpura n'ibigeragezo, ntunganye ntibindimbure. Binyuze mu isengesho no mu kwizera, reka buri kigeragezo kimpindurire gukura, ngwiza imbaraga n'icyubahiriro mu buzima bwanjye.



IJAMBO RYA GIHANUZI

Ndimu ndatunganywa, sindi gusenya. Buri kigeragezo mu buzima bwanjye kiri kunzira icyubahiriro, nkakura ngwiza imbaraga. Uko nsenga, nzamurwa ntunganye kandi nuzuye muri Yesu! Amen!



IBINDI BYANDITSWE
1 Petero 1:6-7



UMUKORO WO GUSOMA BIBILIYA MU
MINSI 365- UMUNSI W'178
2 Ingoma 13-14; Ibyakozwe n'Intumwa 22

UMWETE MU BY'UMWUKA

Abaroma 12:11

Mwishime mufite ibyiringiro mwihanganira amakuba, mukomeze gusenga mushikamye.

Hari abakristo bagaburira imibiri yabo amafunguro atatu ku muni, ariko bagaha imyuka yabo agafunguro kamwe gakonje. Ijambo umwete rikoreshwa muri uyu murongo ni ijambo ry'Ikigiriki "zéo", risobanura guteka ikintu gisukika kugeza bibize cyangwa gushyira icyuma ku muriro kugeza gihindutse umutuku. Bityo, kuba "umunyamwete mu mwuka" bisobanura ko umwuka wawe uba uri kugurumana Ijambo ry'Imana, maze ukarabagirana bikanakugaragaraho. Ubusobanuro bwa Amplified buvuga ngo, "muhore mwaka kandi mushyushye mu Mwuka," naho ubwa Message bugira buti, "mugume mwuzuye umuriro kandi mufite imbaraga."

Bibiliya ivuga kuri Yohana Umubatiza ko yari "itara ryaka kandi rimurika cyane." Umwuka ufite umwete ukuzwa no guhuza na furekanse Imana ivugiraho binyuze mu gusenga mu ndimi kenshi, gukomeza kugira ishyamba mu bikorwa by'umwuka nko kujya mu materaniro, no kuguma wiyeguriye kwiga Ijambo ry'Imana. Uko ugumisha umwuka wawe ugurumana ijambo ry'Imana ni nako urushaho guhinduka itara ryaka rikamurikira isi yawe.



ISENGESHO RY'UYU MUNSI

Mwami, komeza umwuka wanjye ugire umwete kandi ugurumana. Uko nsenga kandi nkaguma nshinze imizi mu Ijambo ryawe, reka ubuzima bwanjye bwake cyane, bugaragaza icyubahiro cyawe aho njya hose.



IJAMBO RYA GIHANUZI

Nguma naka kandi mfite imbaraga mu mwuka wanjye, sinaba umunabwwe cyangwa ngo nciye intege, ahubwo mpora nshishikariye ibintu by'Imana. Hallelujah!



IBINDI BYANDITSWE
Ibyahishuwe 3:15-16



UMUKORO WO GUSOMA BIBILIYA MU
MINSI 365 – UMUNSI W'179

2 Ingoma 15-16; Ibyakozwe n'Intumwa
23:1-15

GUHAMA HAMWE!

Abaheburayo 12:1

Nuko natwe ubwo tugoswe n'igicucu cy'abahamya bangana batyo, twiyambure ibituremerera byose n'icyaha kibasha kutwizingiraho vuba, dusiganirwe aho dutegekwa twihanganye.

Umutwari ni ikintu kidaturuka ku Mana, ni ikintu kikudindiza kikakubaza gusohozza umugambi w'Imana ku buzima bwawe. Umutwari ushobora kuba ubwibone, imyitwarire mibi, imibanire itari myiza, cyangwa ikindi kintu cyose kigabanya umuvuduko w'iterambere ryawe ry'umwuka.

Ijambo ry'ikigiriki ryasemurira "kwihangana" muri uyu murongo ni ijambo "hupomone", risobanura gukomera no gukomeza udacogora mu gihe cy'ibigeragezo n'ibibazo. Kugira ngo tugende neza mu rugendo rwacu na Kristo, tugomba gushyira ku ruhande iyi mitwari kugira ngo tubashe gusiganwa isiganwa ryacu twihangana.

Intumwa Pawulo yatewe amabuye i Lusitira bamusiga ameze nk'uwapfuye, nyamara ntiyabihanganiye gusa ahubwo yanyuze muri ibyo bigeragezo mu buryo buhesha Imana icyubahiro. Guhama hamwe bisaba kuguma muri Kristo, ari we jambo kuko ijambo rye rikubakamo kamere nziza muri wowe mu bihe by'amakuba.



ISENGESHO RY'UYU MUNSI

Data, mfasha gushyira ku ruhande buri mutwari n'ikintu cyose kindangaza. Nkomezanya kwihangana binyuze mu ijambo ryawe kugira ngo nsiganwe irushanwa ryanjye kugeza ku musozo.



IJAMBO RYA GIHANUZI

Nshyize ku ruhande buri mutwari n'ikindangaza. Ijambo ry'Imana rirankomeza, kandi sinshobora guhagarikwa. Mpamye hamwe muri izina rya Yesu.



IBINDI BYANDITSWE
Yakobo 1:2-4



UMUKORO WO GUSOMA BIBILIYA MU
MINSI 365 -UMUNSI W'180

2 Ingoma 17-18; Ibyakozwe n'Intumwa
23:16-35

INZIRA NSHYA

Gutegeka kwa Kabiri 1:6

Uwiteka Imana yacu yatubwiriye i Horebu iti "Igihe mumaze kuri uyu musozi kirahagije.

Hari igihe kigera mu rugendo rwawe n'Imana, ku buryo kuguma ku rwego rumwe-mu by'umwuka, mu bwenze ndetse no mu mubiri bifatwa nk'agasuzuguro. Imana yabwiye Mose kwikomereza kuko Abisirayeli bari bamaze igihe kinini ku musozi Horebu. Nubwo Imana yari yarabasezeranyije igihugu gitemba amata n'ubuki, bigumiye i Horebu. I Horebu hari harabagushije neza bakumva bahafite icyubahiro, nyamara hagaragazaga iterambere ryakonje.

Imana ikunze gusesa hamwe mu hantu twumva tuguwe neza kuko iba iri kudutegurira aheza kurushaho. Uko tugenda dusatira impera z'uyu mwaka w'amavuta adasanze, menya neza udashidikanya ko Imana ari umuhanga mu gukora ibintu bishya. Iri kuguharurira inzira nshya kugira ngo zizane ubwiza bushya mu buzima bwawe. Ntutinye ibihangange biri imbere yawe. Komera kandi ugire umwete ni koko uzabona iterambere ryiza.



ISENGESHO RY'UYU MUNSI

Mwami, Nyobora mu mayira mashya wanteguriye. Uko ngenda imbere mu kwizera kandi mfite umwete, reka itangiriro rishya, iterambere, n'intsinzi biganze mu buzima bwanjye.



PROPHETIC DECLARATION

Mu kwizera, byaratunganye mu mwuka wanjye ko intsinzi nziza ari umurage wanjye! Uko nkomeza gutekereza ku ijambo ry'Imana, Ntuma inzira yanjye izamo iterambere. Ndatara kandi ndatega ko ndi umukire kurenza amahanga mu izina rya Yesu!



IBINDI BYANDITSWE
Zaburi 2:8



UMUKORO WO GUSOMA BIBILIYA MU
MINSI 365 – UMUNSI W'181
2 Ingoma 19-20; Ibyakozwe n'Intumwa 24



UMUYOBOZI WAWE WA GIHANUZI WA BURI MUNSI

InkuruNziza ya Buri Muni yishimiye kumurika ibyiciro bishya byandikiwe abana ndetse n'ingimbi mu buryo bwihariye, bikaba bije biherekeza icyiciro cyari gisanzwe. Buri cyiciro gitanga Ijambo rya gihanuzi rya buri muni rivuye ku mutima w'Umuhanuzi Uebert Angel, rikagaragazwa mu buryo bwumvikanira buri wese ku myaka ye kandi rigahuzwa buri wese mu muryango.

Izi nyigisho zanditswe neza kugira ngo Ijambo ry'Imana rigire ubuzima mu buryo bwisanisha n'ubuzima tubamo kandi rigire umumaro, bityo rifashe abarisoma gukura mu kwizera, mu bwenge ndetse no gukura mu mwuka. Intego yacu ni ugushimangira ko ukuri kw'Imana kugera ku mutima wa buri wese ku kigero cye, bikabatera gushaka kugirana urugendo rwimbitse n'Imana buri muni.



ICYICIRO CY'INGIMBI

Kiya byimbitse gikoresheje ihishurirwa rikomeye riha ubushobozi abato bwo kunyura mu bibazo by'isi bafite ubwenge bw'umwuka n'imbaraga.

ICYICIRO CY'ABANA

Cyanditswe ku buryo kibasha kugaragaza ukwizera, urukundo ndetse n'amasezerano y'Imana mu buryo bushimishije kandi bwisanisha na buri wese bigafasha imitima y'abana kugirana umubano ukomeye n'Imana kandi bikazana inyigisho za Bibiliya mu buzima busanzwe.

Buri muni, uzabona Ijambo ryawe rya Gihanuzi ryanditswe n'Umuhanuzi Uebert Angel, ubutumwa buva ku Mana bwo gukomeza urugendo rwawe n'Imana kandi bukakuyobora mu kubaho mu Ijambo ryayo. Ni uburyo bukomeye bwo gukura hamwe nk'umuryango mu kwizera kandi bigakomeza gusobanukirwa ukuri kw'Imana kwawe.

NTUCIKWE!

Tangira kubona imbaraga zihindura ziri mu InkuruNziza ya Buri Muni, umuyobozi wa gihanuzi wagenewe kuzamura ndetse no kwereka ibyiza buri kigero!





UMWAMI WACU YESU KRISTO

Umwami wacu Yesu Kristo ni we buye rukomeza imfuruka ry'Ukwizera kwa Gikristo, ubuzima bwe n'inyigisho ze byagize ingaruka ku mateka y'isi. Umwami wacu Yesu Kristo azwiho urukundo rutagereranwa, ubwenge, n'ibitangaza yakoze. Ubutumwe bushingiye ku rukundo, imbabazi, ndetse n'isezerano ry'Ubuzima buhoraho, bitanga ibyiringiro no gucungurwa kuri bose bamwizeye. Mu murimo we, yagiye hose ku butaka bw'I Yudeya, akiza abarwayi, ahumuriza abaremerewe, kandi yigisha iby'ubwami bw'Imana buhoraho.

Kwakira Yesu Kristo nk'Umwami n'Umukiza w'ubugingo bwawe bisobanuye kwakira inyigisho ze no kwemerera ukubaho kwe guhindura kukaza mu buzima bwawe. Ni urugendo rugana mu gutunganirwa kw'umwuka, rushinze imizi mu kwizera, urukundo, no mu isezerano ry'agakiza.

Mu Mwami wacu Yesu Kristo, tubonamo imbaraga, ibyiringiro, n'inzira ijyana ku mahoro adashira. Guhindurwa mushya, cyangwa se gukizwa, ni ukubaha Imana n'umugambi wyo ndetse n'ubushake bwayo ku buzima bwacu. Ni ukuva mu migendere yacu ya kera tugahundukirira Yesu Kristo, kumusaba imbabazi z'ibyaha byacu maze akaduha ubuzima bushya muri We.

Abaroma 10:9 haravuga hati: "Niwatuza akanwa kawe yuko Yesu ari Umwami, ukizera mu mutima wawe yuko Imana yamuzuye uzakizwa."

Agakiza ni impano itagira ikiguzi duhabwa n'Imana maze tukaba abana bayo. Ni ukwemezwa kudasubirwaho mu muryango w'Imana kandi ni imbaraga duhabwa zo kubaho ubuzima bwuzuye kandi bwiza dufite intego yo kwerekana Imana ku bindi biremba byayo.



ESE WAKIRIYE

YESU KRISTO?

"kandi Umwana w'umuntu yazanywe no gushaka no gukiza icyari cyazimiye." -Luka 19:10

TURAGUTUMIYE KUGIRA NGO UHINDURE YESU KRISTO UMWAMI W'UBUZIMA BWawe MU GUSENGA IRI SENGESHO

O Mwami Imana, nje iwawe mu Izina rya Yesu Kristo. Nizeye n'umutima wanjye wose muri Yesu Kristo, Umwana w'Imana Nzima. Nizeye ko yampfiriye kandi Imana ikamuzura mu bapfuye. Nizeye ko ari muzima uyu muni. Ndatuza akanwa kanjye ko Yesu Kristo ari umwami w'ubuzima bwanjye guhera uyu muni. Muri We no mu Izina rye, mfite ubugingo buhoraho; mvutse ubwa kabiri. Urakoze Mwami, gucungura ubugingo bwanjye! Ubu ndi umwana w'Imana. Haleluya!

Mbega ibyishimo!

Ubu ubaye umwana w'Imana.

Komeza gukura uguma mu Ijambo ry'Imana, usenga buri muni, kandi ukomeze ukwizera kwawe. Imana igufitiye ibyiza bihambaye mu rugendo rwawe ruri imbere!

**Ukeneye ubufasha kugira ngo ukomeze gukura
muri Kristo waduhamagara:**

UK: +44 3333 448 612 | **USA** +1 240 781 6942

RSA: +27 51 004 0209 | **ZWE** +263 773 195 955

Email: gnd@goodnewsworld.com





ICYANDITSWE CY'

UBURINZI

Ukikijwe n'imbaraga z'Imana, nta cyago cyahagarara imbere yawe!

YESAYA 54.

14. Nubatswe nkomeye, nshinzwe mu gukiranuka. Kure y'ikibazo cyose – ntacyo gutinya! Kure y'ibiteye ubwoba – ntabwo bizananyegera!

15. Umuntu uwari we wese nantera, ntabwo nzatekereza na rimwe ko ari Imana yamwohereje. Kandi nantera, ntakizavamo.

16. Imana yaremye umucuzi utwika inyundo ye, agakora intwari yagenewe kwica. Ni nayo yaremye umurimbuzi.

17. Ariko nta ntware yagira icyo intwara yigeze icurwa. Uwo ari we wese undega azirukanwa nk'umunyabinyoma. Ndi umukozi w'Imana bityo iki nicyo nategereza, ko Imana izakora ku buryo buri kintu gikorera kuzana ibyiza birusha ibindi byose ku bwanjye.

IBI NI BYO IMANA IMBWIRA KANDI NTIBIZABURA GUSOHORA MU IZINA RYA YESU!

Ukeneye ubufasha kugira ngo ukomeze gukura muri Kristo waduhamagara:

UK: +44 3333 448 612 | **USA** +1 240 781 6942

RSA: +27 51 004 0209 | **ZWE** +263 773 195 955

Email: gnd@goodnewsworld.com





IYEREKWA RY'ISI YOSE

RIKENERA INGENGO Y'IMARI Y'ISI YOSE

BA UMUFATANYABIKORWA W'INKURU NZIZA YA BURI MUNSI



Buri kwezi abafatanyabikorwa bacu, bashyikiriza ibitabo by'iyi nyigisho y'Inkuru Nziza ku buntu ku bantu bari mu bigo by'imfunyi, za gereza, mu bitaro, mu nzu z'abakuze, mu bigo bya leta ndetse n'ahandi henshi ku isi yose. Twakiriye ubuhamya bw'abakiriye agakiza, abakize indwara, guhabwa kw'igitangaza n'ibindi byinshi byaje nk'umusaruro wo gutanga iyi nyigisho ku isi yose.

Ifatanye hamwe natwe muri uyu murimo w'Imana uha umuntu amahirwe yo gutangira bundi bushya no kugira ibyiringiro by'ejo hazaza.

Ifatanye natwe uba Umufatanyabikorwa n'Inkuru Nziza ya Buri Munsi

UK: +44 3333 448 612 | **USA** +1 240 781 6942

RSA: +27 51 004 0209 | **ZWE** +263 773 195 955

Email: gnd@goodnewsdaily.com





UBUTUMWA BUMWE

MUNDIMI NYINSHI

KUKO UBUTUMWA BWA KRISTO BUTAGIRA UMUPAKA W'URURIMI

InkuruNziza ya Buri Muni iri guhindura ubuzima ku isi yose binyuze mu kuyisemura mu ndimi nyinshi, biha amahirwe benshi yo kuyisoma bakamenya ubumenyi bwa Yesu Kristo bukiza. Mu bihugu no mu mico itandukanye, abantu batandukanye babona Ijambo rya Gihanuzi kandi bakabaho ubuzima bw'impinduka hamwe n'Imana muri iyi nyigisho.



InkuruNziza ya Buri Muni iri kurenga imbibi kandi ikavuga byeruye mu mitima y'abantu mu rurimi rwabo bumva. Kuva mu ngo no mu mashuri kugera mu nsengeru, za kaminuza ndetse no mu bayobozi n'abakuru b'ibihugu, iri kugera muri buri rwego rw'imibereho.

Mu gutwara Ijambo ry'Umuhanuzi Uebert Angel muri buri gihugu ndetse na buri rurimi, InkuruNziza ya buri muni iri gufasha mu gusohozza umukoro ukomeye wo kubwiriza ubutumwa bwiza muri iki gihe.

KUGIRA NGO UBE UMUFATANYABIKORWA WASURA URUBUGA RWACU:

IKAZE KU
RUBUGA RWACU



MENYA BYINSHI USURA URUBUGA RWACU UYU MUNSI

Sura urubuga rw'Inkuru Nziza ya Buri Munsi kugira ngo ubone inyigisho z'abakuru, ingimbi ndetse n'abana, buri yose yandikanywe ubushishozi kugira ngo ikomeze kwizera kwawe kandi yongerera kumva Ijambo ry'Imana kwawe byimbitse. Urubuga rwacu kandi ruriho n'inyigisho zikomeye z'Umuhanuzi Uebert Angel, amakuru agezweho ku bikorwa by'Inkuru Nziza ya buri Munsi, ndetse n'ibindi bikoreshe byagenewe kugufasha gukura no gukomera muri buri gice cy'ubuzima bwawe.

Waba ukeneye Ijambo ryo kugukomeza buri munsi, ihishurirwa ryimbitse, cyangwa se uburyo bwo gukomeza kumenya amakuru yo mu isi y'Inkuru Nziza (GoodNews World), buri cyose wifuza kuboneka hamwe ku rubuga rw'Inkuru Nziza ya buri munsi (GoodNews Daily Website)



Dukurikire ku mbuga nkoranyambaga:

@goodnewsdailydevotional


For daily encouragement, teachings and uplifting messages.

URUBUGA RWACU

DUKURIKIRE BURI MUNSI



Ngwino mu muryango w'abatangira umunsi bumva inyigisho y'Inkuru Nziza ya buri muni ku isi yose. Umva Inkuru Nziza ku rubuga rwa Spotify maze igufashe mu rugendo rwawe rwo gukura mu mwuka no kumenya ukuri kwa Bibiliya muni y'ihishurirwa n'inyigisho z'Umuhanuzi Uebert Angel.



DUKURIKIRE BURI MUNSI



Tukugezaho ubuhamya bwabayeho bugaragaza uko inyigisho y'Inkuru Nziza ya buri muni yagize umumaro ukomeye ku isi yose binyuze ku rugaba rwacu kuri YouTube. Nk'inyigisho ya buri muni ya mbere, yakozwe ku buzima bw'imbaga y'abantu, isakaza ubutumwa bwo kwiringira, urukundo n'ukwizera. Mu nyigisho zikomeye z'Umuhanuzi Uebert Angel, inyigisho y'Inkuru Nziza ya buri muni yabaye igikoreshe gikomeye kizana impinduka, kiyobora abizera kandi kigakomeza urugendo rwabo n'Imana.



SUBSCRIBE NOW

KOMEZA UDUKURIKIRE, UKOMEZE WIGE



**SHYIRAMO APPLICATION IGUFASHA KUBYUKA
WUMVA INKURU NZIZA HANO:**

WWW.GOODNEWSDAILYDEVOTIONAL.COM



INGINGO YA 2 | 2026

MATA - GICURASI - KAMENA

Inkuru Nziza ya Buri Minsi ni inyigisho itunganywa na Spirit Embassy: Urusengero rw'Inkuru Nziza, isakaza inyigisho za Gihanuzi n'ihishurirwa ry'Umuhanuzi Uebert Angel. Yashyirweho gusakaza ubutumwa bwa Yesu Kristo no gukomeza abizera mu Ijambo ry'Imana.

KU BINDI BISOBANURO, UKENEYE ISENGESHO CYANGWA USHAKA KWIFATANYA NATWE, WAHAMAGARA ISHAMI RIKWEGEREYE

Izina ry'ishami:

Izina ry'uhamagarwa:

Telephone:

Email:

Aho baherereye:

Copyright © 2026 by Uebert Angel

All rights reserved.

support@goodnewsworld.com

www.goodnewsworld.com

Ukeneye ibindi bisobanuro cyangwa se gutanga ubuhamya:

gnd@goodnewsworld.com | www.goodnewsdailydevotional.com

Ukeneye ko tugufasha mu rugendo rwo gukura nk'Umukristo waduhagara:

UK: +44 3333 448 612 | USA +1 240 781 6942

RSA: +27 51 004 0209 | ZWE +263 773 195 955

Email: gnd@goodnewsworld.com





For further information on how to
grow as a Christian, please get in
touch with us at:

UK: +44 3333 448 612
USA +1 240 781 6942
RSA +27 51 004 0209
ZWE +263 773 195 955

gnd@goodnewsworld.com
goodnewsdailydevotional.com

**SCAN FOR YOUR
FREE DOWNLOAD**

